18° **adoption**: a system that creates a parent-child relationship between a child and a person who is not the child's biological parent;

sait si elle est encore en vie ou morte ;

13° **nom** : désignation légalement reconnue donnée à une personne physique;

14° **nom de vœux religieux** : nom donné à un religieux lorsqu'il prononce ses vœux dans une congrégation religieuse ;

15° **autorité parentale :** droits et devoirs des parents ou de toute autre personne reconnue par la loi à l'égard d'un mineur ou d'un mineur non-émancipé et de son patrimoine et dont l'exercice se fait dans l'intérêt de ce mineur;

16° **capacité d'une personne**: aptitude reconnue par la loi à une personne physique à poser des actes juridiques tout en assumant personnellement la responsabilité de ses actes;

17° **personnalité juridique d'une personne**: capacité de tout être humain à être titulaire des droits et des devoirs depuis sa naissance jusqu'à sa mort;

**adoption**: système qui crée un lien de filiation entre un enfant et une personne qui n'est pas son parent biologique;

19° **umuntu :** ikiremwa muntu ku giti cyacyo gifite ubuzima gatozi bwihagije kandi cyemerewe kugira uburenganzira n'inshingano;

20° **umuryango:** itsinda ry'abantu bafitanye isano hagati yabo ishingiye ko bamwe bakomoka ku bandi, ku mategeko cyangwa ku bushyingiranywe; rishobora kuba rigizwe n'ababyeyi, abana, ababakomokaho ndetse n'abo mu miryango y'abashyingiranywe nabo;

21° **urwego rufite ububasha mu bijyanye no kubera umubyeyi umwana utabyaye:** urwego rwa Leta rushinzwe gusuzuma no gukurikirana ibyerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga rukanagenzura ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

19° **person:** a human being who enjoys full legal personality and has rights and duties;

20° **family:** a group of persons related by kinship, law or marriage; it may include parents, children, their descendants and in-laws;

21° **competent authority in adoption matters:** a public authority responsible for considering and monitoring domestic and intercountry adoption and supervising its implementation.

18° **personne** : être humain doté de la personnalité juridique et de la liberté de jouir des droits et des devoirs ;

19° **famille** : ensemble de personnes ayant une relation basée sur la parenté, la loi ou le mariage ; il peut comprendre les parents, les enfants, leurs descendants et les membres de la belle- famille ;

20° **autorité compétente en matière d'adoption** : organe de l'Etat chargé d'examiner l'adoption nationale et internationale, d'en faire le suivi et d'en assurer la mise en œuvre.

## <u>INTERURO YA II</u>: AMAHAME RUSANGE

### <u>Ingingo ya 3</u>: Ihame ryo kudasubira inyuma kw'itegeko

Itegeko rishyirirwaho kugenga ibizakorwa ritangiye gukurikizwa; ntirishobora kugira inkurikizi ku bikorwa byabaye ritaratangira gukurikizwa keretse iyo biteganyijwe ukundi.

## <u>TITLE II</u>: GENERAL PRINCIPLES

### <u>Article 3 :</u> Principle of non- retroactivity of law

The law provides only for the future and cannot have a retroactive effect unless otherwise provided.

## <u>TITRE II</u>: PRINCIPES GENERAUX

### <u>Article 3</u> : Principe de non-rétroactivité de la loi

La loi ne dispose que pour l'avenir; elle n'a point d'effet rétroactif sauf stipulation contraire.

**Ingingo ya 4: Kurengera uburenganzira bwa muntu, umudendezo wa rubanda n'imyifatire mbonezabupfura**

Amasezerano y'abantu ku giti cyabo ntagomba kunyuranya n'amategeko arengera uburenganzira bwa muntu cyangwa arebana n'umudendezo wa rubanda n'imyifatire mbonezabupfura.

**Ingingo ya 5: Agaciro k'amategeko yo mu bindi bihugu, imanza n'amasezerano byakorewe mu mahanga**

Amategeko, imanza, amasezerano mpuzamahanga n'amasezerano yihariye byo mu mahanga ntibishobora kugira agaciro mu Rwanda mu gihe bibangamiye umudendezo wa rubanda, binyuranyije n'inyungu rusange z'igihugu cyangwa n'umuco rusange nyarwanda.

**Ingingo ya 6: Itegeko rikoreshwa ku byerekeye imimerere n'ubushobozi by'abantu**

Imimerere n'ubushobozi by'Abanyarwanda, baba ababa mu Rwanda n'ababa mu mahanga, bigengwa n'amategeko y'u Rwanda.

Icyakora, Umunyarwanda utuye mu mahanga ufite ubwenegihugu burenze bumwe ashobora kugengwa n'itegeko yihitiyemo ryaba iry'u Rwanda cyangwa iry'igihugu kindi abereye umwenegihugu.

Imimerere n'ubushobozi by'umunyamahanga uri mu Rwanda kimwe n'imibanire ye n'umuryango

**Article 4: Protection of human rights, public order and morality**

No agreement of private parties is construed as derogating from laws protecting human rights or those relating to public order and morality.

**Article 5: Effect of foreign laws, judgments and agreements**

Foreign laws, judgments, international agreements and private agreements having effect in foreign countries shall not have any effect in Rwanda when they are contrary to public order, social interest or Rwandan public morals.

**Article 6: Law applicable to status and capacity of persons**

The status and capacity of Rwandans, both living in and outside Rwanda are governed by Rwandan laws.

However, a Rwandan national with dual nationality domiciled abroad may be governed by the law of his/her choice, either that of Rwanda or that of another country of which he/she is a citizen.

The status and capacity of a foreigner residing in Rwanda, as well as his/her family relationships, are

**Article 4: Protection des droits de la personne, de l'ordre public et des bonnes mœurs**

On ne peut déroger, par des conventions particulières, aux lois qui protègent les droits de la personne ou qui intéressent l'ordre public et les bonnes mœurs.

**Article 5: Effet des lois, des jugements et des conventions étrangers**

Les lois, les jugements, les conventions internationales et les conventions privées des pays étrangers ne peuvent avoir d'effet au Rwanda lorsqu'ils sont contraires à l'ordre public, à l'intérêt social ou à la morale publique rwandaise.

**Article 6: Loi applicable à l'état et à la capacité des personnes**

L'état et la capacité des Rwandais que ce soient ceux vivant au Rwanda ou à l'étranger, sont régis par les lois rwandaises.

Toutefois, un ressortissant rwandais ayant la double nationalité domicilié à l'étranger peut être régi par la loi de son choix que ce soit celle du Rwanda ou d'un pays tiers dont il est citoyen.

L'état et la capacité d'un étranger se trouvant au Rwanda ainsi que ses rapports de famille sont régis

we, bigengwa n'itegeko ry'igihugu cye mu gihe bitabangamiye amategeko ndemyagihugu y'u Rwanda. Iyo adafite ubwenegihugu buzwi, imimerere n'ubushobozi bye bigengwa n'amategeko y'u Rwanda.

**Ingingo ya 7: Itegeko rikoreshwa ku byerekeye uburenganzira mbonezamubano ku mutungo**

Uburenganzira mbonezamubano ku mutungo wimukanwa n'utimukanwa, bigengwa n'itegeko ry'aho uwo mutungo uri.

**Ingingo ya 8: Itegeko rikoreshwa ku nyandiko zikozwe hagati y'abakiriho**

Inyandiko zikozwe hagati y'abakiriho zigengwa na:

1° itegeko ry'igihugu zakorewemo ku byerekeye uko ziteye. Icyakora, inyandiko bwite zishobora gukorwa hakurikijwe uburyo bwemewe n'amategeko y'igihugu abagirana amasezerano bakomokamo;

2° itegeko ry'aho inyandiko yakorewe, ku byerekeye icyo zivuga, inkurikizi zazo n'ibimenyetso, keretse iyo abagiranye inyandiko babishatse ukundi.

governed by the law of his/her country provided it is not contrary to public order and good morals consistent with Rwandan law. In case of unknown nationality, his/her status and capacity are governed by Rwandan laws.

**Article 7: Law applicable to civil rights with respect to property**

Civil rights with respect to movable and immovable property are governed by the law of the place where the property is located.

**Article 8: Law applicable to inter vivos deeds**

Inter vivos deeds are governed:

1° as to the form, by the law of the place where they are made. However, private deeds may be made in compliance with the standards legally acceptable under laws of the country of origin of parties;

2° as to the substance, effects and evidence, by the law of the place where the deeds are made unless otherwise agreed by the parties.

par la loi du pays auquel il appartient pourvu que cela ne soit pas contraire à l'ordre public et aux bonnes mœurs conformes à la loi rwandaise. A défaut de nationalité connue, son état et sa capacité sont régis par la loi rwandaise.

**Article 7: Loi applicable aux droits civils en matière de biens**

Les droits civils en matière de biens, tant meubles qu'immeubles, sont régis par la loi du lieu où ces biens sont situés.

**Article 8: Loi applicable aux actes entre vifs**

Les actes entre vifs sont régis :

1° quant à la forme, par la loi du lieu où ils sont faits. Toutefois, les actes sous seing privé peuvent être passés dans les normes légalement admises par les lois du pays d'origine des parties ;

2° quant à leur substance, à leurs effets et à leur preuve, sauf stipulation contraire des parties, par la loi du lieu où ils sont conclus.

**<u>IGICE CYA II</u>: ABANTU**

**<u>INTERURO YA MBERE</u>: UBUZIMAGATOZI**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: ITANGIRA RY'UBUZIMAGATOZI N'INGARUKA ZABWO**

**<u>Ingingo ya 9</u>: Itangira ry'ubuzimagatozi**

Umuntu agira ubuzimagatozi kuva akivuka. Ubuzimagatozi ni bwo shingiro ry'uburenganzira mbonezamubano.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Uburenganzira mbonezamubano bw'umwana wasamwe**

Umwana wasamwe afite uburenganzira mbonezamubano bwemererwa buri muntu apfa gusa kuvuka ari muzima.

Umwana wasamwe afatwa nk'uwavutse igihe cyose hagamijwe inyungu ze.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ubwisanzure ku burenganzira mbonezamubano**

Umuntu wese afite ubwisanzure ku burenganzira mbonezamubano.

Umunyamahanga uri mu Rwanda agira uburenganzira mbonezamubano mu gihugu nk'ubw'abanyarwanda keretse aho amategeko

**<u>PART II</u>: PERSONS**

**<u>TITLE ONE</u>: LEGAL PERSONALITY**

**<u>CHAPTER ONE</u>: COMMENCEMENT AND EFFECTS OF LEGAL PERSONALITY**

**<u>Article 9:</u> Commencement of legal personality**

A person's legal personality commences from the time of birth. The legal personality is the foundation of civil rights.

**<u>Article 10:</u> Civil rights of a conceived child**

A conceived child is entitled to civil rights recognized for every person, provided he/she is born alive.

A child, simply by virtue of being conceived is deemed to have been born whenever its interests so dictate.

**<u>Article 11:</u> Freedom to enjoy civil rights**

Every person is free to exercise civil rights.

A foreigner enjoys in Rwanda the same civil rights as those granted to Rwandans unless otherwise provided by law.

**<u>PARTIE II</u>: PERSONNES**

**<u>TITRE PREMIER</u>: PERSONNALITE JURIDIQUE**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DEBUT ET EFFETS DE LA PERSONNALITÉ JURIDIQUE**

**<u>Article 9 :</u> Début de la personnalité juridique**

La personne acquiert la personnalité juridique dès sa naissance. La personnalité juridique est la base des droits civils.

**<u>Article 10</u>: Droits civils de l'enfant conçu**

L'enfant conçu jouit des droits civils reconnus à toute personne pourvu qu'il naisse vivant.

L'enfant simplement conçu est réputé né toutes les fois que ses intérêts l'exigent.

**<u>Article 11</u> : Liberté de jouissance des droits civils**

Toute personne est libre d'exercer les droits civils.

Un étranger qui se trouve sur le territoire du Rwanda y jouit de tous les droits civils reconnus aux Rwandais, sauf disposition contraire prévue par la

abiteganya ukundi.

**Ingingo ya 12: Ubushobozi bwo gukoresha uburenganzira mbonezamubano**

Umuntu wese, yaba umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, afite ubushobozi bwo gukoresha mu gihugu uburenganzira mbonezamubano bwe keretse aho amategeko ateganya guhagararirwa cyangwa kunganirwa.

Umuntu wese akoresha uburenganzira mbonezamubano bwe mu izina rye riri mu nyandiko y'ivuka.

Gukoresha nabi uburenganzira mbonezamubano no kubukoresha mu buryo burenze cyangwa budasobanutse, hagamijwe kubangamira undi muntu, ntibyemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 13: Gukoresha uburenganzira mbonezamubano nta buryarya**

Buri wese ategetswe gukoresha uburenganzira mbonezamubano bwe ahabwa n'amategeko no kurangiza inshingano ze yemeye nta buryarya.

Kutagira uburyarya mu migirire bifatwa nk'ibiriho iyo itegeko ribiteganyiriza akamaro gashingiye ku burenganzira riguha.

Ntawe ushobora kwitwaza ko yakoze ikintu nta buryarya iyo gitandukanye n'ubushishozi asabwa kugira.

**Article 12: Capacity to exercise civil rights**

Every person, whether a Rwandan or a foreigner, has the capacity to exercise his/her civil rights except where the law provides for representation or assistance.

Every person exercises his/her civil rights under the name assigned to him/her in his/her birth record.

Abuse and excessive or unreasonable exercise of civil rights with the intent to inflict harm upon another shall not be protected by law.

**Article 13: Good faith in the exercise of civil rights**

Every person is bound to exercise his/her civil rights recognized by law and perform his/her obligations in good faith.

Where the law makes an emergence or effects of a right conditional on the good faith of a person, there is a presumption of good faith.

A person shall not invoke the presumption of good faith if he/she has failed to exercise the diligence required by the circumstances.

loi.

**Article 12 : Aptitude d'exercer les droits civils**

Toute personne, qu'elle soit rwandaise ou étrangère, est apte à exercer pleinement ses droits civils, sauf dans le cas où la loi prévoit un régime de représentation ou d'assistance.

Toute personne exerce ses droits civils sous le nom qui lui est attribué dans son acte de naissance.

L'abus d'un droit civil ainsi que l'exercice excessif ou déraisonnable d'un droit civil en vue de nuire à autrui ne sont pas protégés par la loi.

**Article 13: Bonne foi dans l'exercice des droits civils**

Chacun est tenu d'exercer ses droits civils lui reconnus par la loi et d'exécuter ses devoirs selon les exigences de la bonne foi.

La bonne foi est présumée lorsque la loi en fait dépendre la naissance ou les effets d'un droit.

Nul ne peut invoquer sa bonne foi, si elle est incompatible avec l'attention que les circonstances permettaient d'exiger de lui.

**UMUTWE WA II: IRANGIRA RY'UBUZIMAGATOZI**

**Ingingo ya 14: Impamvu z'irangira ry'ubuzimagatozi**

Ubuzimagatozi bw'umuntu burangizwa n'urupfu cyangwa urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu wabuze cyangwa wazimiye.

**Icyiciro cya mbere: Urupfu**

**Ingingo ya 15: Ikimenyetso gihamya urupfu**

Ikimenyetso gihamya urupfu ni inyandiko yemeza ko umuntu yapfuye itangwa n'urwego rubifitiye ububasha keretse igihe itegeko ryemera ubundi bwoko bw'ibimenyetso.

**Ingingo ya 16: Urupfu rw'abantu bapfiriye rimwe**

Iyo abantu benshi bapfuye kandi bidashoboka kugaragaza uwasigaye muri bo, cyangwa uwababanjirije cyangwa uwabaherutse, bavuga ko bapfiriye rimwe.

**Icyiciro cya 2: Ibura**

**Ingingo ya 17: Gusaba urukiko guca urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu wabuze**

Igihe umuntu yabuze ku buryo kwemeza urupfu rwe bidashidikanywaho n'aho umurambo we waba

**CHAPTER II: TERMINATION OF LEGAL PERSONALITY**

**Article 14: Grounds for termination of legal personality**

Legal personality of a natural person is terminated by death or, in the event of absence or disappearance, by a declaratory judgment of death.

**Section One: Death**

**Article 15: Proof of death**

The proof of death is established by a death record issued by the competent authority except where the law provides for any other form of proof.

**Article 16: Death of persons having died at the same time**

If it cannot be proved that, of a group of several deceased persons, one survived another or one died first or last, all are deemed to have died at the same time.

**Section 2 : Disappearance**

**Article 17: Applying to the court for a declaratory judgment of death of the disappeared**

When a person disappears such that his/her death is established beyond doubt, even if his/her body

**CHAPITRE II : FIN DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE**

**Article 14: Causes mettant fin à la personnalité juridique**

La personnalité juridique d'une personne prend fin par son décès ou par un jugement déclaratif de décès en cas de disparition ou d'absence.

**Section première: Décès**

**Article 15: Preuve de décès**

La preuve de décès s'établit par l'acte de décès délivré par l'autorité compétente hormis les cas où la loi autorise un autre mode de preuve.

**Article 16: Décès de plusieurs personnes mortes au même moment**

Lorsque plusieurs personnes sont mortes sans qu'il soit possible d'identifier laquelle d'entre elles a survécu ou est morte avant ou après les autres, leur décès est présumé avoir eu lieu au même moment.

**Section 2 : Disparition**

**Article 17: Demander à la juridiction de rendre un jugement déclaratif de décès du disparu**

Lorsqu'une personne a disparu dans des circonstances telles que sa mort est certaine, bien

utarabonetse cyangwa warabonetse hakabura icyemezo ko ari uwe koko, umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gitangaza urupfu rw'uwo muntu mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe.

Iyo urupfu rutewe n'impanuka nko kurohama, guhanuka mu kirere, umutingito w'isi cyangwa inkangu ku buryo bugaragaza ko amaherezo y'iyo mpanuka ari uko yahitanye abantu benshi, urupfu rw'abo bantu rushobora gutangarizwa mu cyemezo gifatiwe hamwe.

Mbere yo gufata icyemezo ku kirego yashyikirijwe, umucamanza afata icyemezo gisaba buri muntu wese waba ufite amakuru kuri uwo muntu wabuze kuyamushyikiriza. Imenyekanisha ry'icyo cyemezo rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga imenyesharuhame mu miburanishirize y'imanza z'imbonezamubano.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Urukiko rufite ububasha bwo gutangaza urupfu rw'uwabuze**

Ikirego gisaba gutangaza ko uwabuze yapfuye, gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha rw'aho uwabuze yari atuye cyangwa yabaga.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Umunsi ufatwa nk'aho umuntu wabuze ariwo yapfiriyeho**

Urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu runemeza umunsi ufatwa nk'aho ari wo yapfiriyeho**,** hashingiwe ku mpamvu zabiteye.

is yet to be found or has not been identified, any interested person may, by unilateral petition, apply to the court for a declaratory judgment of his/her death.

When the death is caused by such incidents as shipwreck, air disaster, earthquake or landslides whereby there are grounds to believe that several persons were killed, the death of such persons may be declared in a collective judgment.

Before deciding on the petition, the judge orders any person who may have information on that disappeared person to provide him/her with such information. The order is published in accordance with legal provisions relating to service by publication that applies to the civil procedure.

**<u>Article 18:</u> Competent court for declaration of the disappeared person's death**

A petition for the declaration of the disappeared person's death is filed with the competent court of the place of the disappeared person's domicile or residence.

**<u>Article 19</u>: Presumed date of death of the disappeared**

A declaratory judgment of death also specifies the presumed date of death, based on the circumstances surrounding the death.

que son corps n'ait pas été retrouvé ou identifié, tout intéressé peut, par voie de requête unilatérale, demander à la juridiction de rendre un jugement déclaratif de son décès.

Si le décès est dû à un événement tel qu'un naufrage, une catastrophe aérienne, un tremblement de terre, un glissement de terrain, par l'effet duquel il y a lieu de croire que plusieurs personnes ont péri, le décès de ces personnes peut être déclaré par un jugement collectif.

Avant de statuer sur la requête, le juge rend une ordonnance enjoignant à toute personne qui aurait des informations concernant cette personne disparue de les lui soumettre. Cette ordonnance est publiée conformément aux dispositions légales régissant la signification par avis public en matière de la procédure civile.

**<u>Article 18</u> : Juridiction compétente pour déclarer le décès du disparu**

L'action demandant la déclaration de décès du disparu est introduite devant la juridiction compétente du lieu de domicile ou de résidence du disparu.

**<u>Article 19</u>: Date présumée du décès du disparu**

Le jugement déclaratif de décès fixe également la date présumée du décès, sur base des circonstances du décès.

**Ingingo ya 20: Inyandiko igaragaza urupfu rw'umuntu wabuze**

Urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu wabuze rutegeka umwanditsi w'irangamimerere gukora inyandiko y'urupfu rw'uwo muntu.

Umwanditsi w'irangamimerere ubifitiye ububasha ni uw'aho uwabuze yari ari, uw'ahari icyambu cyangwa uwo mu gihugu cy'amahanga ibura ryabereyemo.

Umwanditsi w'irangamimerere wakoze inyandiko y'urupfu rw'umuntu wabuze agomba, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), koherereza kopi yayo umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwabuze yari atuye kugira ngo ahite ayandika mu gitabo cy'inyandiko z'abapfuye.

**Ingingo ya 21: Kuboneka k'umuntu nyuma y'urubanza rutangaza ko yapfuye**

Iyo umuntu urukiko rwemeje ko yapfuye abonetse, urubanza ruteshwa agaciro n'urukiko rwaruciye bisabwe na we cyangwa n'undi muntu wese ubifitemo inyungu.

Urubanza rutesha agaciro urwarubanjirije rutangaza urupfu, rutegeka umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwari watangajwe ko yapfuye atuye, gutesha agaciro inyandiko igaragaza ko umuntu yapfuye.

**Article 20: Death record of the disappeared person**

The declaratory judgment of the disappeared person's death orders the civil registrar to issue the disappeared person's death record.

The competent civil registrar is the one of the place where the disappeared person was residing, of the port or diplomatic mission abroad where the disappearance took place.

The civil registrar who issues a death record of the disappeared person sends, within three (3) months, the copy of the record to the civil registrar of the disappeared person domicile, who immediately enters it in the register of deaths.

**Article 21: Reappearance of a person after delivery of a declaratory judgment of death**

If the person whose death has been judicially declared reappears, the judgment is annulled by the court having delivered it at his/her petition or at the petition of any other interested person.

The judgment annulling the earlier declaratory judgment of death orders the civil registrar of the domicile of the person whose death has been declared to cancel the death certificate.

**Article 20: Acte de décès du disparu**

Le jugement déclaratif de décès du disparu ordonne à l'officier de l'état civil d'en dresser l'acte de décès.

L'officier de l'état civil compétent est celui du lieu où l'absent résidait, du port d'attache ou de la mission diplomatique où l'absence a eu lieu.

L'officier de l'état civil qui a dressé l'acte de décès de l'absent doit, endéans trois (3) mois, envoyer à l'officier de l'état civil du domicile de l'absent une expédition de cet acte, laquelle est immédiatement transcrite sur le registre des décès.

**Article 21: Réapparition d'une personne après le jugement déclaratif de décès**

Si la personne dont le décès a été déclaré par la juridiction réapparaît, le jugement est annulé par la juridiction qui l'a rendu, à sa requête ou à celle de toute personne intéressée.

Le jugement annulant le jugement déclaratif de décès antérieurement rendu ordonne à l'officier de l'état civil du lieu du domicile de la personne dont le décès a été déclaré d'annuler le certificat de décès.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Izimira**

**<u>Akiciro ka mbere</u>: Gukeka ko umuntu akiriho**

**<u>Ingingo ya 22</u>: Igihe cyo gukeka ko umuntu akiriho**

Iyo umuntu yazimiye kandi ntawe yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, bavuga ko akiriho mu gihe cy'imyaka ibiri (2) bahereye ku munsi baherukiraho amakuru yemeza ko akiriho.

Iyo hari umuntu yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, bavuga ko akiriho mu gihe cy'imyaka ine (4).

**<u>Ingingo ya 23</u>: Imicungire y'umutungo w'umuntu wazimiye hakekwa ko akiriho**

Mu gihe umuntu wazimiye hakekwa ko akiriho, umutungo we ucungwa n'uwo bashyingiranywe hatitawe ku masezerano y'icungamutungo abashyingiranywe bari barahisemo, keretse urukiko rubigennye ukundi.

Iyo uwazimiye hakekwa ko akiriho atari yarashyingiwe, kandi akaba nta muntu yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, Inama y'umuryango igena ushinzwe gucunga umutungo we. Iyo bishoboka, ava mu bashobora kuzamuzungura.

Iyo Inama y'umuryango idashoboye gushyiraho umuntu ucunga umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho cyangwa havutse izindi mpaka, umuntu

**<u>Section 3:</u> Absence**

**<u>Subsection One:</u> Presumption of life**

**<u>Article 22</u>: Period of presumption of life**

When a person has been absent without having appointed an authorized representative, he/she is presumed to be alive for two (2) years from the day the latest reports of his/her existence are received.

If the person has appointed an authorized representative, they shall be presumed to be alive for a period of four (4) years.

**<u>Article 23</u>: Administration of property of the absentee presumed to be alive**

If the absentee presumed to be alive is married, the other spouse administers his/her property regardless of the chosen matrimonial property regime unless otherwise ordered by the court.

When the absentee presumed to be alive is not married and did not appoint an authorized representative, the Family Council appoints the administrator of the absentee's property. As far as possible, such an administrator is chosen from among the presumptive heirs of the absentee.

When the Family Council is unable to appoint an administrator of the property of the absentee presumed to be alive or in case of any other

**<u>Section 3:</u> Absence**

**<u>Sous-section première:</u> Présomption de vie**

**<u>Article 22</u>: Période de présomption de vie**

Lorsqu'une personne s'est absentée sans avoir constitué un mandataire, elle est présumée vivante pendant deux (2) ans, à partir du jour auquel remontent les dernières nouvelles de son existence.

Si elle a constitué un mandataire, la présomption de vie est fixée à quatre (4) ans.

**<u>Article 23</u>: Administration du patrimoine de l'absent présumé vivant**

Pendant la période d'absence de l'absent présumé vivant, son patrimoine est administré par l'autre époux quel que soit le choix du régime matrimonial, sauf ordonnance contraire de la juridiction.

Lorsque l'absent présumé vivant n'était pas marié et n'a pas constitué de mandataire, le Conseil de famille nomme un administrateur de son patrimoine. Autant que possible, l'administrateur est choisi parmi ses héritiers présomptifs.

En cas de défaillance du Conseil de famille dans la désignation de l'administrateur du patrimoine de l'absent présumé vivant ou en cas d'un quelconque

wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kugena ucunga umutungo.

**Ingingo ya 24: Ibarura ry'umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho**

Uwashyingiranywe n'uwazimiye hakekwa ko akiriho cyangwa undi muntu wahawe inshingano zo gucunga umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho , agaragaza imimerere n'ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'uwazimiye hakekwa ko akiriho.

Imimerere n'ibarura ry'ibintu bikorerwa imbere y'uhagarariye Inama y'umuryango w'uwazimiye hakekwa ko akiriho, akabishyiraho umukono kandi bigashyikirizwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho umutungo uri bikamenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwazimiye hakekwa ko akiriho atuye.

**Ingingo ya 25: Ububasha bw'ucunga umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho**

Uwashyingiranywe n'uwazimiye hakekwa ko akiriho cyangwa undi wahawe inshingano yo gucunga umutungo we , ahagararira uwazimiye hakekwa ko akiriho mu byerekeye gukoresha uburenganzira bwe ku mutungo no mu zindi nyandiko zerekeye umutungo afitemo inyungu, kandi agacunga umutungo we hakurikijwe amategeko agenga icungamutungo ryemewe n'amategeko.

dispute, any interested person can apply to the competent court for the appointment of such an administrator.

**Article 24 : Inventory of the property of the absentee presumed to be alive**

The spouse of the absentee presumed to be alive or any other person appointed as an administrator of the property of the absentee presumed to be alive, describes the condition and draws up an inventory of both movable and immovable property of the absentee presumed to be alive.

The description of the condition and the inventory of the property is done before a representative of the Family Council of the absentee presumed to be alive. The representative countersigns it before submission thereof to the civil registrar of the location of the property with notification to the civil registrar of the location of domicile of the absentee presumed to be alive.

**Article 25: Powers of the administrator of the property of the absentee presumed to be alive**

The spouse of the absentee presumed to be alive or the appointed administrator of his/her property represents him/her in the exercise of his/her rights or in any other property- related transactions in which he/she would be interested and also administers his/her property in accordance with the rules applicable to legally recognized property administration.

litige, toute personne intéressée peut saisir la juridiction compétente en vue de la nomination de l'administrateur.

**Article 24: Inventaire du patrimoine de l'absent présumé vivant**

L'époux de l'absent présumé vivant ou toute autre personne désignée comme administrateur du patrimoine de l'absent présumé vivant dresse l'état et l'inventaire du patrimoine mobilier et immobilier de l'absent présumé vivant.

L'état et l'inventaire du patrimoine sont dressés devant un délégué du Conseil de famille de l'absent présumé vivant, contresignés par le délégué et soumis à l'officier de l'état civil du lieu de situation de son patrimoine avec notification à l'officier de l'état civil du lieu de domicile de l'absent présumé vivant.

**Article 25: Compétence de l'administrateur du patrimoine de l'absent présumé vivant**

L'époux de l'absent présumé vivant ou l'administrateur désigné de son patrimoine représente l'absent présumé vivant dans l'exercice de ses droits ou dans tous les actes relatifs au patrimoine auquel il serait intéressé et administre son patrimoine selon les règles applicables à l'administration des biens légalement reconnue.

**Ingingo ya 26: Igihe gukeka ko umuntu akiriho birangirira**

Gukeka ko uwazimiye akiriho birangira mu gihe ibimenyetso bigaragaza ko yapfuye bibonetse. Urwo rupfu ruhamywa n'inyandiko yemeza urupfu cyangwa urubanza rutangaza ko uwazimiye hakekwa ko akiriho yapfuye.

**Akiciro ka 2: Urubanza rutangaza izimira**

**Ingingo ya 27: Gusaba urukiko gutangaza ko umuntu yazimiye**

Iyo icyizere cyo gukeka ko umuntu akiriho gishize, umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rw'aho uwo akeka ko akiriho yabaye cyangwa yatuye bwa nyuma, gutangaza ko yazimiye.

**Ingingo ya 28: Isuzuma ry'impamvu zisaba gutangaza ko umuntu yazimiye**

Mu gufata umwanzuro ku mpamvu zitangwa n'usaba gutangaza izimira, urukiko rusuzuma icyaba cyarateye kutamenya amakuru ku muntu wazimiye hakekwa ko akiriho. Rushobora kandi gukoresha iperereza.

**Ingingo ya 29: Inkurikizi zo gutangaza izimira ku micungire y'umutungo w'uwazimiye**

Uwashyingiranywe n'uwazimiye akomeza gucunga umutungo w'uwazimiye hatitawe ku masezerano y'icungamutungo abashyingiranywe bahisemo,

**Article 26: End of the presumption of life for the absentee**

The presumption of life for an absentee presumed to be alive ceases when the proof of death is produced. Such death is proved by a death record or a declaratory judgment of death of the absentee presumed to be alive.

**Subsection 2: Declaratory judgment of absence**

**Article 27: Applying to the court for declaration of absence**

When the presumption of life ceases, any interested person may apply to the competent court of the last domicile or residence of the person presumed to be alive for the declaration of absence.

**Article 28: Assessment of the grounds for applying for declaration of absence**

When ruling on the grounds given by the person applying for declaration of absence, the court assesses the probable causes which made it impossible to hear from the person presumed to be alive. It may also order an investigation.

**Article 29: Effects of declaration of absence on the administration of the absentee´s property**

The absentee's spouse continues to administer the property of the absentee regardless of the chosen matrimonial property regime, unless otherwise

**Article 26: Fin de la présomption de vie de l'absent**

La présomption de vie de l'absent présumé vivant est levée dans les cas où les preuves de décès sont produites. Ce décès doit être prouvé soit par acte de décès, soit par jugement déclaratif de décès de l'absent présumé vivant.

**Sous-section 2: Jugement déclaratif d'absence**

**Article 27: Demande de déclaration d'absence à la juridiction**

Lorsque la présomption de vie a cessé, toute partie intéressée peut demander à la juridiction compétente du dernier domicile ou de la dernière résidence du présumé vivant de déclarer l'absence.

**Article 28 : Appréciation des motifs de demande de déclaration d'absence**

La juridiction, en statuant sur les motifs donnés par le demandeur de la déclaration d'absence, apprécie les causes probables qui ont pu empêcher d'avoir les nouvelles de la personne présumée vivante. Elle peut également ordonner une enquête.

**Article 29: Effets de la déclaration d'absence sur l'administration du patrimoine de l'absent**

L'époux de l'absent conserve l'administration du patrimoine de l'absent, peu importe leur choix du régime matrimonial, sauf ordonnance contraire de la

keretse urukiko rubigennye ukundi.

Iyo uwazimiye atari yarashyingiwe cyangwa uwo bashyingiranywe atakiriho, kandi akaba nta muntu yasize mu bye, urukiko rugena ushinzwe gucunga umutungo rumaze kumva icyo Inama y'umuryango ibivugaho.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Inkurikizi zo gutangaza izimira ku masezerano y'ishyingirwa**

Ugutangaza izimira ntibisesa amasezerano y'ishyingirwa.

**<u>Akiciro ka 3</u>: Urubanza rutangaza ko uwazimiye yapfuye n'inkurikizi zarwo**

**<u>Ingingo ya 31</u>: Gutangaza ko uwazimiye yapfuye**

Iyo hashize imyaka itanu (5) kuva urubanza rutangaje izimira kandi nta makuru mvaho na busa y'uko uwazimiye akiriho, umuntu wese ubifitemo inyungu ukeka ko uwazimiye yapfuye asaba urukiko rw'aho uwazimiye yatuye cyangwa yabaye bwa nyuma gutangaza ko yapfuye.

Urubanza rushobora gucibwa mbere y'icyo gihe iyo urupfu rw'uwazimiye rwemezwa nta gushidikanya ariko bikaba bitarashobotse gukora inyandiko igaragaza urupfu rwe.

Itariki y'urupfu ishyirwa ku munsi uwazimiye akekwa kuba yarapfiriyeho. Iyo nta bindi

ordered by the court.

In case the absentee is single or widowed and there is nobody to whom he/she entrusted his/her property, the court, after consultation with the Family Council, determines the administrator of such property.

**<u>Article 30:</u> Effects of declaration of absence on marriage**

The declaration of absence in no way entails the dissolution of marriage.

**<u>Subsection 3:</u> Declaratory judgment of the absentee's death and its effects**

**<u>Article 31:</u> Declaration of the absentee's death**

When five (5) years have elapsed since the delivery of the declaratory judgment of absence and it is uncertain whether the absentee is alive, any interested person who presumes that the absentee is dead applies to the court of the last domicile or residence of the absentee for declaration of the absentee's death.

Such a judgment may be delivered before that period if the absentee's death is deemed ascertained although it is impossible to draw up a death record.

The date fixed as the date of death is the date from which the absentee is presumed to be dead. In the

juridiction.

Lorsque l'absent est célibataire ou veuf et n'a confié son patrimoine à personne, la juridiction désigne l'administrateur de ce patrimoine après avis du Conseil de famille.

**<u>Article 30</u> : Effets de la déclaration d'absence sur le mariage**

La déclaration d'absence n'entraîne pas la dissolution du mariage.

**<u>Sous-section 3 :</u> Jugement déclaratif de décès de l'absent et ses effets**

**<u>Article 31</u> : Déclaration de décès de l'absent**

Lorsque, depuis le jugement déclaratif d'absence, il s'est écoulé cinq (5) ans sans qu'on n'ait reçu aucune nouvelle certaine de la vie de l'absent, toute personne intéressée qui présume le décès de l'absent demande à la juridiction du lieu du dernier domicile ou de la dernière résidence de l'absent de déclarer son décès.

Le jugement peut être prononcé avant ce délai lorsque la mort de l'absent est tenue pour certaine sans qu'il soit possible de dresser un acte attestant son décès.

La date du décès est fixée au jour à partir duquel l'absent est présumé décédé. Le lieu du décès est

bimenyetso bihari, aho umuntu yapfiriye ni aho bamubonye bwa nyuma.

**<u>Icyiciro cya 4</u>: Ingingo zihuriweho ku ibura n'izimira**

**<u>Ingingo ya 32</u>: Inkurikizi zo gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye ku gushyingirwa**

Itangaza ry'uko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye riha uwo bashyingiranywe uburenganzira bwo kongera gushyingirwa.

Iyo uwabuze cyangwa uwazimiye agarutse mbere y'uko uwo bari barashyingiranywe yongera gushyingirwa, uburenganzira bwo gushyingirwa buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buvaho.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Inkurikizi zo gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye ku izungura**

Gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye bituma izungura rye ritangira. Abazungura bariho ku munsi wafashweho ko ariwo w'urupfu rw'uwabuze cyangwa uwazimiye bafite uburenganzira bwo kugabana umutungo we hakurikijwe amategeko abigenga.

Uwo batangaje ko yapfuye yari afite uburenganzira bwo kuzungura buhabwa abamuzungura hakurikijwe inzira yo guhagararira umuntu mu izungura.

absence of any other proof, the place fixed as the place of death is where the person was last seen.

**<u>Section 4:</u> Common provisions on disappearance and absence**

**<u>Article 32:</u> Effects of declaration of death of the disappeared person or the absentee on marriage**

The declaration of death of the disappeared or absentee entails the surviving spouse's right to enter into a new marriage.

If the disappeared person or absentee reappears before his/her spouse's new marriage is celebrated, the right to enter into a new marriage provided under paragraph One of this Article is considered null and void.

**<u>Article 33:</u> Effects of declaration of death of the disappeared person or absentee on succession**

The declaration of death of the disappeared person or the absentee entails the opening of succession. The existing heirs on the day fixed as the date of death of the disappeared person or absentee have the right to share the disappeared person's or absentee's estate in accordance with relevant laws.

If the person declared dead had any succession right, such right passes to his/her heirs in accordance with the procedure for succession by representation.

fixé, en l'absence d'autres preuves, là où la personne a été vue pour la dernière fois.

**<u>Section 4:</u> Dispositions communes à la disparition et à l'absence**

**<u>Article 32</u>: Effets de la déclaration de décès du disparu ou de l'absent sur le mariage**

La déclaration de décès du disparu ou de l'absent donne à son époux le droit de contracter un nouveau mariage.

Si le disparu ou l'absent réapparaît avant la célébration d'un nouveau mariage, le droit de contracter le mariage visé à l'alinéa premier du présent article est réputé non avenu.

**<u>Article 33</u>: Effets de la déclaration de décès du disparu ou de l'absent sur la succession**

La déclaration du décès du disparu ou de l'absent ouvre sa succession. Les héritiers existants le jour fixé comme celui du décès ont le droit de se partager la succession du disparu ou de l'absent conformément aux lois en la matière.

Si la personne déclarée décédée avait un droit successoral quelconque, ce droit est dévolu à ses héritiers par le jeu de la représentation successorale.

**Ingingo ya 34: Kuboneka k'uwatangajwe ko yapfuye n'inkurikizi bigira**

Iyo umuntu Urukiko rwemeje ko yapfuye abonetse nyuma y'urubanza rwabitangaje, urwo rubanza ruteshwa agaciro n'urukiko rwaruciye bisabwe na we cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu.

Urubanza rutesha agaciro urwarubanjirije rutangaza urupfu, rutegeka umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwari watangajwe ko yapfuye atuye, gutesha agaciro inyandiko igaragaza ko umuntu yapfuye.

Abari bamuzunguye bagomba gusubiza ibyo bari bahawe bagifite mu mutungo wabo.

Ishyingirwa ryabaye nyuma y'urubanza rutangaza urupfu ntirishobora guteshwa agaciro.

**INTERURO YA II: IBIRANGA UMUNTU**

**Ingingo ya 35: Ibiranga umuntu**

Umuntu arangwa n'izina, inkomoko, igitsina, aho aba n'aho atuye.

**Article 34: Reappearance of the person declared dead and its effects**

When the person declared dead by the court reappears, the declaratory judgment of death is annulled by the court having rendered it upon application by the reappearing person or any interested person.

The judgment annulling the previous declaratory judgment of death, orders the civil registrar of the domicile of the person declared dead to revoke the death certificate.

Those having inherited from him/her return the inherited property that still remains in their possession.

Marriage contracted after delivery of the declaratory judgment of death is in no way be subject to annulment.

**TITLE II: ELEMENTS IDENTIFYING A PERSON**

**Article 35: Elements identifying a person**

A person is identified by his/her name, origin, sex, residence and domicile.

**Article 34: Réapparition de la personne déclarée décédée et ses effets**

En cas de réapparition de la personne déclarée décédée par la juridiction, le jugement déclaratif de décès est annulé par la juridiction qui l'a rendu sur demande de celui qui revient ou de tout intéressé.

Le jugement annulant le jugement déclaratif de décès ordonne à l'officier de l'état civil du domicile de la personne déclarée décédée d'annuler l'attestation de décès.

Les prétendus héritiers restituent en capital le patrimoine qui leur était attribué qu'ils détiennent encore.

Le mariage contracté après le jugement déclaratif de décès n'est pas susceptible d'annulation.

**TITRE II: ELEMENTS D'IDENTIFICATION D'UNE PERSONNE**

**Article 35: Eléments d'identification d'une personne**

Une personne est identifiée par son nom, son origine, son sexe, sa résidence et son domicile.

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: IZINA**

**<u>Ingingo ya 36</u>: Ibigize izina**

Izina rigizwe n'izina bwite n'izina ry'ingereka. Izina ry'ingereka rishobora kuba izina ry'idini, iry'umuryango cyangwa yombi. Uru rutonde rw'amazina rugomba gukurikizwa mu nyandiko z'ubutegetsi, bitaba ibyo inyandiko igata agaciro.

Icyakora, inyandiko zisanzwe ziriho, zaba izakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko cyangwa imigenzo y'aho zakorewe zigumana agaciro kazo.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Igihamya izina ry'umuntu**

Izina ry'umuntu ni iryanditse mu nyandiko ye y'ivuka.

**<u>Ingingo ya 38</u>: Uburenganzira bwo kugira izina**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kugira izina. Umubyeyi w'umwana cyangwa undi umufiteho ububasha bwa kibyeyi afite inshingano zo kumuhitiramo izina ashaka.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Amazina abujijwe**

Umwana ntashobora kwitwa amazina yose ya se, aya nyina cyangwa ay'abo bavukana.

Izina ntirishobora gusesereza imigenzo myiza cyangwa ubunyangamugayo by'abantu.

**<u>CHAPTER ONE</u>: NAME**

**<u>Article 36</u>: Composition of the name**

The name is composed of a surname and a post-name. The post-name may consist of a first name or a family name or both. This order must be strictly followed in the drafting of administrative documents, if not so, the document is invalid.

However, the existing documents made in Rwanda or abroad in accordance with the provisions of laws and proceedings of the place where such documents were made remain valid.

**<u>Article 37:</u> Proof of a name of a person**

A person's name is the one mentioned on his/her birth record.

**<u>Article 38:</u> Right to have a name**

Avery child is entitled to have a name. His/her parent or any other person having parental authority over the child has a duty to freely choose a name for the child.

**<u>Article 39</u>: Prohibited names**

A child shall not bear all his/her father's, mother's or siblings' names.

A name shall not be offensive to good morals or to people's moral integrity.

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: NOM**

**<u>Article 36</u>: Composition du nom**

Le nom comprend le nom propre et le post-nom. Le post-nom peut être le prénom, le nom de famille ou les deux. Cet ordre est de rigueur dans la rédaction des actes administratifs sous peine de nullité.

Toutefois, les actes existants et établis au Rwanda ou à l'étranger conformément aux dispositions légales ou à la procédure du lieu où ils ont été établis restent valables.

**<u>Article 37</u>: Preuve du nom d'une personne**

Le nom d'une personne est celui mentionné dans son acte de naissance.

**<u>Article 38</u>: Droit à un nom**

Tout enfant a droit à un nom. Son parent ou toute autre personne ayant l'autorité parentale sur lui a le devoir de lui choisir librement un nom.

**<u>Article 39</u>: Noms interdits**

L'enfant ne peut recevoir tous les noms de son père ou de sa mère, ni ceux d'un de ses frères ou sœurs.

Le nom ne peut porter atteinte aux bonnes mœurs ou à l'intégrité morale des personnes.

**Ingingo ya 40: Inkurikizi zo gushyingirwa cyangwa z'amasezerano y'idini ku izina**

Ishyingirwa cyangwa amasezerano y'idini ntibihindura izina ry'umuntu.

Icyakora, ku bwumvikane bw'abashyingiranywe, buri wese afite uburenganzira bwo kwitwa izina bwite ry'uwo bashyingiranywe ariko rikongerwa ku mazina ye asanganywe bikorewe imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho atuye.

Gukoresha izina ry'amasezerano y'idini byemerwa iyo bikorewe imbere y'Umwanditsi w'Irangamimerere w'aho ubishaka atuye. Icyakora, izina ry'amasezerano y'idini ryiyongera ku izina asanganywe, bigatangirwa icyemezo giteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze.

**Ingingo ya 41: Inkurikizi zo gusesa ishyingirwa cyangwa amasezerano y'idini ku izina**

Iyo habayeho iseswa ry'ishyingirwa kubera urupfu usigaye ashobora gusaba ko izina ry'uwo bashyigiranywe umwanditsi w'irangamimerere arikuraho.

Iyo habayeho iseswa ry'ishyingirwa kubera ubutane, umwe mu bari barashyingiranywe ashobora gusaba mu gihe cy'urubanza rw'ubutane ko izina ry'uwo bari barashyingiranywe rikurwaho cyangwa akabisaba nyuma ariko agategekwa kubahiriza inzira yo guhindura izina iteganywa

**Article 40: Effects of marriage or religious vows on the name**

Marriage or religious vows in no way change a person's name.

However, with the consent of both spouses, a spouse has the right to bear the other spouse's surname added to his/her usual name provided that such an addition of name is done before the civil registrar of the domicile of the spouse who wants to change his/her name.

The use of a name of religious vows is also permissible provided that it is done before the civil registrar of the domicile of the person who wishes to use such a name. However, a name of religious vows is added to his/her usual name and confirmed by a certificate provided for by an Order of the Minister in charge of civil status.

**Article 41: Effects of annulment of marriage or religious vows on name**

In case of marriage annulment due to death, the surviving spouse may request the civil registrar to cancel his/her former spouse's name.

In case of marriage annulment due to divorce, one spouse may request during or after divorce proceedings the cancellation of his/her former spouse's name but he/she abides by the procedure for change of name provided for by law.

**Article 40: Effets du mariage et des vœux religieux sur le nom**

Le mariage ou les vœux religieux ne modifient pas le nom d'une personne.

Toutefois, avec le consentement des époux, un époux a le droit de porter le nom propre de l'autre époux en plus de ses noms habituels pourvu que cet ajout de nom soit effectué devant l'officier de l'état civil du domicile de l'époux requérant.

L'usage du nom de vœux religieux est également autorisé pourvu qu'il soit effectué devant l'officier de l'état civil du lieu de domicile du requérant. Toutefois, le nom de vœux religieux s'ajoute à son nom habituel et il est confirmé par une attestation prévue par arrêté du Ministre ayant l'état civil dans ses attributions.

**Article 41: Effets d'annulation du mariage et des vœux religieux sur le nom**

En cas d'annulation de mariage suite à la mort, l'époux survivant peut demander à l'officier de l'état civil d'annuler le nom de son ex- époux.

En cas d'annulation de mariage suite au divorce, l'un des époux peut demander pendant ou après l'instance de divorce l'annulation du nom de son ex-époux mais il se conforme à la procédure de changement de nom prévue par la loi.

n'amategeko.

Uwifuza ko uwo bashyingiranywe yamburwa izina rye yitiriwe, baba bakiri kumwe cyangwa baratanye, abisaba umwanditsi w'irangamimerere w'aho batuye. Iyo abashyingiranywe batabyumvikanyeho, abiregera mu rukiko rubifitiye ububasha.

Iyo uwari warahawe izina ry'uwo bashyingiranywe yifuje kurihindura, abikora mu buryo busanzwe bwo guhindura izina.

Iyo habayeho iseswa ry'amasezerano y'idini, uwiswe izina kubera ayo masezerano ashobora gusaba umwanditsi w'irangamimerere kurikuraho yitwaje icyemezo giteganywa n'iteka rivugwa mu ngingo ya 40 y'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Guhindura izina**

Guhindura izina biri mu bubasha bwa Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze bisabwe na nyir'ukwitwa izina ufite imyaka y'ubukure.

abazungura b'uwo mwana ibiteganyijwe mu ngingo ya 143 y'iri tegeko.

Abazungura b'umwana bafite ububasha bumwe bwo kurega umwishingizi nk'ubuteganyirijwe umwana mu ngingo ya 144 y'iri tegeko.
Iyo umwana apfuye adasize abazungura umutungo we uzungurwa hakurikijwe itegeko ry'izungura.

**<u>Ingingo ya 146</u>: Inkurikizi z'urupfu rw'umwishingizi ku bwishingire**

Iyo umwishingizi apfuye mbere y'uko ubwishingire burangira ntabwo abamuzungura babukomeza. Icyakora, abamuzungura bakomeza gukora ibikenewe byose biri mu nyungu z'umwana mu gihe bagitegereje ishyirwaho ry'umwishingizi mushya.

Iyo umwishingizi apfuye nyuma y'uko ubwishingire burangira ariko ataramurikira umutungo nyirubwite nk'uko bivugwa mu ngingo ya 143 y'iri tegeko, abazungura be basabwa kurangiza izo nshingano bitarenze igihe cy'amezi abiri (2) uhereye ku munsi w'urupfu.

Icyakora, iyo umwishingizi apfuye nta muzungura, ibisabwa mu ngingo ya 143 y'iri tegeko bishyirwa mu bikorwa n'Inama y'ubwishingire ishingiye ku nyandiko ngaragazamutungo za nyuma zatanzwe n'umwishingizi.

minor's heirs pursuant to Article 143 of this law.

The minor's heirs have the same legal actions against the guardian as those that can be brought by the minor by virtue of Article 144 of this Law.
When the minor dies without any heirs, his/her property is inherited in accordance with the succession law.

**<u>Article 146</u>: Effects of the guardian's death on guardianship**

If the guardian dies before the end of guardianship, the guardianship shall not be transferred to his/her heirs. However, the heirs do whatever circumstances demand in the minor's interests pending the appointment of a new guardian.

When the guardian dies after the guardianship is ended but before serving a report on the minor as provided under Article 143 of this Law, his/her heirs are bound to meet such a reporting obligation within a period of two (2) months from the date of death.

However, when the guardian dies with no heirs, the requirements provided under Article 143 of this Law are devolved by guardianship Council based on the last periodical accounts statements provided by the guardian.

aux mêmes obligations que celles prévues à l'article 143 de la présente loi.

Les héritiers du mineur disposent contre le tuteur des mêmes actions que celles reconnues au mineur en vertu de l'article 144 de la présente loi.
Lorsque le mineur meurt sans laisser d'héritiers, son patrimoine est succédé conformément à la loi relative à la succession.

**<u>Article 146</u>: Effets du décès du tuteur sur la tutelle**

Lorsque le tuteur décède avant la fin de la tutelle, celle-ci ne passe pas à ses héritiers. Toutefois, ces derniers sont tenus de pourvoir à tout ce que les circonstances exigent pour l'intérêt du mineur en attendant la nomination d'un nouveau tuteur.

Lorsque le tuteur décède après la fin de la tutelle, mais avant d'avoir fait la reddition des comptes au pupille conformément aux dispositions de l'article 143 de la présente loi, ses héritiers sont tenus d'accomplir ces obligations dans un délai de deux (2) mois à compter du décès.

Toutefois, si le tuteur décède sans laisser d'héritiers, les devoirs prévus à l'article 143 de la présente loi sont accomplis par le Conseil de tutelle sur base des derniers comptes périodiques fournis par le tuteur.

**Icyiciro cya 2: Ubwishingire bw'umuntu mukuru ufite ubumuga bwo mu mutwe**

**Ingingo ya 147: Uwemerewe gusaba ko umuntu mukuru yamburwa ubushobozi**

Gusaba ko umuntu mukuru yamburwa ubushobozi agahabwa umwishingizi byemererwa abantu bakurikira:

1° umwe mu babyeyi, iyo abisabira umuntu mukuru ariko utarashyingiwe;

2° umwe mu bashyingiranywe iyo abisabira uwo bashyingiranywe;

3° umwana ugejeje ku myaka y'ubukure iyo abisabira umubyeyi;

4° undi muntu wese ubifitemo inyungu.

**Ingingo ya 148: Iyandukurwa ry'urubanza rutegeka kwamburwa ubushobozi n'inkurikizi zarwo**

Urubanza rutegeka kwamburwa ubushobozi rwandukurwa mu mpande z'inyandiko y'ivuka y'uwambuwe ubushobozi.

Ubwishingire bw'umuntu mukuru wambuwe ubushobozi butangira kugira inkurikizi ku bandi bantu uhereye igihe urubanza rwemeza kwamburwa ubushobozi rwabaye ndakuka**.**

**Section 2: Guardianship of an adult with mental disability**

**Article 147: Competence to apply for declaring an adult person to be legally incapacitated**

The application for declaring an adult person to be legally incapacitated for his/her placement under guardianship is admissible for the following persons:

1° one of the parents if filed with respect to an unmarried adult;

2° one of the spouses if filed with respect to the other spouse;

3° an adult child if filed with respect to his/her parent;

4° any interested person.

**Article 148: Registration of the judgment declaring a person to be legally incapacitated and its effects**

A judgment declaring a person to be legally incapacitated is entered in the margin of the birth certificate of the person declared to be legally incapacitated.

Guardianship for an adult declared to be legally incapacitated takes effects vis-à-vis third parties from the date the judgment declaring a person to be legally incapacitated has become final.

**Section 2: Tutelle d'un majeur avec déficience mentale**

**Article 147: Personne habilitée à demander l'interdiction d'un majeur**

L'exercice de l'action en interdiction d'un majeur pour sa mise sous tutelle est recevable lorsqu'elle est intentée par les personnes suivantes :

1° l'un des parents à l'égard d'un majeur non marié ;

2° l'un des époux à l'égard de l'autre ;

3° un enfant majeur à l'égard d'un parent ;

4° toute autre personne intéressée.

**Article 148: Transcription du jugement prononçant l'interdiction et ses effets**

Le jugement prononçant l'interdiction doit être transcrit en marge de l'acte de naissance de l'interdit.

La tutelle d'un interdit produit ses effets à l'égard des tiers à compter de la date où le jugement prononçant l'interdiction est devenu définitif.

**<u>Ingingo ya 149</u>: Gutesha agaciro ibyakozwe mbere y'urubanza rwambura ubushobozi**

Bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, ibyakozwe mbere yo kwamburwa ubushobozi bishobora guteshwa agaciro igihe icyatumye nyir'ukubikora yamburwa ubushobozi cyariho kandi kizwi na benshi mu gihe yabikoraga.

**<u>Ingingo ya 150</u>: Umuntu mukuru ushakirwa umwishingizi**

Umuntu mukuru ufite ubumuga bwo mu mutwe n'aho bwaba bujya bumuha agahenge rimwe na rimwe yamburwa ubushobozi n'urukiko rubifitiye ububasha, rukamushyiriraho umwishingizi.

**<u>Ingingo ya 151</u>: Uko umwishingizi w'umuntu mukuru ashyirwaho**

Urukiko rwashyikirijwe ikirego gisaba kwambura umuntu mukuru ubushobozi rugena umwishingizi w'uwo umuntu nyuma yo kumva no kwitegereza usabirwa umwishingizi, kumva abatangabuhamya, Inama y'umuryango no gusuzuma inyandiko z'abaganga zigaragaza imimerere yo mu mutwe y'uwo muntu.

**<u>Article 149</u>: Annulment of the acts performed before the judgment declaring a person to be legally incapacitated**

Upon request by any interested person, acts performed before a person is declared legally incapacitated may be annulled, if the grounds for declaring him/her to be legally incapacitated were well-known at the time of performance of such acts.

**<u>Article 150</u>: Guardianship for an adult person**

The competent court declares legally incapacitated an adult with mental disability and appoint a guardian for that adult when the latter lives in a habitual state of mental deficiency even if such deficiency shows lucid intervals.

**<u>Article 151</u>: Procedure for the appointment of a guardian for an adult**

The court seized of the application for declaring a person to be legally incapacitated appoints his/her guardian after having heard and conducted observation of the person in respect of whom the guardianship is applied for as well as having heard witnesses, family Council and examined medical records indicating his/her mental condition.

**<u>Article 149</u>: Nullité des actes antérieurs au jugement prononçant l'interdiction**

A la demande de toute personne intéressée, les actes posés avant l'interdiction peuvent être annulés si les causes de l'interdiction existaient notoirement à l'époque où ces actes ont été accomplis.

**<u>Article 150</u>: Tutelle d'un majeur**

La juridiction compétente déclare légalement interdit un majeur avec déficience mentale et nomme un tuteur d'un majeur lorsque celui-ci est dans un état habituel de déficience mentale, même s'il présente des intervalles lucides.

**<u>Article 151</u>: Procédure pour nommer un tuteur d'un majeur**

La juridiction saisie de l'action en interdiction d'un majeur nomme le tuteur au majeur interdit après avoir entendu et observé la personne au regard de laquelle la tutelle est demandée, entendu les témoins, le Conseil de famille et examiné les pièces médicales justifiant l'état mental de cette personne.

**Ingingo ya 152: Ubwishingire bw'umuntu mukuru washyingiwe cyangwa ukibana n'ababyeyi be wambuwe ubushobozi**

Ubwishingire bw'umuntu mukuru wambuwe ubushobozi bukorwa n'uwo bashyingiranywe, ababyeyi be iyo afite imyaka y'ubukure akaba atarashyingiwe kandi akaba akibana nabo, keretse urukiko rubigennye ukundi. Muri icyo gihe ntihakenerwa Inama y'ubwishingire.

Icyakora, ubwishingire bw'undi muntu mukuru wambuwe ubushobozi butavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bukorwa n'umwishingizi ugenwa n'urukiko bisabwe n'Inama y'umuryango.

**Ingingo ya 153: Irangira ry'ubwishingire bw'umuntu mukuru**

Ubwishingire bw'umuntu mukuru burangirana n'uko impamvu zabiteye nazo zivuyeho cyangwa apfuye. Umwishingizi cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu asaba ko kwamburwa ubushobozi bikurwaho n'urukiko rwabitegetse.

**UMUTWE III: UMUJYANAMA W'UMUNTU MUKURU UTAGAGUZA IBYE**

**Ingingo ya 154: Umujyanama w'umuntu mukuru utagaguza umutungo we**

Umujyanama w'umuntu mukuru ni ushinzwe

**Article 152: Guardianship of a married person and that of an adult person living with parents**

The guardianship over a married adult or a person declared to be legally incapacitated is exercised by one of the spouses with respect to the other spouse and by parents with respect to their unmarried adult child still living at their home, unless otherwise determined by the court. In this case, the guardianship Council shall not be necessary.

However, for another adult person not referred to in Paragraph One of this Article declared to be legally incapacitated, his/her guardianship is exercised by a guardian appointed by the court upon application by the guardianship Council.

**Article 153: End of guardianship for an adult**

Guardianship for an adult ends with the discontinuation of the causes which gave rise thereto or his/her death. The guardian or any other interested person applies for the reinstatement of capacity to the court having pronounced the judgment.

**CHAPTER III: ADVISOR FOR A PRODIGAL ADULT PERSON**

**Article 154: Advisor for a prodigal adult person**

An advisor for an adult person is a person

**Article 152: Tutelle d'une personne mariée et d'un majeur non marié vivant sous le toit familial**

La tutelle d'une personne mariée ou de l'interdit est assurée, pour une personne mariée par l'autre époux, et pour un majeur non marié vivant sous le toit familial par les parents, sauf décision contraire de la juridiction. Dans ce cas, le Conseil de tutelle n'est pas nécessaire.

Toutefois, pour tout autre majeur interdit qui n'est pas visé à l'alinéa premier du présent article, la tutelle est assurée par un tuteur nommé par la cour à la demande du Conseil de tutelle.

**Article 153: Fin de la tutelle d'un majeur**

La tutelle d'un majeur prend fin avec la cessation des causes qui l'ont provoquée ou par son décès. Le tuteur ou toute autre personne intéressée demande la mainlevée de l'interdiction devant la juridiction qui l'a prononcée.

**CHAPITRE III: CONSEILLER AU MAJEUR PRODIGUE**

**Article 154: Conseiller au majeur prodigue**

Un conseiller au majeur est une personne appelée à

kugira inama umuntu utagaguza umutungo we kugira ngo ashobore gukora ibikorwa byo mu rwego rw'amategeko byerekeranye n'umutungo we.

Gutagaguza umutungo byumvikana nko gukoresha nabi umutungo ku buryo bugaragarira buri wese, kuwusesagura cyangwa kuwangiza mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose.

**Ingingo ya 155: Inshingano z'umujyanama**

Umujyanama w'umuntu mukuru agira uruhare mu bikorwa byose ashinzwe kugiraho inama uwo yunganira nko kuburana, kugira amasezerano y'ubwumvikane n'abandi, kugurizwa, kwakira umutungo, kuwikuraho no kuwutangaho ingwate. Icyakora, ntashinzwe gucunga umutungo w'umuntu afasha.

**Ingingo ya 156: Uko umujyanama w'umuntu mukuru agenwa**

Umujyanama w'umuntu mukuru agenwa n'urukiko rw'aho utagaguza ibye aba bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu nyuma yo kumva uwo bashyingiranywe, abatangabuhamya n'Inama y'umuryango.

Umujyanama w'umuntu mukuru ashobora gutoranywa mu babyeyi b'usabirwa umujyanama, mu bana be cyangwa mu bagize Inama y'umuryango iyo abo bandi badahari.

responsible for advising a prodigal adult person in order for him/her to perform legal acts related to his /her property.

Prodigality refers to the misuse of property that is visible to everyone by wasting it or misusing it in any other manner whatsoever.

**Article 155: Duties of an advisor**

An advisor for an adult person intervenes in all acts in respect of which he/she is required to provide advice to the person he/she assists. Such acts include pleading before the court, transaction acts, loan application, acquisition, disposition and mortgage. However, he/she has no responsibility to administer the property of the person he/she advises.

**Article 156: Procedure for the appointment of an advisor for an adult person**

An advisor for an adult person is appointed by the court for the place of the prodigal person's residence upon request by any interested person after having consulted his/her spouse, witnesses and the Family Council.

The advisor for an adult person may be chosen from among the parents of the person in respect of whom the advisorship is instituted, his/her children or from the family Council in the absence of the former.

donner des conseils au majeur prodigue pour pouvoir poser des actes juridiques engageant son patrimoine.

La prodigalité s'entend comme l'utilisation abusive du patrimoine d'une manière visible pour tout le monde en le gaspillant ou en l'abusant de toute autre manière que ce soit.

**Article 155: Devoirs d'un conseiller**

Un conseiller au majeur intervient dans tous les actes pour lesquels il est tenu de donner conseil à la personne qu'il assiste notamment dans les actes de plaidoirie, de transaction, d'emprunt, d'acquisition, d'aliénation et d'hypothèque sur son patrimoine. Toutefois, il n'intervient pas dans l'administration du patrimoine de la personne qu'il assiste.

**Article 156: Procédure de nomination du conseiller au majeur**

Le conseiller au majeur est nommé par la juridiction du lieu de résidence du prodigue à la demande de toute personne intéressée après consultation de son époux, des témoins et du Conseil de famille.

Le conseiller au majeur peut être choisi parmi les parents de la personne pour laquelle l'ouverture d'un régime de conseiller est demandée, parmi ses enfants ou parmi les membres du Conseil de famille en cas d'absence de ces premiers.

Iyo usabirwa umujyanama ari umwe mu bashyingiranywe, umujyanama we aba uwo bashyingiranywe.

**Ingingo ya 157: Inkurikizi zo gushyirirwaho umujyanama**

Iyo urukiko rumaze kugena umujyanama, umuntu mukuru wamushyiriweho ntacyo ashobora gukora ari wenyine atunganiwe n'uwo mujyanama.

Icyakora, igikorwa cyakozwe n'umuntu mukuru wenyine kandi uruhare rw'umujyanama rwari ngombwa, gita agaciro gusa iyo cyangirije ufashwa.

**IGICE CYA III: UMURYANGO**

**INTERURO YA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**UMUTWE WA MBERE: AMASANO**

**Icyiciro cya mbere: Isano ishingiye ku buvandimwe**

**Ingingo ya 158: Isano ishingiye ku buvandimwe**

Isano ishingiye ku buvandimwe ituruka ku guhuza amaraso.

Isano ishingiye ku buvandimwe ishobora kuba itaziguye cyangwa iziguye. Iba itaziguye iyo ihuza ababyeyi n'ababakomokaho, naho iyo iziguye

If the adult who needs an advisor is one of the spouses, the other spouse serves as the advisor.

**Article 157: Effects of appointment of an advisor**

When the court appoints an advisor, the adult person in respect of whom the advisor is appointed shall in no way act alone without the advisor's assistance.

However, any act performed by an adult person alone while the advisor's assistance is required, may only be annulled if it adversely affects the person being assisted.

**PART III: FAMILY**

**TITLE ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPTER ONE: RELATIONSHIPS**

**Section One: Kinship**

**Article 158: Kinship**

Kinship results from a blood relationship.

Kinship may be in direct or indirect line. Kinship exists in direct line, between ascendants and descendants, and in indirect line, between persons

Lorsque la personne pour laquelle l'ouverture d'un régime de conseiller est demandée est l'un des époux, son conseiller devient l'autre époux.

**Article 157: Effets de nomination d'un conseiller**

Lorsque la juridiction a nommé un conseiller, le majeur pour lequel celui-ci est nommé ne peut agir seul sans l'assistance de ce conseiller.

Toutefois, l'acte posé par un majeur seul alors que l'intervention de son conseiller était requise ne peut être annulé que si la personne assistée en subit un préjudice.

**PARTIE III: FAMILLE**

**TITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**CHAPITRE PREMIER: LIENS**

**Section première: Lien de parenté**

**Article 158: Lien de parenté**

Le lien de parenté résulte de la communauté de sang.

Le lien de parenté peut être en ligne directe ou indirecte. Un lien de parenté existe, en ligne directe, entre ascendants et descendants, et en ligne

ikaba ihuza abantu bahuje umukurambere ariko bamwe bakaba batarabyaye abandi.

Isano ishingiye ku buvandimwe itaziguye ntigira aho igarukira keretse iyo amategeko abiteganya ukundi.

Iyo birenze urwego rwa karindwi, isano ishingiye ku buvandimwe iziguye ntabwo iba ikivugwa.

**<u>Ingingo ya 159</u>: Uko isano ishingiye ku buvandimwe ibarwa**

Kugira ngo abantu bamenye urwego rw'isano iziguye ishingiye ku buvandimwe bafitanye, bahera ku wo bashakira isano, bakabara ibisekuru kugeza ku mukurambere bahuriyeho, bakongeraho ibisekuru biciye hagati y'uwo mukurambere n'uwo bashaka kumenyera isano.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Isano ishingiye ku ishyingiranwa n'inkurikizi zayo**

**<u>Ingingo ya 160</u>: Isano ishingiye ku ishyingiranwa**

Isano ishingiye ku ishyingiranwa ituruka ku ishyingirwa.

Isano ishingiye ku ishyingiranwa ishobora kuba itaziguye cyangwa iziguye. Iba itaziguye iyo ihuza umuntu n'abo uwo bashyingiranywe akomokaho kimwe n'abamukomokaho yabyaye ahandi. Naho iziguye iba ihuza umuntu n'abafitanye isano iziguye n'uwo bashyingiranywe. Ihuza kandi

who are not descended from one another but who have a common ancestor.

Kinship in direct line always has effects unless otherwise provided by law.

On the collateral line, kinship does not have effects after the seventh degree.

**<u>Article 159</u>: Calculation of degree of kinship**

To determine the degree of kinship on collateral line, one should start by counting generations up to the common ancestor, and by adding to it the number of generations which separate the common ancestor from the person with whom they want to establish family ties.

**<u>Section 2</u>: Relationship by marriage and its effects**

**<u>Article 160</u>: Relationship by marriage**

Relationship by marriage results from marriage.

Relationship by marriage exists in the direct or collateral line. It exists in direct line between a person and ascendants of his/he spouse as well as the latter's descendants born out of wedlock. It exists in collateral line between the person and the collaterals of his/her spouse**.** This relationship also

indirecte, entre personnes qui ne descendent pas les unes des autres mais qui ont un auteur commun.

En ligne directe la parenté produit toujours ses effets sauf exceptions prévues par la loi.

En ligne collatérale, la parenté ne produit aucun effet au-delà du septième degré.

**<u>Article 159</u>: Calcul du degré de parenté**

Pour connaître le degré de parenté en ligne collatérale, on compte les générations jusqu'à l'auteur commun, et en y ajoutant le nombre de générations qui séparent l'auteur commun de la personne avec laquelle on veut établir le lien de parenté.

**<u>Section 2</u>: Lien d'alliance et ses effets**

**<u>Article 160</u>: Lien d'alliance**

Le lien d'alliance résulte du mariage.

Le lien d'alliance peut être en ligne directe ou indirecte. Un lien d'alliance existe, en ligne directe, entre une personne et les ascendants de son époux ainsi que les descendants de ce dernier issus d'un autre lit. Il existe, en ligne collatérale, entre une personne et les collatéraux de son époux. Il existe

umuntu n'abashyingiranywe n'abo bafitanye isano ishingiye ku ishyingiranwa.

**Ingingo ya 161: Inkurikizi zikomoka ku isano iva ku ishyingiranwa**

Isano ishingiye ku ishyingiranwa nta miziririzo cyangwa uburenganzira igira keretse iyo hari amategeko abiteganya.

**UMUTWE WA II: INAMA Y'UMURYANGO**

**Ingingo ya 162: Igisobanuro cy'Inama y'umuryango**

Inama y'umuryango ni urwego rwo mu muryango rushinzwe cyane cyane kurengera inyungu z'abagize uwo muryango no gukemura ibibazo biwuvutsemo.

**Ingingo ya 163: Inshingano z'Inama y'umuryango**

Inshingano z'Inama y'umuryango ni izi zikurikira:

1° kurengera inyungu z'umuryango;

2° kumva no gukemura ibibazo byerekeranye n'izungura n'ibindi byose bivutse mu muryango;

3° gutoranya abagize Inama y'ubwishingire;

exists between a person and spouses of persons related to him/her by marriage.

**Article 161: Effects of relationship by marriage**

Relationship by marriage does in no way give rise to prohibitions or rights except in cases specifically provided by law.

**CHAPTER II: FAMILY COUNCIL**

**Article 162: Definition of the family Council**

The Family Council is an organ within the family especially responsible for ensuring the safeguard of interests of the family members and settling the disputes arising in the family.

**Article 163: Responsibilities of the Family Council**

Responsibilities of the Family Council are the following:

1° to protect the interests of the family;

2° to listen to and settle disputes relating to succession and any other dispute arising in the family;

3° to appoint the members of the Guardianship Council

aussi, en ligne collatérale, entre une personne et les époux de ses alliés.

**Article 16: Effets du lien d'alliance**

Le lien d'alliance ne produit ni interdictions ni droits sauf dans des cas spécifiquement déterminés par la loi.

**CHAPITRE II: CONSEIL DE FAMILLE**

**Article 162: Définition du Conseil de famille**

Le Conseil de famille est un organe au sein de la famille pour veiller spécialement à la sauvegarde des intérêts des membres de la famille et de résoudre les problèmes qui y surviennent.

**Article 163: Attributions du Conseil de famille**

Les attributions du Conseil de famille sont les suivantes:

1° protéger les intérêts de la famille;

2° écouter et résoudre les problèmes relatifs à la succession et tout autre problème qui survient dans la famille;

3° désigner les membres du Conseil de tutelle;

4° gutanga inama mu gihe cyo kugena umwishingizi w'umuntu mukuru;

5° kugena ushinzwe gucunga umutungo w'uwazimiye cyangwa wabuze igihe nyir'ubwite cyangwa urukiko batamugennye;

6° kwemera ko umwana ashakirwa umubyeyi utaramubyaye iyo adafite ababyeyi cyangwa ababyeyi badashobora kugaragaza icyo batekereza;

7° kunga ababyeyi b'umwana igihe bananiwe kumvikana ku ikoreshwa ry'ububasha bwa kibyeyi;

8° gusuzuma ibibazo byerekeranye n'ibitunga umuntu;

9° gukora indi nshingano yagenerwa n'andi mategeko cyangwa umuryango.

**<u>Ingingo ya 164</u>: Abagize Inama y'umuryango**

Inama y'umuryango igizwe n'aba bakurikira:

1° se na nyina b'uwo bireba;

2° basaza na bashiki be bafite imyaka y'ubukure;

3° nibura babiri (2) mu bo bafitanye isano

4° to give advice at the time of appointing the guardian of an adult person;

5° to appoint the administrator of the property of the absent or disappeared person if the concerned person or the court did not appoint any;

6° to approve the adoption of the child who does not have both parents or when the parents are unable to express their consent;

7° to mediate when the parents of the child have disputes over the parental authority;

8° to consider petitions in connection with maintenance obligation;

9° to perform any other responsibility as may be determined by other laws or by the family.

**<u>Article 164</u>: Composition of the Family Council**

The Family Council is composed of the following:

1° father and mother of the concerned person;

2° siblings who have attained the age of majority;

3° at least two (2) of the relatives from his

4° donner des conseils en cas de désignation du tuteur d'un majeur;

5° désigner l'administrateur du patrimoine d'un absent ou d'une personne disparue si la personne concernée ou la juridiction n'a pas pu le désigner;

6° donner son consentement à l'adoption d'un enfant si celui-ci n'a ni père ni mère ou si ceux-ci sont dans l'impossibilité de manifester leur volonté;

7° concilier les parents de l'enfant en cas de désaccord au sujet de l'exercice de l'autorité parentale;

8° examiner les demandes en rapport avec l'obligation alimentaire;

9° s'acquitter de toute autre attribution qui pourrait lui être assignée par d'autres lois ou par la famille.

**<u>Article 164</u>: Composition du Conseil de famille**

Le Conseil de famille est composé des membres suivants:

1° père et mère de la personne concernée;

2° frères et sœurs ayant l'âge de majorité;

3° au moins deux (2) de membres de la famille

b'uwo bireba baturutse ku ruhande rwa se cyangwa nyina hakurikijwe abo bafitanye isano ya bugufi;

4° abantu babiri (2) bazwiho ubushishozi batoranywa n'uwo bireba.

Mu gihe abantu bavugwa mu gace ka 1º, aka 2º n'aka 3º badashobora kuboneka, hatoranywa abantu babiri (2) mu nshuti z'umuryango bazwiho kuvugisha ukuri.

**Ingingo ya 165: Uburyo inama y'Inama y'umuryango iterana**

Inama y'umuryango iterana igihe cyose bibaye ngombwa kandi ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane bigakorerwa inyandikomvugo igasinywa n'abahari mu bagize Inama y'umuryango. Iyo ubwumvikane budashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'abitabiriye inama.

Umuntu wese utanyuzwe n'ibyemezo by'Inama y'umuryango atanga ikirego mu rwego rubifitiye ububasha.

father's or mother 's side depending on which side has a close relation;

4° two (2) wise people chosen by the concerned person.

Where people mentioned under points 1º, 2º and 3º are not available, two (2) people are chosen among the friends of the family recognised for their honesty.

**Article 165: Holding of the Family Council meeting**

The Family Council meets any time when deemed necessary and its decisions are made by consensus and recorded in minutes signed by members present. In case of no consensus, decisions are made by a majority vote of participants to the meeting.

Any person who is not satisfied by the decision of the Family Council refers the matter to the competent organ.

du côté de son père ou de sa mère selon les relations les plus proches;

4° deux (2) personnes sages choisies par le concerné.

Lorsque les personnes mentionnées aux points 1º, 2º et 3º ne sont pas disponibles, deux (2) personnes sont choisies parmi les amis de la famille reconnues pour leur honnêteté.

**Article 165: Tenue de la réunion du Conseil de famille**

Le Conseil de famille se réunit chaque fois que de besoin et ses décisions sont prises par consensus et consignées dans un procès-verbal signé par les membres présents. Au cas où aucun consensus n'est dégagé, les décisions sont prises à la majorité des participants à la réunion.

Toute personne qui n'est pas satisfaite des décisions du Conseil de famille saisit l'organe compétent.

**INTERURO YA II: ISHYINGIRWA**

**UMUTWE WA MBERE: IBISABWA BYEREKEYE ISHYINGIRWA**

**Icyiciro cya mbere: Ihame ku ishyingirwa**

**Ingingo ya 166: Ugushyingiranwa kwemewe**

Ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ku bushake bwabo niko konyine kwemewe n'itegeko. Uko gushyingirwa gukorerwa ku mugaragaro imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho umwe mu bashyingirwa atuye cyangwa aba.

Abanyarwanda baba mu mahanga bandikishiriza kandi bagashyingirirwa mu biro by'uhagarariye u Rwanda muri icyo gihugu.

**Ingingo ya 167: Imihango ishingiye ku muco ibanziriza ishyingirwa**

Ishyingirwa rikorewe imbere y'ubutegetsi rishobora kubanzirizwa n'imihango gakondo ndangagaciro y'umuryango nyarwanda irimo iyi ikurikira:

1° umuhango wo gusaba no gufata irembo uhuza imiryango y'abifuza gushyingiranwa ikemeranwa ko nta nzitizi yo gushyingiranya abana bayo;

2° umuhango wo gusaba umugeni no gukwa ugaragaza amasezerano y'ubwumvikane hagati

**TITLE II: MARRIAGE**

**CHAPTER ONE: CONDITIONS FOR MARRIAGE**

**Section One: Principle on marriage**

**Article 166: Legal marriage**

Civil monogamous marriage contracted upon mutual consent before the public administration is the only marriage recognised by law. Such a marriage is publicly officiated by the civil registrar of the domicile or residence of one of the intending spouses.

Rwandan nationals residing abroad register and contract their marriage with the civil registrar's office of the Rwandan embassy.

**Article 167: Traditional pre-marriage ceremonies**

Civil marriage may be preceded by traditional ceremonies consistent with the values of the Rwandan society and which include the following:

1° the preliminary engagement ceremony that brings together families of the fiancés for consenting that there is no impediment to the marriage of their children;

2° the ceremony of engagement and payment of bride price which demonstrates the agreement

**TITRE II: MARIAGE**

**CHAPITRE PREMIER: CONDITIONS DU MARIAGE**

**Section première: Principe sur le mariage**

**Article 166: Mariage légal**

Seul le mariage civil monogamique contracté par consentement mutuel devant l'administration de l'Etat est reconnu par la loi. Ce mariage est célébré publiquement par l'officier de l'état civil du domicile ou de la résidence actuelle de l'un des futurs époux.

Les ressortissants rwandais vivant à l'étranger font enregistrer et contractent leur mariage au bureau de l'état civil de l'ambassade du Rwanda.

**Article 167: Cérémonies traditionnelles précédant le mariage**

Le mariage civil peut être précédé par les cérémonies traditionnelles conformes aux valeurs de la société rwandaise, dont les cérémonies suivantes:

1° la cérémonie de fiançailles préliminaires qui réunit les familles des fiancés pour qu'elles affirment qu'il n'y a aucune entrave au mariage de leurs enfants;

2° la cérémonie de fiançailles et de remise de la dot qui manifeste l'accord entre les deux (2)

y'imiryango ibiri (2) yemeranya ko umuhungu n'umukobwa bayikomokaho bazashyingiranwa kandi ko iyo miryango yombi izakomeza gufasha no guhagararira ishyingirwa ryabo.

Icyakora, iyo inkwano itabonetse ntibibuza amasezerano y'ubushyingiranwa kwemerwa.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibisabwa by'ishingiro byerekeye ishyingirwa**

**<u>Ingingo ya 168</u>: Imyaka yo gushyingirwa**

Imyaka yo gushyingirwa ni makumyabiri n'umwe (21) nibura.

**<u>Ingingo 169</u>: Kutagira isano hagati y'abashyingirwa**

Abafitanye isano y'ubuvandimwe itaziguye ntibashobora gushyingiranwa. Naho abafitanye isano y'ubuvandimwe iziguye ntibashobora gushyingiranwa kugeza ku gisanira cya karindwi.

Birabujijwe ko umuntu ashyingiranwa na sebukwe cyangwa nyirabukwe.

Ku byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye, birabujijwe ko:

1° uwemeye kubera umubyeyi umwana atabyaye yashyingiranwa nawe;

2° uwemeye kubera umubyeyi umwana atabyaye

between two (2) families which agree that their son and daughter will get married and that both families will continue to support their marriage be witnesses thereof.

However, the validity of marriage is not conditional on the payment of bride price.

**<u>Section 2</u>: Basic conditions for marriage**

**<u>Article 168</u>: Marriageable age**

The minimum legal age for marriage is twenty-one (21) years.

**<u>Article 169</u>: Prohibited relationship between spouses**

Marriage between persons in direct lineal kinship is prohibited. In addition, marriage between persons in collateral kinship up to the seventh degree is prohibited.

Marriage between a person and his/her parents-in-law is prohibited.

In case of adoption, marriage is prohibited between:

1° the adoptive parent and the adopted child;

2° the adoptive parent and the descendants of the

familles qui acceptent que leur garçon et fille se marieront et que ces deux familles continueront à soutenir leur mariage et à en être témoins.

Toutefois, la validité du mariage ne peut être conditionnée par la remise de la dot.

**<u>Section 2</u>: Conditions de fond du mariage**

**<u>Article 168</u>: Age du mariage**

L'âge minimum légal pour le mariage est de vingt et un (21) ans.

**<u>Article 169</u>: Lien prohibé entre les époux**

Le mariage entre les personnes avec un lien de parenté en ligne directe est prohibé. Il est également interdit le mariage entre les personnes avec un lien de parenté en ligne collatérale jusqu'au septième degré.

Le mariage entre une personne et ses beaux-parents est interdit.

En cas d'adoption, le mariage est prohibé entre:

1° l'adoptant et l'adopté;

2° l'adoptant et les descendants de l'adopté;

yashyingiranwa n'abakomoka kuri uwo mwana;

adopted child;

3° uwagizwe umwana n'utaramubyaye yashyingiranwa n'uwashyingiranywe n'uwamugize umwana;

3° the adopted child and the spouse of the adoptive parent;

3° l'adopté et l'époux de l'adoptant;

4° uwemeye kubera umubyeyi umwana atabyaye yashyingiranwa n'uwashyingiranywe n'uwo mwana ;

4° the adoptive parent and the spouse of the adopted person;

4° l'adoptant et l'époux de l'adopté;

5° abagizwe abana n'umuntu umwe utarababyaye bashyingiranwa;

5° the adopted persons from a same adoptive parent;

5° les enfants adoptifs d'un même adoptant ;

6° uwagizwe umwana yashyingiranwa n'abana b'uwemeye kumubera umubyeyi.

6° the adopted person and the children of the adoptive parent.

6° l'adopté et les enfants de l'adoptant.

Imiziro ivugwa mu gace ka 5º n'aka 6º ishobora kutitabwaho umwanditsi w'irangamimerere abitangiye uruhushya kubera impamvu zikomeye.

Prohibitions provided under points 5 º and 6º may be lifted for serious reasons upon authorization by the civil registrar.

Les prohibitions visées aux points 5° et 6° peuvent être levées pour des motifs graves sur autorisation de l'officier de l'état civil.

**<u>Ingingo ya 170</u>: Kutagira andi masezerano yo gushyingirwa**

Ntawe ushobora kongera gushyingirwa ugushyingirwa kwa mbere kukiriho.

**<u>Article 170</u>: Prohibition of a new marriage contract**

No person is allowed to contract a new marriage if the earlier marriage is still valid.

**<u>Article 170</u>: Interdiction d'un nouveau contrat de mariage**

Nul ne peut contracter un nouveau mariage tant que le premier est valide.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Ibisabwa byerekeye imigendekere y'ishyingirwa**

**<u>Section 3</u>: Formal conditions for marriage**

**<u>Section 3</u>: Conditions de forme de mariage**

**<u>Ingingo ya 171</u>: Ibisabwa abagomba gushyingirwa**

Mbere yo gushyingira, umwanditsi w'irangamimerere agomba kureba niba

**<u>Article 171</u>: Requirements for the intending spouses**

Prior to officiating at marriage, the civil registrar ensures that spouses have chosen their matrimonial

**<u>Article 171</u>: Conditions requises aux futurs époux**

Avant la célébration du mariage, l'officier de l'état civil s'assure du choix du régime matrimonial des

abashyingiranwa barahisemo amasezerano y'icungamutungo. Agomba gushyikirizwa ibi bikurikira:

1° icyemezo cy'amavuko cya buri wese mu bazashyingiranwa;

2° icyemezo cy'uko buri wese mu bazashyingiranwa ari ingaragu cyangwa ingingo z'ingenzi z'inyandiko yerekeye urupfu rw'uwo baheruka gushyingiranwa, cyangwa ingingo z'ingenzi z'urubanza rw'ubutane n'uwo baherutse gushyingiranwa cyangwa rusesa amasezerano y'ubushyingiranwe nawe;

3° icyemezo gitanga uburenganzira bwo gushyingiranwa itangazwa ritabaye kubera impamvu zifite ishingiro.

Ibyemezo byatanzwe bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigomba kugaragara mu nyandiko y'ishyingirwa.

**<u>Ingingo ya 172</u>: Ibigomba kwitabwaho mbere yo gushyingira**

Mbere y'imihango y'ishyingira, umwanditsi w'irangamimerere agomba kwita kuri ibi bikurikira:

1° gusuzuma ko ibyangombwa byose bijyanye n'ishyingira byujujwe;

2° gusobanurira abashaka gushyingiranwa

regime. He/she must require the following:

1° birth certificate of each of the intending spouses;

2° certificate of celibacy or extract of death certificate of the former spouse or extract of judicial decision of divorce or annulment of the former marriage;

3° an authorisation of marriage without publication for justified reasons.

The marriage certificate must mention all these documents referred to under Paragraph One of this Article.

**<u>Article 172</u>: Essential considerations prior to marriage celebration**

Prior to officiating at marriage, the civil registrar must ensure the following:

1° to verify if all formalities required for marriage are fulfilled;

2° to inform the intending spouses of

époux. Il doit requérir les pièces suivantes:

1° attestation de naissance de chacun des futurs époux;

2° une attestation de célibat ou un extrait de l'acte de décès de l'époux précédent ou un extrait de la décision judiciaire de divorce ou d'annulation du mariage précédent;

3° l'acte accordant la dispense de publication pour des motifs justifiés.

L'acte de mariage doit mentionner des pièces visées à l'alinéa premier du présent article.

**<u>Article 172</u>: Considérations nécessaires avant la célébration du mariage**

Avant de procéder à la célébration du mariage, l'officier de l'état civil doit s'assurer de ce qui suit:

1° vérifier que toutes les conditions relatives au mariage sont remplies;

2° informer les futurs époux au moins sept (7)

ibijyanye n'uburyo bw'imicungire y'umutungo nibura iminsi irindwi (7) mbere y'umuhango nyir'izina w'ishyingira

**Ingingo ya 173: Igenwa ry'umunsi n'isaha ishyingira riberaho**

Abazashyingirwa bumvikana n'umwanditsi w'irangamimerere ku munsi n'isaha azabashyingiriraho.

**Ingingo ya 174: Gutangaza abazashyingirwa**

Umwanditsi w'irangamimerere ashyira itangazo ku biro by'irangamimerere by'aho abazashyingiranwa baba, iby'aho batuye n'iby'aho bazashyingirirwa nibura mu minsi makumyabiri (20) mbere y'ishyingira.

Kubera impamvu zikomeye kandi zidasanzwe, umwanditsi w'irangamimerere ashobora gutanga uburenganzira bwo gutangaza ishyingiranwa mu minsi mike ku yateganyijwe cyangwa bwo gushyingirwa itangazwa ritabayeho. Impamvu yashingiyeho zigomba kugaragara mu itangazo no mu mpande y'inyandiko y'ishyingirwa.

Iyo ishyingira ritabaye mu mezi ane (4) nyuma y'irangira ry'igihe cyateganywaga n'itangazo, ntiriba rikibaye batongeye kuritangaza mu buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

matrimonial regime at least seven (7) days prior to officiating at marriage per se.

**Article 173: Fixing the date and time for officiating at marriage**

The intending spouses agree with the civil registrar on the date and time he/she will officiate at their marriage.

**Article 174: Publication of marriage**

The civil registrar publishes the marriage by posting a notice at the civil registrar's office of the residence or domicile of the intending spouses and that of the intended location for the celebration of marriage at least twenty (20) days prior to the marriage.

The civil registrar may, in case of critical and exceptional circumstances, authorize the shortening of the period for marriage notification or authorize the celebration of marriage without notice. Such circumstances must be indicated in the notice and registered in the margin of the marriage certificate.

If within four (4) months after the expiry of the period provided in the notice the marriage does not take place, it may not be celebrated without re-publishing it as provided for under Paragraph One of this Article.

jours avant du régime matrimonial avant la célébration elle-même du mariage.

**Article 173: Fixation de la date et de l'heure de célébration du mariage**

Les futurs époux s'accordent avec l'officier de l'état civil sur la date et l'heure auxquelles il célébrera leur mariage.

**Article 174: Publication du mariage**

L'officier de l'état civil procède à la publication du mariage par affichage d'une notification au bureau de l'état civil du domicile des futurs époux et du lieu de célébration du mariage ainsi que celui du lieu prévu pour la célébration du mariage au moins vingt (20) jours avant le mariage.

L'officier de l'état civil peut, pour des circonstances graves et exceptionnelles, autoriser l'abrégement du délai de publication du mariage ou la célébration du mariage sans la publication. Ces circonstances doivent apparaître dans la notification et figurer en marge de l'acte de mariage.

Si le mariage n'est pas célébré dans les quatre (4) mois à compter de l'expiration du délai de notification, il ne peut être célébré qu'après une nouvelle publication faite dans les formes prévues à l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 175: Ibikubiye mu itangazo ry'ishyingira**

Itangazo ry'abashyingiranwa rigomba kuba rikubiyemo ibi bikurikira:

1° amazina y'abazashyingiranwa;

2° umurimo bakora;

3° aho batuye n'aho baba;

4° imyaka yabo;

5° amazina y'ababyeyi n'aho batuye cyangwa baba.

Iryo tangazo rigomba kugaragaza umunsi, ahantu n'isaha imihango y'ishyingira izabera n'ibiro by'irangamimerere izaberamo.

**Ingingo ya 176: Kwanga gushyingira**

Mbere y'ishyingira, iyo umwanditsi w'irangamimerere abonye ikimwemeza ko hari inkomyi iteganywa n'itegeko, agomba kwanga gushyingira. Icyo gihe abikorera inyandiko kandi agaherako abimenyesha abagomba gushyingirwa.

Iyo umwanditsi w'irangamimerere agaragaje impamvu yatumye yanga gushyingira, umwe mu bagomba gushyingirwa ashobora gusaba kurenganurwa n'urwego rumukuriye. Iyo atishimiye icyemezo cyafashwe, ikibazo agishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha

**Article 175: Content of the marriage notice**

The marriage notice must indicate the following:

1° names of the intending spouses;

2° their occupations;

3° their domicile and residence;

4° their age;

5° their fathers' and mothers' names as well as their domicile and residence.

The notice must also indicate the date, place and time as well as the intended civil registrar's office for the celebration of the marriage.

**Article 176: Refusal to officiate at marriage**

If, prior to officiating at marriage, the civil registrar finds a legal evidence to bar that marriage, he/she must refuse to officiate at the marriage. In this case, he/she issues a note thereof and immediately informs the intending spouses

If the civil registrar indicates the reasons for refusing to officiate at the marriage, any of the intending spouses is entitled to lodge a complaint before a senior hierarchical authority. If he/she is not satisfied with the decision taken, the matter is referred to the competent court which settles it by

**Article 175: Contenu de la notification du mariage**

La notification du mariage doit énoncer ce qui suit:

1° les noms des futurs époux;

2° leurs professions;

3° leur domicile et résidence;

4° leur âge;

5° les noms, le domicile et la résidence de leurs pères et mères.

Cette publication énonce également le jour, le lieu et l'heure ainsi que le bureau de l'état civil où le mariage sera célébré.

**Article 176: Refus de célébrer le mariage**

Si avant la célébration du mariage, l'officier de l'état civil a la preuve qu'il existe un empêchement prévu par la loi, il doit refuser de célébrer le mariage. Dans ce cas, il en dresse acte et en informe aussitôt les futurs époux.

Lorsque l'officier de l'état civil indique le motif pour refuser de célébrer le mariage, l'un des futurs époux peut, pour être rétabli dans ses droits, faire recours devant l'autorité hiérarchiquement supérieure et, s'il n'est pas satisfait, devant la juridiction compétente qui doit statuer par voie de

rukagikemura ku buryo bw'ibirego byihutirwa.

Umwanditsi w'irangamimerere ntashobora kongera kwanga gushyingira, iyo urukiko rwemeje ko impamvu yatanze abyanga idafite ishingiro.

**<u>Icyiciro cya 4</u>: Imihango y'ishyingira n'ibimenyetso by'ishyingira**

**<u>Ingingo ya 177</u>: Imihango nyir'izina y'ishyingira**

Abashyingirwa baherekejwe n'umuntu uhagarariye buri muryango n'abatangabuhamya babiri (2) bagejeje ku myaka y'ubukure kandi batambuwe uburenganzira mbonezamubano n'inkiko, baza ubwabo imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.

Umwanditsi w'irangamimerere abasomera inyandiko zerekeye irangamimerere yabo akanabigisha uburenganzira n'imirimo nshinganwa y'abashyingiranwa. Abashyingiranwa bemera buri wese ko umwe abereye undi umugabo undi akamubera umugore mu ndahiro ikurikira:

"Jyewe …………………………… maze kumva icyo amategeko ategeka abashyingiranwe, nemeye nta gahato ko wowe ..... umbera umugore/umugabo tukazabana uko twabyiyemeje kandi dukurikije uko amategeko ya Repubulika y'u Rwanda abiteganya".

Nyuma y'indahiro y'abashyingiranywe umwanditsi w'irangamimerere ababwira ko bashyingiwe hakurikijwe amategeko muri aya magambo:

summary proceedings.

The civil registrar may not refuse to celebrate the marriage if his/her reasons are found unjustified by the court.

**<u>Section 4:</u> Procedure and evidence of marriage**

**<u>Article 177</u>: Procedure for marriage celebration**

The intending spouses accompanied by a representative from each family and by two (2) adult witnesses and enjoying all civil rights appear all together before the civil registrar.

The civil registrar reads for them all documents related to their civil status and their rights and duties as married spouses. The intending spouses declare to be each other husband and wife as per the following oath:

"I........................., having heard what the law requires the spouses, agree without any coercion that you ........... be my wife/husband and we live together as per our agreement and in accordance with the law of the Republic of Rwanda".

After the oath of spouses, the civil registrar declares that they are legally married in the following terms:

référé.

L'officier de l'état civil ne peut renouveler son refus de célébrer le mariage pour le motif déclaré injustifié par la juridiction.

**<u>Section 4</u>: Procédure et preuve du mariage**

**<u>Article 177</u>: Procédure de célébration du mariage**

Les futurs époux, accompagnés d'un représentant pour chaque famille, de deux (2) témoins majeurs et jouissant de tous les droits civils, comparaissent ensemble et en personne devant l'officier de l'état civil.

L'officier de l'état civil leur fait la lecture des pièces relatives à leur état civil et les instruit des droits et devoirs respectifs des époux. Il reçoit de chacun des futurs époux la déclaration qu'ils veulent se prendre pour mari et femme en prêtant serment en ces termes :

"Moi……………… après lecture faite à moi des devoirs imposés par la loi à chacun des époux, j'accepte sans contrainte de te prendre, toi ………… pour époux/épouse et vivre avec toi selon l'engagement que nous avons pris et selon la loi de la République du Rwanda".

Après le serment des époux, l'officier de l'état civil leur déclare qu'ils sont légalement mariés en ces termes:

"Jyewe ………………….. umwanditsi w'irangamimerere wa ……… maze kumva amasezerano ya …… na … bagiranye imbere yanjye mu ruhame rwa benshi, nshingiye kandi ku bubasha mpabwa n'amategeko, nemeje ko kuva ubu .... na ..... bashyingiranywe nk'uko amategeko abiteganya".

Indahiro y'abashyingiranywe n'iy'umwanditsi w'irangamimerere zikorwa urahira azamuye ukuboko kw'iburyo akurambuye afashe ku ibendera ry'Igihugu n'ukuboko kw'ibumoso. Iyo bidashoboka kubera ubumuga, usabwa kurahira araryambikwa.

Inyandiko y'ishyingirwa ishyirwaho umukono n'umwanditsi w'irangamimerere, abashyingiranwa, abahagarariye imiryango n'abatangabuhamya babiri (2).

**<u>Ingingo ya 178</u>: Ikimenyetso cy'ishyingirwa**

Ishyingirwa rihamywa n'inyandiko y'ishyingirwa keretse igihe itegeko riteganya ubundi bwoko bw'ikimenyetso.

Iyo inyandiko y'ishyingirwa idashoboye kuboneka ku mpamvu iyo ariyo yose, ishobora gusimburwa n'urubanza ruciwe, bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, mu rukiko rubifitiye ububasha rw'aho atuye. Urukiko rushobora gukora iperereza igihe rubona ko ari ngombwa.

"I........... the civil registrar of ......... having heard the vows made between ......... and ..........as agreed in my presence and in public, pursuant to powers conferred to me by the law, hereby declare that from today …. and ….. are married in accordance with the law".

The oath of the spouses and the oath of the civil registrar are taken when they are raising the right arm while the left arm holds the national flag. Failure to take oath due to disability, they are caused to wear it.

The marriage certificate is signed by the civil registrar, the spouses, representatives for each family and two (2) witnesses.

**<u>Article 178</u>: Evidence of marriage**

Marriage is certified by a marriage certificate unless the law provides for any other type of evidence.

If the marriage certificate is not obtained for any reason, it may be replaced by a rendered judgment upon request by any interested person in a competent court where the claimant resides. The court may conduct investigation if deemed necessary.

"Moi,………………, officier de l'état civil de………………. après avoir entendu les vœux exprimés en ma présence et devant le public entre………….. et…………………… en vertu des pouvoirs qui me sont conférés par la loi, je déclare …….. et ……. maintenant unis par les liens du mariage conformément à la loi".

Le serment des époux et celui de l'officier de l'état civil se font la main droite levée, la main gauche tenant concomitamment le drapeau national. A défaut de prêter serment suite à un handicap, on le leur fait porter.

L'acte de mariage est signé par l'officier de l'état civil, les époux, le représentant de chaque famille et deux (2) témoins.

**<u>Article 178</u>: Preuve du mariage**

Le mariage se prouve par l'acte de mariage, sauf le cas où la loi autorise un autre mode de preuve.

Le défaut d'acte de mariage pour quelque raison que ce soit peut être suppléé par un jugement rendu sur requête présentée par toute personne intéressée à la juridiction compétente du lieu de domicile du requérant. Le tribunal peut mener des enquêtes s'il le juge nécessaire.

**UMUTWE WA II: ISHYINGIRWA RY'ABANYAMAHANGA RIKOREWE MU RWANDA**

**Ingingo ya 179: Ishyingirwa hagati y'abanyamahanga ribereye mu Rwanda**

Ishyingirwa ry'abanyamahanga ribereye mu Rwanda rigengwa n'ibi bikurikira:

1° ku byerekeye imihango y'ishyingirwa, hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda;

2° ku byerekeye ibisabwa by'ishingiro, hakurikizwa itegeko ry'igihugu cya buri wese mu bashyingiranwa iyo bitabangamiye umudendezo rusange n'imyifatire mbonezabupfura y'Abanyarwanda;

3° ku bireba uburenganzira bwa buri muntu bukomoka ku ishyingirwa n'ubw'abana, iyo nta masezerano bagiranye ubwabo, hakurikizwa itegeko ry'aho baba;

4° ku byerekeye inkurikizi ku mutungo wabo, iyo abashyingiranywe nta masezerano y'icungamutungo bagiranye, hakurikizwa itegeko ry'aho uwo mutungo uri.

**Ingingo ya 180: Ishyingirwa hagati y'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu Rwanda**

Ishyingirwa hagati y'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu Rwanda rigengwa

**CHAPTER II: MARRIAGE OF FOREIGNERS CELEBRATED IN RWANDA**

**Article 179: Marriage between foreigners celebrated in Rwanda**

The marriage between foreigners celebrated in Rwanda is governed:

1° with regard to marriage celebration, by the Rwandan law;

2° with regard to substantive requirements, by the national law of each of the spouses if it does not contravene public order and good morals of Rwandans;

3° with regard to the matrimonial right of each person and the right of children, when there is no common agreement, by the law of the country where they reside;

4° with regard to effects on marital property, when there is no marital property agreement, by the law of the country where the property is located.

**Article 180: Marriage between a foreigner and a Rwandan celebrated in Rwanda**

The marriage between a foreigner and a Rwandan celebrated in Rwanda is governed:

**CHAPITRE II: MARIAGE DES ETRANGERS CELEBRE AU RWANDA**

**Article 179: Mariage entre étrangers célébré au Rwanda**

Le mariage entre étrangers célébré au Rwanda est régi:

1° quant à la célébration du mariage, par la loi rwandaise;

2° quant aux conditions de fond, par la loi nationale de chaque époux, si elle ne porte pas atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs des Rwandais;

3° quant au droit matrimonial de chaque personne et au droit des enfants, en l'absence de convention commune, par la loi du pays où ils résident;

4° quant aux effets sur le patrimoine des époux, en l'absence de convention matrimoniale, par la loi du pays où se situe ce patrimoine.

**Article 180: Mariage entre un étranger et un ressortissant rwandais célébré au Rwanda**

Le mariage entre un étranger et un ressortissant rwandais célébré au Rwanda est régi:

n'ibi bikurikira:

1° itegeko ry'u Rwanda ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa;

2° ku byerekeye ibisabwa by'ishingiro, hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda ku bireba umunyarwanda n'iry'igihugu uwo munyamahanga abereye umwenegihugu iyo bitabangamiye umudendezo rusange n'imyifatire mbonezabupfura y'abanyarwanda.

**UMUTWE WA III: GUTAMBAMIRA ISHYINGIRWA**

**Ingingo ya 181: Ufite uburenganzira bwo gutambamira ishyingira**

Uburenganzira bwo gutambamira ishyingira bufitwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu.

**Ingingo ya 182: Uburyo bwo gutambamira ishyingira**

Gutambamira ishyingira bikorwa mu magambo cyangwa mu nyandiko kugeza igihe cyose ishyingira ritaraba imbere y'umwanditsi w'irangamimerere. Iryo tambamira rigomba kwerekana impamvu.

**Ingingo ya 183: Impamvu zo gutambamira ishyingira**

Gutambamira ishyingira bishobora gushingira nibura kuri imwe (1) mu mpamvu zikurikira:

1° by the Rwandan law with regard to the marriage celebration;

2° with regard to substantive requirements, by the Rwandan law for a Rwandan and by the law of the country of which the foreigner is a national, if it does not contravene public order and good morals of Rwandans.

**CHAPTER III: OPPOSITION TO THE CELEBRATION OF MARRIAGE**

**Article 181: Person having the right to oppose the celebration of marriage**

The right to oppose the celebration of marriage is endowed to any interested person.

**Article 182: Procedure to oppose the celebration of marriage**

Opposition to the celebration of marriage is made either orally or in writing before the civil registrar as long as the marriage has not yet been celebrated. The opposition must be motivated.

**Article 183:Grounds for opposition to the celebration of marriage**

Opposition to the celebration of marriage may be motivated by at least one (1) of the following

1° par la loi rwandaise quant à la célébration du mariage;

2° quant aux conditions de fond, par la loi rwandaise pour le Rwandais et par la loi du pays dont l'étranger est ressortissant, si elle ne porte pas atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs des Rwandais.

**CHAPITRE III: OPPOSITION A LA CELEBRATION DU MARIAGE**

**Article 181: Personne ayant le droit de former opposition à la célébration du mariage**

Le droit de former opposition à la célébration du mariage appartient à toute personne intéressée.

**Article 182: Procédure d'opposition à la célébration du mariage**

L'opposition à la célébration du mariage est faite verbalement ou par écrit devant l'officier de l'état civil tant que la célébration du mariage n'a pas encore eu lieu. Cette opposition doit être motivée.

**Article 183: Motifs de l'opposition à la célébration du mariage**

L'opposition à la célébration du mariage peut être motivée par au moins l'un des motifs suivants:

1° ukubura kwa kimwe mu bisabwa byerekeye imigendekere y'ishyingirwa cyangwa ishingiro ryayo;

2° kuba hari umwe mu miziro y'ishyingirwa.

**Ingingo ya 184: Inkurikizi zo gutambamira ishyingira**

Iyo hari impamvu zo gutambamira ishyingira zagaragajwe mu ngingo ya 183, ishyingirwa rirahagarara.

**Ingingo ya 185: Ivanwaho ry'inkurikizi zo gutambamira ishyingira**

Inkurikizi zo gutambamira ishyingira zivanwaho iyo:

1° urubanza ruvanaho itambamira ruciwe n'urukiko rw'aho ishyingira rigomba kubera;

2° bigaragaye ko ibyangombwa kugira ngo ishyingira ribe byaburaga bibonetse;

3° impamvu yateye itambamira itakiriho.

grounds:

1° lack of one of the conditions of form or substance;

2° existence of any of the prohibitions to marriage.

**Article 184: Effects of opposition to marriage**

Celebration of marriage is suspended due to grounds for opposition referred to in Article 183.

**Article 185: Waiver of effects of opposition to the celebration of marriage**

Effects of opposition to the celebration of marriage stop running:

1° by the court judgment rejecting the opposition rendered by the court of place of marriage celebration;

2° by fulfilment of the requirements that were defective;

3° where grounds for opposition no longer exist.

1° le manque de l'une ou l'autre des conditions de forme ou de fond;

2° l'existence de l'une ou l'autre des prohibitions au mariage.

**Article 184: Effets de l'opposition au mariage**

La célébration du mariage est suspendue suite aux motifs d'opposition visés à l'article 183.

**Article 185: Cessation des effets de l'opposition à la célébration du mariage**

Les effets de l'opposition à la célébration du mariage cessent par:

1° la mainlevée ordonnée par la juridiction du lieu de la célébration du mariage;

2° la réalisation de la condition dont le défaut est allégué;

3° la disparition de l'empêchement allégué.

**Ingingo ya 186: Inkurikizi z'urubanza rutambamira ishyingira**

Urukiko ruregewe hasabwa ko itambamira rivaho ruherako ruca urubanza mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

Iyo urukiko rwemeje ko gutambamira ishyingira bifite ishingiro, ishyingira rikomeza guhagarara kugeza igihe bigaragariye ko ibyangombwa byari bibuze kugira ngo ishyingira ribe bibonetse cyangwa se ko impamvu zabuzaga iryo shyingira zitakiriho.

Urukiko rwemeje ko gutambamira ishyingira bidafite ishingiro, rushobora guca indishyi z'akababaro uwari waritambamiye.

**Ingingo ya 187: Kumenyesha urubanza rwerekeye itambamira**

Urubanza rwose, ari urwemeza ko gutambamira ishyingirwa bifite ishingiro, ari urubivanaho, rumenyeshwa buri muntu mu bifuza gushyingirwa kimwe n'umwanditsi w'irangamimerere wagombaga kubashyingira.

**Ingingo ya 188: Usaba ko itambamira rivaho**

Gusaba ko itambamira rivaho bikorwa n'umwe mu bashaka gushyingirwa.

**Article 186: Effects of the judgment on opposition to marriage**

The court to which the matter of the waiver of opposition to marriage is referred settles it by summary proceedings.

If the court confirms the opposition, the marriage celebration continues to be suspended until the necessary requirements for marriage celebration are met or if the obstacles are eliminated.

A court declaring opposition non justifiable may condemn the bad faith opposition claimant to pay damages.

**Article 187: Notification of the marriage opposition judgment**

Any judgment confirming the opposition or the waiver is notified to the intending spouses and the civil registrar before whom the marriage would be celebrated.

**Article 188: Applicant for the waiver of opposition**

The request or claim for the waiver of opposition is lodged by any of the intending spouses

**Article 186: Effets du jugement d'opposition au mariage**

La juridiction saisie de l'action en mainlevée de l'opposition statue par voie de référé.

Si la juridiction confirme l'opposition, la célébration du mariage reste suspendue jusqu'à la réalisation des conditions nécessaires ou à la disparition de l'empêchement.

La juridiction qui déclare l'opposition non fondée peut condamner l'opposant de mauvaise foi aux dommages et intérêts.

**Article 187: Signification du jugement d'opposition au mariage**

Le jugement qui confirme l'opposition ou la mainlevée est signifié à chacun des futurs époux et à l'officier de l'état civil devant qui le mariage devait être célébré.

**Article 188: Demandeur de l'action en mainlevée de l'opposition au mariage**

L'action en mainlevée de l'opposition est mise en mouvement à la diligence de l'un des futurs époux.

**UMUTWE WA IV: ISHYINGIRWA RY'ABANYARWANDA RIKOREWE MU MAHANGA**

**Ingingo ya 189: Ishyingirwa hagati y'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu mahanga**

Ishyingirwa ry'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu mahanga rigengwa n'ibi bikurikira:

1° itegeko ry'igihugu isezerano ryo gushyingirwa ryabereyemo ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa;

2° ku byerekeye ibisabwa by'ishingiro ku Munyarwanda, hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda.

**Ingingo ya 190: Ishyingirwa hagati y'abanyarwanda ribereye mu mahanga**

Iyo ishyingirwa hagati y'abanyarwanda ribereye mu mahanga, iyo bikorewe muri ambasade cyangwa konsula y'u Rwanda rigengwa n'itegeko ry'u Rwanda ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa n'ibisabwa by'ishingiro.

Iyo ishyingirwa ribereye mu gihugu kitarimo uhagarariye u Rwanda mu mahanga, hakurikizwa itegeko ry'igihugu isezerano ryabereyemo ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa, n'itegeko ry'u Rwanda ku byerekeranye n'ibisabwa by'ishingiro.

**CHAPTER IV: MARRIAGE OF RWANDANS CELEBRATED IN A FOREIGN COUNTRY**

**Article 189: Marriage between a Rwandan and a foreigner celebrated in a foreign country**

The marriage between a Rwandan and a foreigner celebrated in a foreign country is governed:

1° by the law of the country where the marriage is celebrated with regard to the form;

2° with regard to substantive requirements for a Rwandan, by the Rwandan law.

**Article 190: Marriage between Rwandans celebrated in a foreign country**

Where the marriage between Rwandans is celebrated in a foreign country in a Rwandan embassy or consulate, it is governed by the Rwandan law with regard to the form and substantive requirements.

Where the marriage is celebrated in a foreign country where there is no Rwandan representative, it is governed by the law of the country where marriage is celebrated with regard to the form and by the Rwandan law with regard to substantive requirements.

**CHAPITRE IV: MARIAGE DES RESSORTISSANTS RWANDAIS CELEBRE A L'ETRANGER**

**Article 189: Mariage entre un ressortissant rwandais et un étranger célébré à l'étranger**

Le mariage entre un ressortissant rwandais et un étranger célébré à l'étranger est régi:

1° par la loi du pays de la célébration du mariage quant à la forme;

2° quant aux conditions de fond pour un ressortissant rwandais, par la loi rwandaise.

**Article 190: Mariage entre les Rwandais célébré à l'étranger**

Lorsque le mariage entre les Rwandais est célébré à l'étranger dans une ambassade ou consulat rwandais, il est régi par la loi rwandaise quant à la forme et aux conditions de fond.

Lorsque le mariage est célébré à l'étranger dans un pays où le Rwanda n'a pas de représentation, il est régi, quant à la forme, par la loi du pays où le mariage est célébré et quant aux conditions de fond, par la loi rwandaise.

**Ingingo ya 191: Kwemerwa kw'ishyingirwa ry'Abanyarwanda ryakorewe mu mahanga**

Ishyingirwa ry'umugabo umwe (1) n'umugore umwe (1) rikorewe mu mahanga mu buryo bwubahirije amategeko yaho, ryemerwa mu Rwanda.

Ishyingirwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rigomba kwandikwa mu gitabo cy'inyandiko z'ishyingirwa n'umwanditsi w'irangamimerere w'u Rwanda.

Iyo ishyingirwa ry'Abanyarwanda ryakorewe mu mahanga rinyuranyije n'umudendezo wa rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, riteshwa agaciro hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA V: GUTA AGACIRO KW'ISHYINGIRWA**

**Ingingo ya 192: Gutesha agaciro ishyingirwa**

Guta agaciro k'ishyingirwa gutegekwa n'urubanza. Uko gutesha agaciro bishobora kuba mu buryo budasubirwaho cyangwa mu buryo bushobora gusubirwaho.

**Article 191: Recognition of the marriage of Rwandans celebrated abroad**

Monogamous marriage legally celebrated abroad is recognised in Rwanda.

The marriage referred to under Paragraph One of this Article must be registered by the Rwandan civil registrar in the register of marriage records.

If the marriage of Rwandans celebrated abroad contravenes public order and good morals, it is nullified in accordance with provisions of this Law.

**CHAPTER V: NULLITY OF MARRIAGE**

**Article 192: Declaration of nullity of marriage**

Nullity of marriage can only be ordered by judgment. Nullity may be absolute or relative.

**Article 191: Reconnaissance du mariage des Rwandais célébré à l'étranger**

Le mariage monogamique légalement célébré à l'étranger est reconnu au Rwanda.

Le mariage stipulé à l'alinéa premier du présent article doit être enregistré sur le registre des actes de mariage par l'officier de l'état civil du Rwanda.

Si le mariage des Rwandais célébré à l'étranger porte atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs, il est annulé conformément aux dispositions de la présente loi.

**CHAPITRE V: NULLITE DE MARIAGE**

**Article 192: Constatation de la nullité du mariage**

La nullité de mariage ne peut être constatée que par un jugement. Cette nullité peut être absolue ou relative.

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Guta agaciro kw'ishyingirwa mu buryo budasubirwaho**

**<u>Ingingo ya 193</u>: Impamvu zituma gushyingirwa bita agaciro mu buryo budasubirwaho**

Impamvu zituma habaho guta agaciro mu buryo budasubirwaho ziteganywa gusa n'iri tegeko kandi urukiko rusanze zifite ishingiro rugomba gutesha agaciro ishyingirwa.

Izo mpamvu ni izi zikurikira:

1° ishyingirwa ribaye umwe mu bashyingiranywe atarageza ku myaka makumyabiri n'umwe (21);

2° ishyingirwa ry'abafitanye isano ishingiye ku buvandimwe cyangwa ishingiye ku ishyingirana ku rwego rubujijwe;

3° gushyingiranwa bwa kabiri, ishyingirwa rya mbere ritaraseswa;

4° igihe ishyingirwa ryakozwe umwe mu bashyingiranwe atabyemera.

Gutesha agaciro ishyingirwa kubera impamvu ivugwa mu gace ka 4º k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibishobora kuregerwa iyo abashyingiranywe babanye amezi cumi n'abiri (12) akurikirana.

**<u>Section One</u>: Absolute nullity of marriage**

**<u>Article 193</u>: Causes of absolute nullity of marriage**

Causes of absolute nullity are only provided for by this Law and if they are justifiable, the court orders the nullity of marriage.

The causes are as follows:

1° marriage entered into when either spouse is under the age of twenty-one (21);

2° marriage between relatives by kinship or allies to the prohibited degree;

3° bigamy;

4° marriage entered into without consent of any of the spouses.

Proceedings of nullity of marriage for the cause referred to under point 4º of Paragraph One of this Article is not initiated in case there has been a continuous cohabitation for at least twelve (12) consecutive months.

**<u>Section première</u>: Nullité absolue du mariage**

**<u>Article 193</u>: Causes de nullité absolue du mariage**

Les causes de nullité absolue ne sont que celles prévues par la présente loi et lorsqu'elles sont fondées, la juridiction statue sur la nullité du mariage.

Ces causes sont les suivantes:

1° le mariage contracté avant que l'un des époux n'ait pas encore l'âge de vingt et un (21) ans;

2° le mariage entre personnes ayant un lieu de parente ou alliés au degré prohibé;

3° la bigamie;

4° le mariage contracté en l'absence de consentement de l'un des époux.

L'action en nullité du mariage pour la cause visée au point 4º de l'alinéa premier du présent article ne peut plus être intentée lorsqu'il y a eu cohabitation continue pendant douze (12) mois.

**Ingingo ya 194: Ufite ububasha bwo gutanga ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa mu buryo budasubirwaho**

Ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa mu buryo budasubirwaho gitangwa n'umwe mu bashyingiranywe cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu.

**Ingingo ya 195: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa ku buryo budasubirwaho**

Ishyingirwa riteshejwe agaciro ku buryo budasubirwaho rifatwa nk'aho ritigeze ribaho uhereye ku munsi isezerano ryo gushyingirwa ryakoreweho.

Icyakora, ishyingirwa ritaye agaciro rigenera abana uburenganzira burikomokaho kabone n'iyo abashyingiranywe bombi baba barabigiranye uburyarya. Urukiko rwemeza uko abana bazarerwa nk'uko bigenda igihe cy'ubutane.

Iryo teshagaciro ntirikuraho kandi uburenganzira n'imirimo nshinganwa y'ababyeyi ku bana.

**Icyiciro cya 2: Guta agaciro kw'ishyingirwa mu buryo bushobora gusubirwaho**

**Ingingo ya 196: Impamvu zituma ishyingirwa rita agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho**

Impamvu zituma ishyingirwa rita agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho ni izi zikurikira:

**Article 194: Person entitled to file a lawsuit for absolute nullity**

A claim for absolute nullity is lodged by any of the spouses or any interested person.

**Article 195: Effects of absolute nullity of marriage**

An absolute nullified marriage is presumed to have never existed as of the date the marriage contract was entered into.

However, marriage declared null produces all effects towards children even if none of the spouses was of good faith. The court determines obligations of parents towards children as in the divorce case.

The nullity leave standing rights and obligations of parents towards children.

**Section 2: Relative nullity of marriage**

**Article 196: Causes of relative nullity**

Causes of relative nullity of marriage are as follows:

**Article 194: Personne habilitée à intenter une action en nullité absolue**

L'action en nullité absolue appartient à l'un des époux ou toute autre personne intéressée.

**Article 195: Effets de la nullité absolue du mariage**

Le mariage frappé de nullité absolue est considéré comme n'ayant jamais existé à compter du jour de sa célébration.

Toutefois, le mariage frappé de nullité produit les effets à l'égard des enfants quand bien même aucun époux ne serait de bonne foi. La juridiction détermine les devoirs des parents à l'égard des enfants tels que prévus dans le jugement de divorce.

Cette nullité laisse subsister les droits et les devoirs des parents à l'égard des enfants.

**Section 2: Nullité relative du mariage**

**Article 196: Causes de nullité relative du mariage**

Les causes de nullité relative du mariage sont les suivantes:

1° ukwemera gufite inenge k'umwe mu bashyingiranywe;

2° ishyingirwa ritabereye mu ruhame;

3° ishyingirwa ryakozwe n'umwanditsi w'irangamimerere utabifitiye ububasha cyangwa undi muntu wese wihaye imirimo itari iye;

4° indi mpamvu yaturuka ku kutubahiriza ibisabwa byerekeye imigendekere y'ishyingiranwa.

Ukwemera kuba gufite inenge iyo umwe mu bashyingiranywe yemeye gushyingirwa kubera kwibeshya ku muntu, yabeshywe cyangwa yabyemeye ku ngufu.

Ishyingirwa ntirishobora guteshwa agaciro ku buryo bushobora gusubirwaho iyo abashyingiranywe babanye amezi atandatu (6) akurikirana uhereye igihe impamvu ituma rita agaciro yamenyekaniyeho.

Impamvu zituma habaho guta agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho zisesengurwa n'umucamanza mu bwisanzure bwe.

**<u>Ingingo ya 197</u>: Uwemerewe gutanga ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa mu buryo bushobora gusubirwaho**

Ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa mu buryo bushobora gusubirwaho gitangwa gusa

1° vitiated consent of one of the spouses;

2° clandestine celebration;

3° incompetence of the civil registrar or usurpation of power by any other person;

4° any other reason that may be related to lack of fulfilment of celebration formalities.

There is vitiated consent when consent of one of the spouses has been given by mistake on the person, or if it has been ensnared by fraud, or extracted by duress.

Relative nullity of marriage is impossible in case there has been a continuous cohabitation for at least six (6) consecutive months from the date the cause for relative nullity was known.

Causes of relative nullity are those which are in discretionary power of a judge.

**<u>Article 197</u>: Person entitled to file a lawsuit for relative nullity of marriage**

A claim of relative nullity of marriage is lodged only by spouses.

1° le vice de consentement de l'un des époux;

2° la clandestinité de la célébration;

3° l'incompétence de l'officier de l'état civil ou l'usurpation de fonctions;

4° toute autre raison qui pourrait être liée au non-respect des formalités de célébration.

Il y a vice de consentement lorsque le consentement de l'un des époux a été donné par erreur sur la personne, surpris par le mauvais dol ou extorqué par violence.

La nullité relative est impossible lorsqu'il y a eu cohabitation continue pendant six (6) mois à compter de la date de la connaissance de la cause de la nullité relative.

Les causes de nullité relative sont celles que le juge apprécie souverainement.

**<u>Article 197</u>: Personne habilitée à intenter une action en nullité relative du mariage**

L'action en nullité relative du mariage n'appartient qu'aux époux.

n'abashyingiranywe.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku gutesha agaciro ishyingirwa**

**Ingingo ya 198: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa ku buryo bushobora gusubirwaho**

Ishyingirwa riteshejwe agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho rigira inkurikizi zaryo kuva igihe ryatangiriye kugeza igihe hatangiwe ikirego gisaba kuritesha agaciro.

Icyakora, ishyingirwa ryateshejwe agaciro ku buryo bushobora gusubirwaho kubera imwe mu mpamvu zivugwa mu ngingo ya 196 rishobora kongera gukorwa bundi bushya mu gihe izo mpamvu zivuyeho.

**Ingingo ya 199: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa**

Iyo Urukiko rwemeje ko ishyingirwa nta gaciro rifite, rigira inkurikizi ku bashyingiranywe ku buryo bumwe iyo ryakozwe nta buryarya. Kugabana umutungo w'abashyingiranywe bikorwa hakurikijwe amategeko agenga amasezerano yabo y'icungamutungo.

**Ingingo ya 200: Gukeka ko abashyingiranywe nta buryarya bagize**

Habaho gukeka ko uwashyingiranywe nta buryarya yagize mu ishyingirwa, keretse iyo urukiko mu gihe rutesha agaciro ishyingirwa rutangaje ko

**Section 3: Common provisions to nullity of marriage**

**Article 198: Effects of relative nullity of marriage**

Relative nullified marriage produces civil effects for the past until the request for annulment.

However, the relative nullified marriage due to causes referred to in Article 196 may be contracted again when those causes no longer hold.

**Article 199: Effects of nullity of marriage**

Where the jurisdiction declares null a marriage, it produces same effects towards spouses if it was contracted in good faith. The property is shared in accordance with laws governing their matrimonial regime.

**Article 200: Presumption of spouses' good faith**

There is presumption that a spouse contracted the marriage in good faith, unless the court while nullifying the marriage declares that he/she

**Section 3: Dispositions communes à la nullité du mariage**

**Article 198: Effets de la nullité relative du mariage**

Le mariage frappé de nullité relative produit les effets civils pour le passé, jusqu'à la demande d'annulation.

Toutefois, le mariage frappé de nullité relative suite aux causes visées à l'article 196 peut être contracté à nouveau si ces causes ne tiennent plus.

**Article 199: Effets de la nullité du mariage**

Lorsque la juridiction déclare que le mariage est nul, ce mariage produit les mêmes effets aux époux lorsqu'il a été contracté de bonne foi. Le partage du patrimoine se fait selon les lois régissant leur régime matrimonial.

**Article 200: Présomption de bonne foi des époux**

Il y a présomption qu'un époux a contracté le mariage de bonne foi, à moins que, lors de la nullité du mariage, la juridiction déclare qu'il a contracté le

yagize uburyarya.

**Ingingo ya 201: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa ryaranzwemo uburyarya**

Iyo ishyingirwa ryaranzwemo uburyarya, guta agaciro kw'iryo shyingirwa kugira inkurikizi k'uwashyingiwe wagize uburyarya kuva ku munsi w'ishyingirwa.

Ishyingirwa riteshejwe agaciro riha uwashyingiranywe utarangwaho uburyarya kimwe n'abana barikomokaho uburenganzira bwose bukomoka ku ishyingirwa.

Ishyingirwa riteshejwe agaciro ku mpamvu z'uburyarya bw'abashyingiranywe bombi rigenera abana uburenganzira bwose burikomokaho. Iryo teshagaciro ntirikuraho kandi uburenganzira n'imirimo nshinganwa y'ababyeyi ku bana.

Urukiko rwemeza uko abana bazarerwa nk'uko bigenda igihe cy'ubutane.

**UMUTWE WA VI: INKURIKIZI Z'ISHYINGIRWA**

**Icyiciro cya mbere: Agaciro k'ishyingirwa**

**Ingingo ya 202: Igihe ishyingirwa ritangirira kugira agaciro**

Ishyingirwa rigira agaciro uhereye igihe ryabereye imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.

contracted the marriage in bad faith.

**Article 201: Effects of nullity of marriage contracted in bad faith**

Where marriage was contracted in bad faith, its nullity produces effects towards spouse of bad faith from the date of marriage.

The nullified marriage grants to the spouse who acted in good faith and to children from such marriage all rights related to marriage.

The nullified marriage contracted in bad faith of both spouses grants to children all rights related to that marriage. That nullification shall not waive away parental duties either.

The court decides on custody of the child as it is in divorce process.

**CHAPTER VI: EFFECTS OF MARRIAGE**

**Section One: Validity of marriage**

**Article 202: Commencement of validity of marriage**

Marriage is valid from the time it is celebrated before a civil registrar.

mariage de mauvaise foi.

**Article 201: Effets de la nullité du mariage contracté de mauvaise foi**

Lorsque le mariage a été contracté de mauvaise foi, ce mariage produit les effets à l'époux qui a été de mauvaise foi depuis le jour du mariage.

Le mariage frappé de nullité garantit à l'époux de bonne foi et aux enfants issus du mariage tous les droits en rapport avec mariage.

Le mariage annulé contracté de mauvaise foi garantit aux enfants tous les droits en rapport avec le mariage. Cette nullité n'enlève pas non plus les responsabilités des parents envers les enfants.

La juridiction statue sur la garde des enfants comme dans le processus de divorce.

**CHAPITRE VI: EFFETS DE MARIAGE**

**Section première: Validité du mariage**

**Article 202: Commencement de la validité du mariage**

Le mariage est valide dès sa célébration devant l'officier de l'état civil.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Imirimo nshinganwa ikomoka ku ishyingirwa**

**<u>Ingingo ya 203</u>: Inshingano yo kwita ku bana no kubarera**

Kubera ugushyingirwa, abashyingiranywe bemera inshingano yo kwita ku bana bazabyarana, kubaha ibibatunga no kubarera bishingiye ku ndagagaciro z'umuco nyarwanda.

Iyo umwe mu bashyingiranywe ateshutse kuri iyo nshingano, uwo bashyingiranywe cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu ashobora kubimurega.

**<u>Ingingo ya 204</u>: Inshingano yo guha uwo mwashyingiranywe ibimutunga**

Buri wese mu bashyingiranywe afite inshingano yo guha uwo bashyingiranywe ibimutunga iyo bikenewe.

**<u>Ingingo ya 205</u>: Urugero ibitunga umuntu bitangwamo**

Ibitunga umuntu bitangwa mu rugero nyir'ukubihabwa abikeneyemo kandi bigereranyije n'ubushobozi bwa nyir'ukubitanga.

Ibitunga umuntu bitangwa mu mafaranga cyangwa mu bintu.

**<u>Section 2</u>: Obligations arising from marriage**

**<u>Article 203</u>: Obligation to cater for and educate children**

By marriage, spouses are bound by the obligation of catering for and educating their children based on Rwandan cultural values.

If one of the spouses does not comply with this obligation, the other spouse or any interested person may file a lawsuit against him/her.

**<u>Article 204</u>: Alimony obligation between spouses**

Each spouse has the obligation to pay alimony to the other if he/she is in need.

**<u>Article 205</u>: Estimate of alimony**

Alimony is provided for in proportion to needs of the claimant and resources of the provider.

Alimony is provided in cash or in kind.

**<u>Section 2</u>: Obligations qui découlent du mariage**

**<u>Article 203</u>: Obligation d'entretenir et d'éduquer les enfants**

Les époux contractent ensemble, par le seul fait du mariage, l'obligation d'entretenir et d'éduquer leurs enfants sur base des valeurs culturelles rwandaises.

A défaut par l'un des époux de remplir cette obligation, l'autre époux ou toute personne intéressée peut intenter une action contre lui.

**<u>Article 204</u>: Obligation alimentaire entre époux**

Chacun des époux doit à l'autre une pension alimentaire lorsqu'il est dans le besoin.

**<u>Article 205</u>: Estimation de pension alimentaire**

La pension alimentaire n'est accordée que dans la proportion des besoins de celui qui les réclame et des ressources de celui qui les doit.

La pension alimentaire est accordée en espèces ou en nature.

**Icyiciro cya 3: Uburenganzira n'inshingano z'abashyingiranywe**

**Ingingo ya 206: Uburinganire hagati y'abashyingiranywe**

Abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana.

Abashyingiranywe bagomba kudahemukirana, gutabarana no gufashanya.

**Ingingo ya 207: Inshingano yo kubana**

Ugushyingirwa biha abashyingiranywe uburyo bwo gushinga umuryango ndemyabuzima, kukanabaha itegeko ryo kubana.

Ugushyingirwa kutakurikiwe no kubana mu gihe cy'umwaka umwe (1) nta mpamvu zifite ishingiro guha umwe mu bashyingiranywe uburenganzira bwo gusaba ubutane.

**Ingingo ya 208: Uburenganzira ku mutungo w'abashyingiranywe**

Uburenganzira ku mutungo w'abashyingiranywe butangira bakimara gushyingirwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere hakurikijwe uburyo bw'icungamutungo bahisemo.

Iyo ishyingirwa risheshwe cyangwa iyo riteshejwe agaciro mbere y'uko abashyingiranywe babana nta nkurikizi rigira ku mutungo w'abashyingiranywe keretse iyo bigaragaye ko hari uwo bari

**Section 3: Rights and duties of spouses**

**Article 206: Equality of spouses**

Spouses have the same rights and obligations.

Spouses must owe each other mutual fidelity, help and assistance.

**Article 207: Duty of cohabitation**

Marriage creates a marital community with a duty of cohabitation.

The marriage not followed by cohabitation within one (1) year without reasonable grounds gives one of the spouses the right to lodge a divorce case.

**Article 208: Right to the patrimony of the spouses**

The right to the patrimony of spouses commences upon celebration of marriage before the civil registrar in accordance with their matrimonial regime.

In case of marriage dissolution or nullity before cohabitation, it has no effect on the patrimony of the spouses, unless it is evident that the spouses have a joint property.

**Section 3: Droits et devoirs des époux**

**Article 206: Egalité des époux**

Les époux ont les mêmes droits et les mêmes devoirs.

Les époux se doivent mutuellement fidélité, secours et assistance.

**Article 207: Devoir de cohabitation**

Les époux sont tenus de faire vie commune avec devoir de cohabitation.

Le mariage non suivi de cohabitation pendant un (1) an sans motifs justifiés donne à l'un des époux le droit d'introduire une action en divorce.

**Article 208: Droit au patrimoine des époux**

Le droit au patrimoine des époux commence après célébration de leur mariage devant l'officier de l'état civil conformément à leur régime matrimonial.

Dans le cas de dissolution ou de nullité du mariage avant la cohabitation, elle n'a aucun effet sur le patrimoine des époux, à moins qu'il ne soit évident que les époux ont un patrimoine en commun.

barafatanyije.

**Ingingo ya 209: Ubuyobozi bw'urugo**

Abashyingiranywe bafatanya ubuyobozi bw'urugo rwabo harimo kurwitaho kugira ngo rugwize umuco mwiza n'ibirutunga no kurwubaka rugakomera.

Umwe mu bashyingiranywe yiharira iyo nshingano iyo undi adashobora kuyikora. Iyo batabyumvikanyeho byemezwa n'inzego zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 210: Kugira uruhare mu bitunga urugo**

Buri wese mu bashyingiranywe agomba kugira uruhare mu bitunga urugo rwabo bikurikije uburyo n'amikoro ye.

**Ingingo ya 211: Kutubahiriza inshingano z'urugo**

Iyo umwe mu bashyingiranywe atubahirije inshingano ze, uwo bashyingiranywe ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo hafatwe ibyemezo by'agateganyo birengera urugo cyane cyane ibyita ku bana.

**Ingingo ya 212: Urukiko rufite ububasha mu manza zerekeye inshingano z'urugo**

Urukiko rufite ububasha mu manza zerekeye inshingano z'urugo rw'aho abashyingiranywe

**Article 209: Management of the household**

Spouses jointly provide management of the household including moral and material support to the household as well as its maintenance.

One of the spouses performs those duties alone if the other is unable to do so. In case of disagreement, competent authorities take the decision.

**Article 210: Contribution to expenses of the household**

Each of the spouses contributes to the household expenses in accordance with his/her capacity and means.

**Article 211: Failure to fulfil conjugal obligations**

If one of the spouses does not fulfil his/her obligations, the other spouse may request from competent court provisional measures that safeguard the interests of the household and particularly those of the children.

**Article 212: Competent court in cases relating to conjugal obligations**

The competent court of the conjugal domicile or residence decides on cases relating to conjugal

**Article 209: Direction du ménage**

Les époux assurent ensemble la direction du ménage, y compris son soutien moral et matériel ainsi que son entretien.

L'un des époux exerce seul ces fonctions lorsque l'autre est hors d'état d'exercer ces fonctions. En cas de désaccord la décision est prise par les organes compétents.

**Article 210: Contribution aux charges du ménage**

Chaque époux contribue aux charges du ménage selon ses capacités et ses moyens.

**Article 211: Manquement aux obligations conjugales**

Si l'un des époux ne remplit pas ses obligations, l'autre époux peut introduire un recours devant la juridiction compétente pour prendre les mesures provisoires qu'exige l'intérêt du ménage et particulièrement des enfants.

**Article 212: Juridiction compétente en matière d'actions relatives aux obligations conjugales**

La juridiction compétente du lieu du domicile ou résidence conjugal statue sur les actions relatives

batuye cyangwa baba nirwo rusuzuma ibirego byerekeye inshingano z'urugo.

Ibi birego bitangwa mu nzira z'ikirego gitangwa n'umuburanyi umwe.

**Ingingo ya 213: Irangizwa ry'agateganyo ry'ibyemezo byerekeye inshingano z'urugo**

Ibyemezo byateganyijwe mu ngingo ya 211 y'iri tegeko birangizwa by'agateganyo. Iyo habayeho kujurira**,** ibyo byemezo bikomeza gukurikizwa kugeza igihe urukiko rufashe icyemezo kuri ubwo bujurire. Iryo rangizwa rigumaho n'iyo nyuma y'aho hatangwa ikirego gisaba ubutane.

Ibyo byemezo bishobora gusubirwaho igihe imyifatire cyangwa imimerere y'abashyingiranywe ihindutse byemejwe n'Inama y'umuryango.

**UMUTWE WA VII: ISESWA RY'ISHYINGIRWA**

**Ingingo ya 214: Impamvu zo gusesa ishyingirwa**

Ishyingirwa riseswa gusa kubera impamvu zikurikira:

1° gutana burundu kw'abashyingiranywe;

2° urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe.

obligations.

Such cases are filed by way of unilateral petition.

**Article 213: Provisional enforcement of measures in relation to conjugal obligations**

The measures provided for under Article 211 of this Law are provisionally enforced. In case of appeal, such measures remain enforceable until the court decides on the appeal. They remain enforceable notwithstanding a subsequent filing of a petition for divorce.

Such measures may be revisited when the conduct or status of the spouses has changed following approval by the family Council.

**CHAPTER VII: DISSOLUTION OF MARRIAGE**

**Article 214: Grounds for dissolution of marriage**

The marriage is only dissolved on the following grounds:

1° divorce;

2° death of one of the spouses.

aux obligations conjugales.

Ces actions sont introduites par voie de requête unilatérale.

**Article 213: Exécution provisoire des mesures en matière d'obligations conjugales**

Les mesures prévues à l'article 211 de la présente loi sont exécutoires par provision. En cas de recours, ces mesures restent exécutoires jusqu'à ce que la juridiction statue sur ce recours. Elles demeurent exécutoires, nonobstant le dépôt ultérieur d'une demande en divorce.

Ces mesures peuvent être revues lorsque la conduite ou la situation respective des époux vient à se modifier et ce, après approbation du Conseil de famille.

**CHAPITRE VII: DISSOLUTION DU MARIAGE**

**Article 214: Causes de la dissolution du mariage**

Le mariage ne se dissout que pour les raisons suivantes:

1° le divorce;

2° le décès de l'un des époux.

**Icyiciro cya mbere: Urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe**

**Ingingo ya 215: Inkurikizi z'urupfu ku ishyingirwa**

Iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, ishyingirwa riraseswa.

Umwe mu bashyingiranywe upfakaye afite uburenganzira bwo kongera gushyingirwa.

Icyakora, umugore ashobora kongera gushyingiranwa n'undi mugabo hashize iminsi magana atatu (300) yuzuye umugabo wa mbere apfuye.

Icyo gihe gihagarikwa no kubyara cyangwa n'icyemezo cy'uko umugore atwite cyangwa adatwite gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta.

**Ingingo ya 216: Inkurikizi z'urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe ku bana**

Abana bakomeza kurerwa n'umubyeyi wabo wasigaye kabone n'iyo yakongera gushyingirwa. Iyo na we apfuye barerwa mu buryo buteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 217: Inkurikizi z'urupfu ku mutungo w'abashyingiranywe**

Urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe rutuma amasezerano y'icungamutungo aseswa hakabaho n'izungura rikorwa hakurikijwe amategeko

**Section One: Death of one of the spouses**

**Article 215: Effects of death on marriage**

Death of one of the spouses dissolves marriage.

A widowed spouse has the right to enter into a new marriage.

However, the wife may enter into a new marriage after a period of three hundred (300) completed days from the death of her first husband.

This period is interrupted by childbirth or pregnancy certificate issued by a recognised medical doctor.

**Article 216: Effects of death of one of the spouses on children**

Children continue to be looked after by the surviving parent even though he/she would enter into a new marriage. If he/she also dies, they are supported in accordance with the law.

**Article 217: Effects of death on property of the spouses**

The death of one of the spouses gives rise to the dissolution of the matrimonial regime and succession executed in accordance with relevant

**Section première: Décès de l'un des époux**

**Article 215: Effets de décès sur le mariage**

Le décès de l'un des époux dissout le mariage.

L'un des époux devenu veuf a le droit de contracter un nouveau mariage.

Toutefois, l'épouse ne peut contracter un nouveau mariage qu'après un délai de trois cents (300) jours révolus à compter du décès de son premier mari.

Ce délai est suspendu par l'accouchement ou l'attestation de grossesse délivrée par un médecin agréé.

**Article 216: Effets de décès de l'un des époux sur les enfants**

Les enfants continuent à être pris en charge par leur parent survivant quand bien même il contracterait un nouveau mariage. En cas de son décès, ils sont pris en charge conformément à la loi.

**Article 217: Effets de décès sur le patrimoine des époux**

Le décès de l'un des époux donne lieu à la dissolution du régime matrimonial et à la succession effectuée conformément aux lois en la matière.

abigenga.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Gutana burundu kw'abashyingiranywe**

**<u>Akiciro ka mbere</u>: Gutana burundu biturutse ku mpamvu ziteganywa n'itegeko**

**<u>Ingingo ya 218</u>: Impamvu zo gutana burundu**

Buri wese mu bashyingiranywe ashobora gusaba gutana burundu kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1° ubusambanyi;

2° guta urugo nibura igihe cy'amezi cumi n'abiri (12) akurikirana;

3° igihano cy'icyaha gisebeje;

4° kwanga gutanga ibitunga urugo;

5° guhoza undi ku nkeke;

6° ihohoterwa rishingiye ku gitsina;

7° kumara nibura imyaka ibiri (2) batabana ku bushake bwabo;

8° kutabana mu gihe kirenze amezi cumi n'abiri (12) akurikirana uhereye igihe habereye ishyingirwa nta mpamvu zifite ishingiro

laws.

**<u>Section 2</u>: Divorce**

**<u>Subsection One</u>: Divorce on grounds provided for by the law**

**<u>Article 218</u>: Grounds for divorce**

Any of the spouses may apply for divorce on one of the following grounds:

1° adultery;

2° desertion for a period of at least twelve (12) consecutive months;

3° conviction for an offense severely tainting the honour;

4° refusal to provide for the household needs;

5° excess, abuse or serious insults by one towards another;

6° gender based violence;

7° de facto separation for a period of at least two (2) years;

8° non-cohabitation for more than twelve consecutive (12) months from the day of celebration of marriage on unjustifiable

**<u>Section 2</u>: Divorce**

**<u>Sous-section première</u>: Divorce pour causes prévues par la loi**

**<u>Article 218</u>: Causes du divorce**

Chacun des époux peut demander le divorce pour l'une des raisons suivantes:

1° adultère;

2° abandon du domicile conjugal pendant au moins douze (12) mois consécutifs;

3° condamnation pour une infraction entachant gravement l'honneur;

4° refus de pourvoir aux besoins du ménage;

5° excès, sévices ou injures graves de l'un envers l'autre;

6° violence basée sur le genre;

7° séparation de fait pendant au moins deux (2) ans;

8° non cohabitation pendant plus de douze (12) mois consécutifs à compter du jour de la célébration du mariage pour des motifs non

zihari.

Icyakora, kutabana bitewe n'uko umwe mu bashyingiranywe afashwe nabi ntabwo byitwa guta urugo mu gihe yagiye abimenyesheje ubuyobozi bumwegereye bigakorerwa inyandiko.

**Ingingo ya 219: Urukiko rufite ububasha bwo kwemeza ubutane**

Iyo hari impamvu iyo ari yo yose iteganyijwe muri iri tegeko, gusaba ubutane biregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha rw'ifasi abashyingiranywe baheruka kubamo cyangwa urw'ifasi uregwa atuyemo.

**Ingingo ya 220: Ikirego cyo gusaba ubutane**

Gusaba gutana bikorwa n'abashyingiranywe gusa. Ikirego gisaba ubutane kiregerwa kandi kikaburanishwa nk'izindi manza.

Ikirego gisaba ubutane bw'abashyingiranywe gisaza hashize imyaka itanu (5) kuva igihe impamvu gishingiyeho yamenyekaniye.

**Ingingo ya 221: Gusubika ikirego cy'ubutane mu gihe hariho urubanza rw'inshinjabyaha**

Urubanza rw'inshinjabyaha ntiruhagarika ikirego cy'ubutane.

Icyakora, iyo impamvu umwe mu bashyingiranywe aheraho yaka ubutane itumye habaho ikirego

grounds.

However, separation following mistreatment of one of the spouses may not be considered as desertion when he/she has informed the nearest local administration and a record relating thereto has been drawn.

**Article 219: Competent court to pronounce divorce**

Due to any cause provided for under this Law, the application for divorce is referred to the competent court where the spouses had their last conjugal residence or where the defendant is domiciled.

**Article 220: Action for divorce**

The action for divorce is only instituted by spouses. Action for divorce is instituted and judged according to ordinary proceedings.

An action for divorce expires after five (5) years running from the time of discovering the cause of divorce.

**Article 221: Suspension of divorce proceedings awaiting criminal judgment**

A criminal case may not suspend request for divorce.

However, if the offence prosecuted is the cause for the application for divorce, the action for divorce is

justifiés.

Toutefois, la séparation du fait de mauvais traitement de l'un des époux ne peut pas être considérée comme abandon du domicile conjugal s'il a informé l'administration locale la plus proche et qu'un acte y relatif a été dressé.

**Article 219: Juridiction compétente pour statuer sur le divorce**

Pour toute cause prévue par la présente loi, la demande en divorce est portée devant la juridiction compétente du ressort dans lequel les époux ont eu leur dernière résidence conjugale ou dans lequel la partie défenderesse a son domicile.

**Article 220: Action en divorce**

L'action en divorce n'appartient qu'aux époux. L'action en divorce est intentée et jugée dans la forme ordinaire.

L'action en divorce se prescrit pendant cinq (5) ans à partir de la découverte de la cause de divorce.

**Article 221: Suspension de l'action en divorce dans le cas d'un jugement pénal**

Une affaire pénale ne peut tenir l'action en divorce en état.

Toutefois, lorsque l'infraction poursuivie est la cause de demande en divorce, l'action en divorce est

nshinjabyaha, ikirego cy'ubutane kirasubikwa kugeza igihe urubanza rw'inshinjabyaha rubaye ndakuka.

**<u>Ingingo ya 222</u>: Gutanga ubuhamya mu rubanza rw'ubutane**

Iyo bibaye ngombwa ko hakorwa iperereza, umuntu wese ashobora kubazwa mu rubanza.

Ubuhamya bw'abana, ababyeyi b'abashyingiranwe n'ubw'abakozi bo mu rugo rwabo nabwo bwitabwaho.

**<u>Ingingo ya 223</u>: Ikirego kiregera kwiregura mu rubanza rw'ubutane**

Mu rubanza rwo gutana burundu, ikirego kiregera kwiregura gitangwa mu myanzuro mu rukiko rukiburanisha mu rwego rwa mbere. Ntigishobora gutangwa bwa mbere mu rwego rw'ubujurire.

**<u>Ingingo ya 224</u>: Ibyemezo by'agateganyo mu rubanza rw'ubutane**

Aho urubanza rw'ubutane rwaba rugeze hose, umucamanza ashobora gufata ibyemezo by'agateganyo byerekeye ababuranyi, abana babyaranye ndetse n'umutungo.

**<u>Ingingo ya 225</u>: Kugena urera abana mu gihe cy'urubanza rw'ubutane**

Kugira ngo arengere inyungu z'abana mu gihe

suspended until the criminal judgment becomes final.

**<u>Article 222</u>: Testifying in divorce proceedings**

If it is deemed necessary to conduct investigations, any person may be heard at trial.

Testimonies of children, parents and domestic workers of the spouses are also taken into consideration.

**<u>Article 223</u>: Counterclaims in divorce proceedings**

**Article 261 : Désaveu de maternité**

Une femme peut refuser la maternité d'un enfant lorsqu'elle prouve qu'elle ne lui a pas donné naissance. Elle recourt à toutes les preuves légales.

**CHAPITRE III: ENFANTS NES HORS MARIAGE**

**Section première : Reconnaissance d'un enfant né hors mariage**

**Article 262: Père et mère d'un enfant né hors mariage**

La mère de l'enfant né hors mariage est sa mère biologique dont le nom est inscrit dans l'acte de naissance tandis que son père est la personne qui l'a reconnu volontairement ou qui a été déclaré comme tel par décision de justice.

**Article 263: Délai et lieu de reconnaissance d'un enfant**

La reconnaissance d'un enfant est un acte volontaire et personnel dont l'accomplissement n'est soumis à aucune condition de délai.

La reconnaissance d'un enfant né hors mariage est faite devant l'officier de l'état civil, qui en dresse acte.

**Ingingo ya 264: Abana bashobora kwemerwa**

Kwemera umwana bishobora gukorerwa :

1° umwana ukiriho;

2° umwana batwite ariko akavuka ari muzima;

3° umwana wapfuye iyo yasize abamukomokaho.

**Ingingo ya 265: Kwemera umwana bikozwe n'umwe mu bashyingiranywe**

Kwemera umwana bikozwe n'umwe mu bashyingiranywe ntibisaba ko uwo bashyingiranywe abyemera. Kwemera kugira inkurikizi ku wamwemeye gusa.

Icyakora, uwo bashakanye agomba kumenyeshwa uko kwemera umwana bikozwe n'umwanditsi w'irangamimerere.

**Ingingo ya 266: Kwemera umwana wemewe n'undi**

Ntawushobora kwemera umwana warangije kwemerwa n'undi igihe cyose ukwemerwa kwa mbere kutarateshwa agaciro n'icyemezo cy'urukiko cyafashwe burundu.

**Article 264: Children who can be recognised**

Recognition of a child may occur in respect of:

1° a living child;

2° a conceived child, provided he/she is born alive;

3° a deceased child if he/she left descendants.

**Article 265: Recognition of a child by one of the spouses**

Recognition of a child by one spouse does not require the other spouse's consent. It has effect only in respect of the spouse having recognized the child.

However, the other spouse must be notified of such recognition by the civil registrar.

**Article 266: Recognition of a child already recognised by another person**

A person shall not recognise a child already recognised by another person unless the previous recognition is nullified by a final court order.

**Article 264 : Enfants pouvant être reconnus**

La reconnaissance peut avoir lieu au profit:

1° d'un enfant vivant ;

2° d'un enfant simplement conçu à condition qu'il naisse vivant ;

3° d'un enfant décédé si celui-ci a laissé des descendants.

**Article 265 : Reconnaissance d'un enfant par l'un des époux**

La reconnaissance d'un enfant par l'un des époux n'exige pas le consentement de l'autre époux. Elle n'a d'effets qu'à l'égard de celui qui l'a faite.

Toutefois, l'époux doit être informé de cette reconnaissance par l'officier de l'état civil.

**Article 266 : Reconnaissance d'un enfant déjà reconnu par une autre personne**

Nul ne peut reconnaître un enfant déjà reconnu par une autre personne avant que la reconnaissance précédente n'ait été annulée par une décision de justice devenue définitive.

**Ingingo ya 267: Kwemerwa k'umwana watawe n'ababyeyi be**

Umubyeyi wataye umwana abishaka abonetse ashobora kumwemera. Icyakora, uko kumwemera ntibimusubiza ububasha bwa kibyeyi iyo umwana yari yaragizwe umwana n'utaramubyaye.

**Ingingo ya 268: Uburenganzira n'inshingano by'umwana wemewe**

Umwana wemewe n'uwamubyaye afite uburenganzira n'inshingano bimwe n'iby'abana bakomoka ku bashyingiranywe ariko ku ruhande rw'uwamwemeye gusa.

**Ingingo ya 269: Gutambamira ukwemera umwana**

Kwemera umwana biturutse k'uwiyita se cyangwa nyina bishobora gutambamirwa n'umuntu wese ubifitemo inyungu.

**Icyiciro ka 2: Kwemerwa k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe**

**Ingingo ya 270: Kwemerwa k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe guturutse ku gushyingiranwa kw'ababyeyi be**

Umwana wavutse ku babyeyi batashyingiranywe yemerwa nk'uwavutse ku bashyingiranywe iyo se

**Article 267: Recognition of the child abandoned by parents**

A parent having deliberately abandoned a child can recognize the child if he/she makes him/herself known. However, such recognition does in no way entail restoration of his/her parental authority if the child has been adopted.

**Article 268: Rights and duties of a recognised child**

A recognised child has the same rights and duties as legitimate children but only in respect of the spouse having recognised him/her.

**Article 269: Opposition to recognition of a child**

Recognition of a child by a person who pretends to be his/her father or mother may be subject to opposition from any interested person.

**Subsection 2: Legitimization of a child born out of wedlock**

**Article 270: Legitimization of a child born out of wedlock through marriage**

A child born out of wedlock is deemed to be legitimized through his/her father's and mother's

**rticle 267: Reconnaissance d'un enfant abandonné par ses parents**

Un parent ayant délibérément abandonné un enfant peut procéder à la reconnaissance de cet enfant s'il parvient à se faire connaître. Toutefois, cette reconnaissance ne peut en aucun cas emporter restauration de son autorité parentale si l'enfant a été adopté.

**Article 268: Droits et devoirs d'un enfant reconnu**

L'enfant reconnu par son parent a les mêmes droits et devoirs que l'enfant légitime mais seulement à l'égard de l'époux qui l'a reconnu.

**Article 269: Opposition à la reconnaissance d'un enfant**

La reconnaissance d'un enfant de la part d'une personne qui prétend être son père ou sa mère peut faire l'objet de l'opposition par toute personne intéressée.

**Sous-section 2 : Légitimation d'un enfant né hors mariage**

**Article 270 : Légitimation par le mariage d'un enfant né hors mariage**

L'enfant né hors mariage est présumé être légitimé par le mariage subséquent de ses père et mère s'il

na nyina bamwemeye mu gihe cy'ugushyingiranwa kwabo.

**Ingingo ya 271: Kwandikwa k'ukwemerwa kw'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe n'inkurikizi zako**

Ukwemerwa kose k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe bigomba kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere by'aho ishyingirwa ryabereye cyangwa by'aho umwana yavukiye. Byandikwa ku mpande y'inyandiko y'ivuka y'umwana wemewe.

Inkurikizi z'ukwemerwa k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe zitangira uhereye igihe iyandikwa ryakorewe.

**Ingingo ya 272: Kwemerwa k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe nyuma y'urupfu rw'ababyeyi**

Kwemerwa k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe gushobora no gukorerwa ababyeyi bapfuye ariko basize urubyaro; muri icyo gihe abana basize nibo bigirira akamaro.

**Ingingo ya 273: Uburenganzira n'inshingano z'abana bemewe nk'aho bavuka ku babyeyi bashyingiranywe**

Abana bemewe nk'aho bavuka ku babyeyi bashyingiranywe bagira uburenganzira n'inshingano bimwe nk'iby'abana bavutse ku bashyingiranywe.

subsequent marriage if both of them recognize him/her at the time of marriage celebration.

**Article 271: Registration of legitimization of a child and its effects**

Any legitimization of a child must be registered in a civil register at the place of celebration of the marriage or at the place of the child's birth. Such legitimization is registered in the margin of the legitimized child's birth record.

Legitimization becomes effective from registration.

**Article 272: Legitimization of a child after parents' death**

Legitimization of a child may also occur in favour of deceased parents having left behind descendants. In such a case, the legitimization benefits such descendants.

**Article 273: Rights and duties of legitimized children**

Legitimized children have the same rights and duties as children born in wedlock.

est reconnu par eux au moment de la célébration du mariage.

**Article 271 : Transcription de la légitimation d'un enfant et ses effets**

Toute légitimation d'un enfant doit être transcrite sur les registres de l'état civil du lieu où le mariage a été célébré ou du lieu où l'enfant est né. Mention en est faite en marge de l'acte de naissance de l'enfant légitimé.

La légitimation produit ses effets à partir de cette transcription.

**Article 272 : Légitimation d'un enfant après le décès des parents**

La légitimation d'un enfant peut avoir lieu même en faveur des parents décédés qui ont laissé des descendants. Dans ce cas, elle profite à ces derniers.

**Article 273 : Droits et devoirs des enfants légitimés**

Les enfants légitimés ont les mêmes droits et devoirs que les enfants issus du mariage.

**Icyiciro cya 3: Ibirego byerekeye isano y'umubyeyi n'abamukomokaho**

**Akiciro ka mbere: Ikirego cyo kwihakana umwana**

**Ingingo ya 274: Ikirego cyo kwihakana umwana**

Ikirego cyo kwihakana umwana gitangwa n'umugabo cyangwa umugore gusa mu gihe akiriho. Nta wundi ushobora kugitanga mu izina rye.

Ikirego cyo kwihakana umwana ni we kiregwa. Ahagararirwa na nyina cyangwa se, yaba adahari cyangwa adafite ubushobozi agahagararirwa n'umwishingizi, uwamugize umwana ataramubyaye cyangwa imiryango iharanira uburenganzira bw'umwana iyo ataragira imyaka y'ubukure.

Urukiko rubifitiye ububasha ni urw'aho umwana atuye.

**Ingingo ya 275: Uwemerewe gukomeza ikirego cyo kwihakana umwana iyo uwitwa se cyangwa nyina yapfuye**

Iyo umugabo cyangwa umugore apfuye yaratanze ikirego cyo kwihakana umwana kandi atarakiretse abazungura be bashobora kugikomeza bitarenze amezi atandatu (6) akurikira igihe yapfiriye.

**Section 3: Petitions related to paternity or maternity**

**Subsection One: Petition to deny paternity or maternity**

**Article 274: Petition to deny paternity or maternity**

A petition to deny paternity or maternity of a child is solely instituted by a husband or a wife during his lifetime. A person shall not file it on his/her behalf.

A petition to deny paternity or maternity is brought against the child. The child is represented by either his/her mother or father, or, in case of their absence or incapacity, by his/her guardian, his/her adoptive parent or children's rights organisations if he/she is a minor.

The court competent to hear the action to deny paternity or maternity is that of the place of the child's domicile.

**Article 275: Person eligible to continue a petition to deny paternity after the presumed father's or mother's death**

When a husband or a wife dies after having filed a petition to deny paternity or maternity without him/her having withdrawn it, his/her heirs may continue the petition within a period of six (6) months from his/her death.

**Section 3 : Actions relatives à la paternité ou la maternité**

**Sous-section première: Action en désaveu de paternité ou de maternité**

**Article 274: Action en désaveu de paternité ou de maternité**

L'action en désaveu de paternité ou de maternité n'appartient qu'à l'époux ou à l'épouse de son vivant. Nul ne peut l'exercer en son nom.

L'action en désaveu de paternité ou de maternité est dirigée contre l'enfant. Celui-ci est représenté par sa mère ou son père, ou, en cas de leur absence ou de leur incapacité, par son tuteur, son parent adoptif ou les organisations de défense des droits de l'enfant s'il est mineur.

La juridiction compétente pour statuer sur l'action en désaveu de paternité ou de maternité est celle du domicile de l'enfant.

**Article 275: Personne autorisée à poursuivre l'action en désaveu de paternité après le décès du prétendu père ou mère**

Si le mari ou la femme est décédé après avoir intenté l'action en désaveu de paternité ou de maternité et sans s'être désisté, ses héritiers peuvent reprendre l'instance dans les six (6) mois qui suivent son décès.

**Ingingo ya 276: Igihe cyo gutanga ikirego cyo kwihakana umwana**

Ikirego cyo kwihakana umwana gitangwa mu gihe cy'amezi atandatu (6) abarwa uhereye igihe umugabo cyangwa umugore yamenyeye ko umwana atari uwe.

Iyo umuntu yari yarambuwe ubushobozi mbere y'ivuka ry'umwana yihakana cyangwa mbere yo gusaza kw'ikirego, icyo gihe gitangira kubarwa uhereye igihe kwamburwa ubushobozi bikuriweho.

**Ingingo ya 277: Iyandukurwa ry'urubanza rwo kwihakana umwana**

Urubanza rwemeza ko umugabo cyangwa umugore atari se cyangwa nyina w'umwana rwandukurwa mu gitabo cy'inyandiko z'amavuko.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rw'ikirego kigamije kwihakana umwana amenyesha Umwanditsi w'irangamimerere amakuru yerekeranye n'icyemezo cy'urukiko cyerekeranye no kwihakana umwana.

**Ingingo ya 278: Inkurikizi zo kwihakana umwana**

Iyo urukiko rwemeje ko umugabo cyangwa umugore atari we se cyangwa nyina w'umwana, umwana atakaza uburenganzira n'inshingano yari

**Article 276: Timeframe required to institute a petition to deny paternity or maternity**

The petition to deny paternity or maternity is filed within a period of six (6) months from the date the husband or wife found that the child does not belong to him/her.

Where a person was declared to be legally incapacitated before the birth of the child in respect of whom he/she denies paternity or maternity or before the prescription of the petition, such a period commences from the reinstatement of his/her legal capacity.

**Article 277: Registration of a judgment establishing non-paternity or non-maternity**

The judgment establishing non-paternity or non-maternity is entered in the register of birth records.

The chief registrar of the court having decided the non-paternity or non-maternity case in the last instance provides the civil registrar with information related to the decision of the court.

**Article 278: Effects of denying paternity or maternity**

A child whose non-paternity or non-maternity is established through a court action, loses rights and duties related to his/her presumed parents.

**Article 276 : Délai pour intenter action en désaveu de paternité ou de maternité**

Le mari ou la femme doit intenter l'action en désaveu de paternité ou de maternité dans les six (6) mois qui suivent le moment où il a découvert que l'enfant ne lui appartient pas.

En cas d'interdiction de la personne prononcée soit avant la naissance de l'enfant qu'elle désavoue ou avant la prescription de l'action, ce délai ne commence à courir que de la mainlevée de l'interdiction.

**Article 277: Transcription du jugement établissant la non-paternité ou la non- maternité**

Le jugement établissant la non-paternité ou la non-maternité est transcrit sur le registre des actes de naissance.

Le greffier en chef de la juridiction qui a statué sur l'affaire en dernier ressort sur la non-maternité ou la non- paternité informe l'officier de l'état civil de la décision de la juridiction.

**Article 278: Effets du désaveu de paternité ou de maternité**

Un enfant dont la non-paternité ou la non-maternité est établie suite à l'action en recherche de paternité ou de maternité perd droits et devoirs en rapport

afite ku wo yitaga umubyeyi we.

Iyo abo yitaga se na nyina bamwihakanye bombi, umwana yishingirwa na Leta.

**<u>Akiciro ka 2</u>: Ikirego cy'umwana kigamije gushaka se cyangwa nyina**

**<u>Ingingo ya 279</u>: Ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina**

Ikirego cy'umwana ushaka se cyangwa nyina ni ikirego gitangwa n'umwana wavutse ku babyeyi batashyingiranywe cyangwa batazwi ushaka kwemerwa nk'umwana wabo binyujijwe mu rukiko.

**<u>Ingingo ya 280</u>: Utanga ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina**

Ikirego cy'umwana kigamije gushaka se cyangwa nyina gitangwa n'umwana ubwe igihe afite imyaka y'ubukure.

Iyo umwana ataragira imyaka y'ubukure**,** umwe mu babyeyi be, imiryango iharanira uburenganzira bw'umwana cyangwa undi wese wemewe n'amategeko wamuhagararira ashobora gutanga ikirego mu izina ry'umwana.

Iyo ikirego cy'umwana ushaka se cyangwa nyina gitangiwe rimwe n'abana benshi bashaka se cyangwa nyina umwe, ikirego kiba kimwe kandi amafaranga y'ingwate y'amagarama agatangwa

In case both non-paternity and non-maternity are established, the child is placed in legal custody of the State.

**<u>Subsection 2:</u> Paternity or maternity petition instituted by the child**

**<u>Article 279:</u> Paternity or maternity petition**

A paternity and maternity action filed by a child is the one brought by a child born out of wedlock or of unknown parents to have his/her filiation established by way of judicial proceedings.

**<u>Article 280:</u> Eligible person to file a paternity or maternity petition**

A child having attained the age of majority is solely responsible for filing a paternity or maternity action.

However, either of the child's parents, children's rights organizations or any other legally recognized representative of the child may file the petition on behalf of the child if the latter is a minor.

If a paternity or maternity petition is brought simultaneously by several children in respect of the same father or mother, such a petition is deemed to be one petition while the deposit for court fees is

avec ses prétendus parents.

En cas du désaveu de paternité et de maternité, l'enfant est sous la tutelle de l'Etat.

**<u>Sous-section 2:</u> Action en recherche de paternité ou de maternité intentée par l'enfant**

**<u>Article 279</u> : Action en recherche de paternité ou de maternité**

L'action en recherche de paternité ou de maternité est une action exercée par un enfant né hors mariage ou des parents inconnus qui veut faire déclarer sa filiation par voie judiciaire.

**<u>Article 280</u>: Personne exerçant l'action en recherche de paternité ou de maternité**

L'action en recherche de paternité ou de maternité est personnelle à l'enfant majeur.

Toutefois, l'action peut être exercée pour le compte de l'enfant mineur par son père, sa mère, les organisations de défense des droits de l'enfant ou tout autre représentant légalement reconnu.

Si l'action en recherche de paternité ou de maternité est exercée en même temps par plusieurs enfants qui recherchent un même père ou une même mère, l'action est unique et le paiement des frais de

nk'aho urega ari umwe.

**<u>Ingingo ya 281</u>: Gusaza kw'ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina**

Ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina ntigishobora kuregerwa nyuma y'imyaka itanu (5) uhereye igihe umwana wagejeje ku myaka y'ubukure yamenyeye uwo yita se cyangwa nyina.

Icyakora, iyo se cyangwa nyina w'umwana bapfuye kandi asanzwe anafatwa nk'umwana w'umubyeyi asabira kwemeza ko ari se cyangwa nyina, icyo gihe uwo mwana ahabwa igihe cy'imyaka itanu (5) gitangira kubarwa igihe uwo yita se cyangwa nyina apfuye.

Icyo kirego ntigishobora gutangwa n'abazungura b'uwo mwana utemewe mu mategeko. Icyakora, abamuzunguye bafite ububasha bwo gukomeza ikirego cyatanzwe n'uwo bazunguye.

**<u>Ingingo ya 282</u>: Impamvu zituma ikirego cy'umwana ushaka se cyemerwa**

Ikirego cy'umwana ushaka se cyemerwa cyane cyane iyo hari imwe mu mpamvu zikurikira:

1° umwana yavutse hagati y'iminsi ijana na mirongo inani (180) n'iminsi magana atatu (300) nyuma y'uko nyina w'umwana yateruwe, yagumishijwe ahantu afungiwe

made as if it were one plaintiff.

**<u>Article 281</u>: Prescription period for paternity or maternity petition**

A paternity or maternity petition shall not be filed after the expiration of five (5) years from the time the minor having attained the age of majority becomes aware of his/her presumed father or mother.

However, when the child's father or mother dies while the child has the possession of status as a child of the parent in respect of whom he/she files the petition, the period within which it has to be filed is five (5) years from the death of the child's presumed father or mother.

Such a petition shall not be instituted by heirs of such an illegitimate child. However, heirs are entitled to pursue the action initiated by the person from whom they inherited.

**<u>Article 282:</u> Grounds for admissibility of the paternity petition**

The paternity petition is admissible particularly in the following cases :

1° if the child was born between one hundred and eighty (180) and three hundred (300) days from the kidnapping, unlawful detention or rape of the child's mother;

consignation se fait comme si c'était un seul demandeur.

**<u>Article 281:</u> Prescription de l'action en recherche de paternité ou de maternité**

L'action en recherche de paternité ou de maternité ne peut être intentée après les cinq (5) ans suivant la date où le mineur devenu majeur a eu connaissance de son prétendu père ou mère.

Toutefois, lorsque le père ou la mère de l'enfant décède lorsque l'enfant a la possession d'état d'enfant du parent contre lequel il dirige l'action en recherche de paternité ou de maternité, le délai dans lequel l'action est intentée est fixé à cinq (5) ans à compter de la date du décès du prétendu père ou de la prétendue mère.

Cette action ne passe pas aux héritiers de l'enfant illégitime. Toutefois, les héritiers ont la faculté de poursuivre l'action commencée par leur auteur.

**<u>Article 282</u> : Causes d'admission de la recherche de paternité**

L'action en recherche de paternité est recevable notamment dans les cas suivants :

1° si l'enfant est né entre cent-quatre-vingt (180) et trois cents (300) jours suivant l'enlèvement, la séquestration arbitraire ou le viol de sa mère ;

baramufashe cyangwa yarasambanyijwe ku ngufu;

2° nyina w'umwana yasambanyijwe hakoreshejwe uburiganya, igitugu, cyangwa yasezeranyijwe kuzashyingiranwa;

3° hari inyandiko cyangwa imvugo idashidikanywaho ko uwo yita se amwemera nk'umwana we;

4° nyina w'umwana yabanye n'umugabo batashyingiranywe ;

5° umugabo asanzwe amufata nk'uwe ku buryo buzwi na bose;

6° byemejwe n'ibipimo bya ADN cyangwa ibindi bimenyetso bibonetse bikoreshejwe ikoranabuhanga.

**<u>Ingingo ya 283</u>: Impamvu zituma ikirego cy'umwana ushaka nyina cyemerwa**

Ikirego kigamije kwerekana nyina w'umwana cyemerwa cyane cyane iyo:

1° umugore asanzwe afata umwana nk'uwe ku buryo buzwi na bose;

2° iyo ivuka rye rifite aho rihurira no kubyara k'uregwa, hifashishijwe ibimenyetso;

3° byemejwe n'ibipimo bya ADN cyangwa

2° if the child's mother was enticed into sex using fraudulent tactics, abuse of authority or promise of marriage;

3° if there exists clear written or verbal declaration of paternity recognition;

4° if the child's mother engaged in cohabitation with the child's presumed father;

5° if the child has possession of status of a legitimate child;

6° confirmation by DNA test or other scientific evidence.

**<u>Article 283:</u> Grounds for admissibility of the maternity petition**

The maternity petition is admissible particularly in the following cases:

1° if there is possession of status of a legitimate child;

2° if the child's birth and the delivery of the defendant are connected based on any form of evidence;

3° if there is confirmation by DNA test or other

2° la séduction de la mère accomplie à l'aide de manœuvres dolosives, abus d'autorité ou la promesse de mariage ;

3° aveu écrit ou déclaration non équivoque de reconnaissance de paternité ;

4° concubinage entre le prétendu père et la mère de l'enfant ;

5° s'il y a possession d'état ;

6° confirmation par le test d'ADN ou d'autres preuves scientifiques.

**<u>Article 283</u>: Causes d'admission de l'action en recherche de maternité**

L'action en recherche de maternité est admise notamment dans les cas suivants :

1° s'il y a possession d'état ;

2° si la naissance de l'enfant corrobore avec l'accouchement de la défenderesse sur base de tout moyen de preuve ;

3° s'il y a confirmation par le test d'ADN ou

ibindi bimenyetso bibonetse bikoreshejwe ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 284: Uburenganzira n'inshingano by'umwana wabonye se cyangwa nyina**

Umwana wabonye se cyangwa nyina nyuma y'ikirego gishaka se cyangwa nyina afite uburenganzira n'inshingano bimwe n'iby'abana bakomoka ku bashyingiranywe ariko ku ruhande rw'umubyeyi bireba.

**Ingingo ya 285: Iyandukurwa ry'urubanza rwemeza se cyangwa nyina w'umwana**

Urubanza rwemeza kuba se cyangwa nyina w'umwana rwandukurwa mu gitabo cy'irangamimerere bigashyirwa mu mpande y'inyandiko y'ivuka y'umwana n'iy'uwemejwe ko ariwe mubyeyi we.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rw'ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina w'umwana amenyesha amakuru yerekeranye no gushakisha umubyeyi w'umwana abisabwe n'urwego.

**Akiciro ka 3: Ikirego cy'umwana kigamije kwihakana se cyangwa nyina**

**Ingingo ya 286: Ikirego cyo kwihakana se cyangwa nyina**

Umwana ashobora kwihakana se cyangwa nyina iyo afite ibimenyetso byemeza ko uwitwa se

scientific evidence.

**Article 284: Rights and duties of a child whose paternity or maternity is established**

A child, whose paternity or maternity is established through a court petition, has the same rights and duties as children born in wedlock but only in respect of the spouse concerned.

**Article 285: Registration of a judgment establishing paternity or maternity**

The judgment establishing paternity or maternity is entered in the civil register and mentioned in the margin of register of birth records of the child and the established father or mother.

The chief registrar of the court having decided the paternity or maternity case in the last instance provides information related to the paternity or maternity petition upon request of the organ.

**Subsection 3: Petition for contesting a father or a mother**

**Article 286: Petition for contesting a father or a mother**

A child may contest his/her father or mother in case there is evidence that his/her presumed father

d'autres preuves scientifiques.

**Article 284: Droits et devoirs d'un enfant dont la paternité ou la maternité est établie**

Un enfant dont la paternité ou la maternité est établie suite à l'action en recherche de paternité ou de maternité a les mêmes droits et devoirs que les enfants nés dans le mariage à l'égard de l'époux concerné.

**Article 285: Transcription du jugement établissant la paternité ou la maternité**

Le jugement établissant la paternité ou la maternité est transcrit sur le registre des actes de l'état civil et mentionné en marge de l'acte de naissance de l'enfant et de la personne établie comme son père ou sa mère.

Le greffier en chef de la juridiction qui a statué sur l'affaire en dernier ressort sur la recherche de maternité ou de paternité donne les informations en rapport avec la recherche de paternité ou de maternité sur demande de l'organe.

**Sous-section 3 : Action en contestation d'un père ou d'une mère**

**Article 286: Action en contestation d'un père ou d'une mère**

Un enfant peut contester son père ou sa mère en cas de preuve que celui reconnu comme père ou mère

cyangwa nyina atari we w'ukuri. Icyo kirego gitangwa mu buryo bumwe n'ubw'ikirego cy'umwana kigamije gushaka se cyangwa nyina.

or mother is not his/her true father or mother. Such a petition is filed in the same procedure as the paternity or maternity action.

n'est pas le véritable parent. Une telle action en contestation d'un parent est introduite suivant la même procédure que l'action en recherche de paternité ou de maternité.

## UMUTWE WA IV: KUBERA UMUBYEYI UMWANA UTABYAYE

## CHAPTER IV: ADOPTION

## CHAPITRE IV: ADOPTION

**Ingingo ya 287: Uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bikorwa mu buryo bubiri (2) bukurikira:

1° uburyo bworoheje;

2° uburyo busesuye.

**Article 287: Forms of adoption**

There are two (2) following forms of adoption:

1° simple adoption ;

2° full adoption.

**Article 287 : Formes d'adoption**

Il existe deux (2) formes d'adoption suivantes :

1° l'adoption simple ;

2° l'adoption plénière.

### Icyiciro cya mbere: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje

### Section one: Simple adoption

### Section première : Adoption simple

**Ingingo ya 288: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje ni uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye ariko isanomuzi hamwe n'umuryango we w'ibanze igakomeza.

**Article 288: Simple adoption**

Simple adoption is a form of adoption that consists in maintaining filiation ties with the adoptee's family of origin.

**Article 288 : Adoption simple**

L'adoption simple est une forme d'adoption qui maintient le lien de filiation avec la famille d'origine.

**<u>Akaciro ka mbere</u> Ibisabwa kugira ngo habeho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje**

**<u>Ingingo ya 289</u>: Kwemererwa kuba umubyeyi w'umwana utabyaye ku buryo bworoheje**

Iyo ugirwa umwana agifite se na nyina, bagomba kwemera bombi ko umwana wabo agirwa umwana n'undi muntu kabone n'iyo baba baratanye burundu.

Iyo umwe mu babyeyi yapfuye cyangwa se adafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo atekereza, yarazimiye cyangwa yarabuze, biba bihagije iyo byemewe n'undi.

Iyo umwana atagifite se na nyina, cyangwa badafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo batekereza, bazimiye cyangwa babuze, kugirwa umwana n'utaramubyaye byemerwa n'Inama y'umuryango cyangwa n'umuntu ushinzwe kumurera.

**<u>Ingingo ya 290</u>: Kwemererwa kubera umubyeyi umwana utabyaye uba mu muryango wamwakiriye cyangwa mu kigo cy'imfubyi**

Iyo umwana adafite ababyeyi cyangwa ababyeyi badafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo batekereza, barazimiye cyangwa barabuze kandi akaba mu muryango wamwakiriye, uwo muryango ni wo ufite uburenganzira bwo kwemera kugirwa umwana n'utaramubyaye bigakorerwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.

**<u>Subsection One:</u> Requirements for simple adoption**

**<u>Article 289</u>: Eligibility for simple adoption**

If the adoptee's father and mother are still alive, both of them must consent to the adoption, even in case of divorce.

If one of the parents is dead or in a state of incapacity to express his/her will or if he/she has been absent or has disappeared, the consent of one spouse is sufficient.

If a child has neither father nor mother or both of them are in a state of incapacity to express their will, or if they have been absent or have disappeared, consent is given by a Family Council or by a person vested with the child's custody.

**<u>Article 290</u>: Consent for adoption when a child is in a foster family or orphanage**

When a child has no parents or if both parents are incapable of expressing their will, are absent or disappeared and the child lives in a foster family, only such a family has the right to consent to the adoption before a civil registrar.

**<u>Sous-section première:</u> Conditions requises pour l'adoption simple**

**<u>Article 289</u> : Conditions d'admissibilité de l'adoption simple**

Si l'adopté a encore ses père et mère, ceux-ci doivent consentir l'un et l'autre à l'adoption, même en cas de divorce.

Si l'un des deux est décédé ou se trouve dans l'impossibilité de manifester sa volonté, s'il est absent ou a disparu, le consentement de l'autre suffit.

Si l'enfant n'a plus ni père ni mère ou s'ils sont dans l'impossibilité de manifester leur volonté, s'ils sont absents ou ont disparu, le consentement est donné par le Conseil de famille ou par la personne qui en a la garde.

**<u>Article 290:</u> Consentement en cas d'adoption d'un enfant vivant dans une famille d'accueil ou dans un orphelinat**

Si l'enfant est sans parents ou si ses parents se trouvent dans l'impossibilité de manifester leur volonté, s'ils sont absents ou ont disparu et que l'enfant vit dans une famille d'accueil, cette famille est autorisée à consentir à l'adoption devant l'officier de l'état civil.

Iyo umwana adafite ababyeyi cyangwa ababyeyi badafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo batekereza, barazimiye cyangwa barabuze kandi akaba aba mu kigo cy'imfubyi, ukuriye ikigo ni we wemera ko umwana aberwa umubyeyi n'utaramubyaye ariko abiherewe uruhushya n'umwanditsi w'irangamimerere w'aho icyo kigo giherereye.

**Akiciro ka 2: Inkurikizi zihariye zo kubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo bworoheje**

**Ingingo ya 291: Gukomeza isano n'umuryango w'inkomoko**

Ugizwe umwana n'utamubyaye mu buryo bworoheje ntacika mu muryango akomokamo, akomeza uburenganzira bwe n'inshingano zose, akanagumana amazina ye.

Icyakora, uwabereye umubyeyi umwana atabyaye ni we wenyine umugiraho ububasha bwa kibyeyi.

**Ingingo ya 292: Guhindura izina ku wagizwe umwana n'utamubyaye**

Umubyeyi cyangwa ababyeyi b'umwana batabyaye, bashobora gusaba guhindura izina ry'uwo mwana bikozwe mu nyungu z'umwana.

Icyakora, iyo uwo mwana babereye umubyeyi afite nibura imyaka cumi n'ibiri (12), agomba kwemera ko iryo hindurwa ry'izina riba.

When a child has no parents or both parents are incapable of expressing their will, are absent or have disappeared and the child stays in an orphanage, consent to adoption is given by the head of the orphanage upon authorisation from the civil registrar of the place where the orphanage is situated.

**Subsection 2: Effects specific to simple adoption**

**Article 291: Continuity of ties with the family of origin**

In case of simple adoption, a child continues to belong to his/her family of origin and retains all rights and duties and keep his/her names.

However, only the adoptive parent exercises parental authority over the adoptee.

**Article 292: Change of name of an adoptee**

The adoptive parent or parents may, where this is in the best interest of the child, apply for the change of the child's name.

However, if the adoptive child is at least twelve (12) years of age, his/her consent to the change of his/her name is mandatory.

Si l'enfant est sans parents ou si ses parents se trouvent dans l'impossibilité de manifester leur volonté, s'ils sont absents ou ont disparu et que l'enfant vit dans un orphelinat, le consentement à l'adoption est donné par le responsable de cet orphelinat sur autorisation de l'officier de l'état civil du lieu de situation de l'orphelinat.

**Sous-section 2: Effets propres à l'adoption simple**

**Article 291: Continuité d'appartenir à la famille d'origine**

En cas d'adoption simple, l'adopté continue d'appartenir à sa famille d'origine et y conserve tous les droits et devoirs et conserve ses noms.

Toutefois, seul l'adoptant exerce l'autorité parentale sur l'adopté.

**Article 292: Changement de nom de l'adopté**

L'adoptant ou les adoptants peuvent, dans l'intérêt supérieur de l'enfant, demander le changement du nom de l'adopté.

Toutefois, si l'adopté a au moins douze (12) ans, son consentement à ce changement est requis.

**<u>ngingo ya 293</u>: Umutungo w'uwagizwe umwana n'utaramubyaye iyo apfuye**

Iyo uwagizwe umwana n'utaramubyaye apfuye asize abamukomokaho, umutungo ugihari yahawe cyangwa yazunguye k'uwamugize umwana uhabwa abamukomokaho hakurikijwe amategeko agenga izungura.

Iyo uwagizwe umwana n'utaramubyaye apfuye adasize abamukomokaho, umutungo ugihari yahawe cyangwa yazunguye k'uwamugize umwana ugaruka k'uwamugize umwana.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

**<u>Ingingo ya 294</u>: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye ni uburyo butuma umwana ata burundu isano muzi yari afitanye n'umuryango we w'ibanze.

Icyakora, guta isanomuzi ntibikuraho uburenganzira yari afite ku gihugu cye**.**

**<u>Article 293:</u> Property of the adoptee upon death**

When the adoptee dies leaving behind descendants, his/her available property received from him/her adoptive parent or acquired through succession is inherited by his/her descendants in accordance with provisions governing succession.

When the adoptee dies without leaving behind any descendants, his/her available property received from his/her adoptive parent or acquired through succession devolves upon the adoptive parent.

**<u>Section 2</u>: Full adoption**

**<u>Article 294:</u> Full adoption**

Full adoption is a form of adoption that completely severs filiation ties with the adoptee's family of origin.

However, the severance of filiation ties with the family of origin does not entail the loss of rights to his/her country.

**<u>Article 293</u>: Sort du patrimoine de l'adopté à sa mort**

Si l'adopté meurt ayant des descendants, le patrimoine encore disponible lui donné par l'adoptant ou recueilli dans sa succession est hérité par ses descendants conformément aux dispositions légales régissant la succession.

Si l'adopté meurt sans descendants, le patrimoine encore disponible lui donné par l'adoptant ou recueilli dans sa succession retourne à l'adoptant.

**<u>Section 2</u>: Adoption plénière**

**<u>Article 294</u> : Adoption plénière**

L'adoption plénière est une forme d'adoption qui comporte une rupture de tout lien de filiation de l'enfant avec sa famille d'origine.

Toutefois, la perte du lien de filiation avec la famille d'origine n'entraîne pas la perte de ses droits sur son pays.

**Akiciro ka mbere: Ibisabwa kugira ngo habeho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

**Ingingo ya 295: Impamvu zituma habaho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye byemerwa gusa iyo biri mu nyungu z'umwana mu bihe bikurikira:

1° ababyeyi b'umwana batazwi cyangwa baramutaye byemejwe n'urukiko;

2° umwana ari imfubyi kandi adafite abavandimwe ;

3° umwana arerwa na Leta.

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye byemerwa bimaze gusuzumwa n'urwego rwabiherewe ububasha.

**Ingingo ya 296: Kwemera k'umwana bagomba kubera umubyeyi**

Iyo umwana bagomba kubera umubyeyi afite hejuru y'imyaka cumi n'ibiri (12) y'amavuko, kwiyemerera kwe ni ngombwa keretse gusa iyo adashobora kugaragaza icyo atekereza. Uguhakana kwe guhagarika kugirwa umwana n'umubyeyi utaramubyaye.

**Subsection One: Specific requirements for full adoption**

**Article 295: Grounds for full adoption**

Full adoption is only granted in the best interests of the child under the following circumstances:

1° the child's parents are unknown or have abandoned him/her as declared by the court;

2° the child is an orphan and has no siblings;

3° the child is a ward of the State.

Full adoption is granted upon consideration thereof by the relevant organ.

**Article 296: Consent by a child to be adopted**

When a child to be adopted is above twelve (12) years of age, his/her consent is mandatory unless he/she is unable to express his/her will. His/her refusal entails the interruption of the adoption process.

**Sous-section première: Conditions requises pour l'adoption plénière**

**Article 295: Causes de l'adoption plénière**

L'adoption plénière ne peut être admise que dans l'intérêt supérieur de l'enfant, au cas où :

1° ses parents biologiques sont inconnus ou s'il existe une déclaration judiciaire de son abandon par ses parents ;

2° il est orphelin et n'a ni frère ni sœur ;

3° il est un pupille de l'Etat.

L'adoption plénière est admise après examen par l'organe compétent.

**Article 296 : Consentement donné par l'enfant à adopter**

Quand l'enfant à adopter est âgé de plus de douze (12) ans, son consentement est requis à moins que ce dernier ne soit dans l'impossibilité de manifester sa volonté. Son refus fait obstacle à l'adoption.

**Akiciro ka 2: Inkurikizi zihariye ku kugirwa umwana mu buryo busesuye**

**Ingingo ya 297: Uburenganzira n'inshingano by'uwagizwe umwana ku buryo busesuye**

Ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye biha uwo mwana n'abamukomokaho uburenganzira n'inshingano bisa n'ibyo bari kugira iyo uwo mwana aba yarabyawe n'abemeye kumubera umubyeyi bataramubyaye.

Icyakora, ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye ntibigira inkurikizi ku byabaye mbere yabyo.

**Ingingo ya 298: Guhindura izina**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye bishobora guhesha umwana izina uwo mubyeyi yihitiyemo ku nyungu z'umwana.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho mu kubera umubyeyi uwo utabyaye ku buryo bworoheje no ku buryo busesuye**

**Akiciro ka mbere: Ibisabwa bihuriweho mu kubera umubyeyi uwo utabyaye**

**Ingingo ya 299: Ibisabwa kugira ngo ukubera umubyeyi uwo utabyaye byemerwe**

Ukubera umubyeyi umwana utabyaye bigomba gushingira ku mpamvu zishingiye ku nyungu z'umwana. Bigomba kubahiriza ibyangombwa

**Subsection 2: Specific effects on full adoption**

**Article 297: Rights and duties of the full adoptee**

Full adoption entitles an adopted child and his/her descendants to same rights and duties as if the adoptive parents were his/her biological parents.

However, full adoption shall not have any retrospective effect.

**Article 298: Change of name**

Full adoption may entitle the child to the right to be given a name freely chosen by the adoptive parent in the best interests of the child.

**Section 3 : Common provisions for simple and full adoption**

**Subsection One: Common requirements for adoption**

**Article 299: Requirements for a permissible adoption**

Adoption must be granted in the best interests of the child. It must be subject to required conditions and procedure provided for under this Law.

**Sous-section 2: Effets propres à l'adoption plénière**

**Article 297 : Droits et devoirs d'un enfant soumis à l'adoption plénière**

L'adoption plénière confère à l'enfant et à ses descendants les droits et devoirs identiques à ceux qu'ils auraient si l'enfant était né de l'adoptant.

Toutefois, l'adoption plénière n'a pas d'effets rétroactifs.

**Article 298 : Changement de nom**

L'adoption plénière peut conférer à l'enfant le droit à un nom choisi librement par l'adoptant dans l'intérêt de l'enfant.

**Section 3 : Dispositions communes à l'adoption simple et à l'adoption plénière**

**Sous-section première: Conditions communes à l'adoption**

**Article 299: Conditions d'admissibilité de l'adoption**

L'adoption doit être admise lorsqu'elle présente des avantages pour l'adopté. Elle doit être soumise aux conditions requises et doit se faire dans les formes

bisabwa kandi bigakurikiza inzira iteganyijwe muri iri tegeko.

**Ingingo ya 300: Ibyo ushaka kubera umubyeyi umwana atabyaye agomba kuba yujuje**

Ushaka kubera umubyeyi umwana atabyaye agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari inyangamugayo;

2° kuba afite amikoro ahagije kugira ngo ashobore kurangiza inshingano zituruka ku kubera umubyeyi umwana atabyaye;

3° kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;

4° kuba arusha nibura imyaka irindwi (7) umwana ashaka kubera umubyeyi ataramubyaye;

5° kuba afite aho abarizwa hazwi;

6° kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kubera ibyaha bikorerwa mu muryango;

7° kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kubera icyaha cya jenoside;

8° kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kubera ibyaha by'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo;

9° kuba atarambuwe ububasha bwa kibyeyi.

**Article 300: Requirements for a person intending to adopt a child**

A person intending to adopt a child must meet the following conditions:

1° to be a person of integrity;

2° to have enough resources for him/her to meet the duties that arise from adoption;

3° to be at least twenty one (21) years old;

4° to be at least seven (7) years older than the child to be adopted;

5° to have a fixed address;

6° not to have been sentenced to imprisonment for offences against the family;

7° not to have been sentenced to imprisonment for the crime of genocide;

8° not to have been sentenced to imprisonment for the crime of genocide ideology and related crimes

9° not to have been deprived of parental authority.

prescrites par la présente loi.

**Article 300 : Conditions exigées à une personne désireuse d'adopter un enfant**

Une personne désireuse d'adopter un enfant doit remplir les conditions suivantes :

1° être une personne intègre ;

2° disposer des ressources matérielles suffisantes pour assumer les devoirs qui découlent de l'adoption ;

3° être âgé d'au moins vingt et un (21) ans ;

4° avoir au moins sept (7) ans de plus que l'adopté ;

5° avoir une adresse fixe ;

6° n'avoir pas été condamné à l'emprisonnement pour infractions contre la famille;

7° n'avoir pas été condamné à l'emprisonnement pour crime de génocide;

8° n'avoir pas été condamné à l'emprisonnement pour crime d'idéologie du génocide et crimes connexes ;

9° n'avoir pas été déchu de l'autorité parentale.

Icyakora, haseguriwe ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agace ka 4º, iyo umwana afitanye isano n'ushaka kumugira umwana kugeza ku rwego rwa karindwi (7), ushaka kuba umubyeyi agomba kuba arusha umwana nibura imyaka itatu (3).

Kubera impamvu zumvikana, Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze ashobora kugabanya uwo mubare w'imyaka agomba kumurusha.

**<u>Ingingo ya 301</u>: Kubera umubyeyi umwana utabyaye bikozwe n'abashyingiranywe bombi**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bishobora gukorwa n'abashyingiranywe bombi.

Iyo kubera umubyeyi umwana utabyaye byakozwe n'umwe mu bashyingiranywe, uwo bashyingiranywe na we agomba kubyemera, keretse iyo adafite ubushobozi bwo kugaragaza igitekerezo cye. Icyakora, uko kwemera k'uwo bashyingiranywe ntikumugira umubyeyi w'umwana atabyaye.

Icyakora, ntawe ushobora kugirwa umwana n'ababyeyi benshi, keretse abashyingiranywe gusa.

**<u>Ingingo ya 302</u>: Imyaka ntarengwa yo kugirwa umwana n'utaramubyaye**

Ntawe ushobora kugirwa umwana n'utaramubyaye iyo arengeje imyaka cumi n'umunani (18).

However, subject to the provisions of item 4º of Paragraph One of this Article, the person intending to adopt a child must be at least three (3) years older than the adoptee if they are related up to the seventh (7th) degree.

Depending on reasonable grounds, the Minister in charge of civil status may reduce the aforementioned difference of years.

**<u>Article 301:</u> Adoption by both spouses**

The adoption may be made by both spouses.

If the adoption is made by one of the spouses, the other spouse's consent is required, unless he/she is unable to express his/her consent. However, such consent does not make him/her a joint adoptive parent.

However, no person shall be adopted by several parents unless he/she is adopted by a married couple.

**<u>Article 302</u>: Maximum age for a child to be adopted**

A person shall not be adopted if he/she is aged more than eighteen (18) years.

Toutefois, sous-réserve des dispositions du point 4º de l'alinéa premier du présent article, l'adoptant doit avoir au moins trois (3) ans de plus que l'adopté en cas de liens familiaux jusqu'au septième (7ème) degré entre les deux.

Le Ministre ayant l'état civil dans ses attributions peut, pour des motifs justifiés, réduire cette différence d'âge.

**<u>Article 301</u>: Adoption faite par les deux époux**

L'adoption peut être faite par les deux époux.

Si l'adoption est faite par l'un des époux, le consentement de l'autre époux est nécessaire, à moins que ce dernier ne soit dans l'impossibilité de manifester sa volonté. Toutefois, ce consentement ne fait pas de lui un coadoptant.

Toutefois nul ne peut être adopté par plusieurs personnes, si ce n'est par deux époux.

**<u>Article 302</u> : Age maximum pour être adopté**

Personne ne peut être adopté s'il est âgé de plus de dix-huit (18) ans.

**Ingingo ya 303: Guhindura uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye**

Nyuma yo kwandika mu gitabo cy'irangamimerere cyabugenewe urubanza rwemeza ukubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo bworoheje cyangwa busesuye uwo mubyeyi cyangwa ababyeyi bashobora gusaba na none urukiko ko uko kubera umubyeyi umwana utabyaye guhindurwa hakurikijwe ibisabwa.

**Akiciro ka 2: Uburyo bukoreshwa mu kuba umubyeyi w'umwana utabyaye**

**Ingingo ya 304: Ubuyobozi bufite ububasha bwo kwemeza ko umuntu aba umubyeyi w'uwo atabyaye**

Kuba umubyeyi w'umwana utabyaye bisabwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho umwana usabirwa umubyeyi atuye, hari usaba cyangwa abasaba kubera umubyeyi umwana ababyeyi be iyo bakiriho, cyangwa umukuru w'Inama y'umuryango n'abatangabuhamya byibuze babiri (2).

Iyo asanze ibyangombwa byose bisabwa kugira ngo umuntu abe umubyeyi w'umwana atabyaye byuzuye, umwanditsi w'irangamimerere akora inyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye, ishyikirizwa urukiko kugira ngo ruyemeze.

Icyakora, gusaba kubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo busesuye bigomba kubanza gusuzumwa n'urwego rwabiherewe ububasha.

**Article 303: Conversion of the form of adoption**

After recording in the appropriate civil register of a judgment granting simple or full adoption, the adoptive parent or parents may also petition the court to convert their form of adoption according to the requirements.

**Subsection 2: Procedure for adoption**

**Article 304: Relevant authority to grant adoption**

An application for adoption is made before the civil registrar of the domicile of the child to be adopted, in the presence of the person or persons applying for adoption, the parents of the child if they are alive or the head of the Family Council and at least two (2) witnesses.

If he/she finds that all the requirements to adopt a child are fulfilled, the civil registrar draws up an adoption record which is filed in a court to grant the approval.

However, application for full adoption must first be considered by the competent authority.

**Article 303: Conversion de la forme d'adoption**

Après l'enregistrement d'un jugement prononçant l'adoption simple ou plénière sur le registre de l'état civil approprié, l'adoptant ou les adoptants peuvent également introduire devant la juridiction une requête pour demander la conversion de leur forme d'adoption selon les conditions requises.

**Sous-section 2: Procédure d'adoption**

**Article 304: Autorité compétente pour statuer sur l'adoption**

La demande d'adoption est adressée à l'officier de l'état civil du domicile de l'enfant à adopter, en présence de celui ou ceux qui demandent l'adoption, de ses parents s'ils sont encore en vie ou du chef du Conseil de famille et d'au moins deux (2) témoins.

S'il constate que toutes les conditions requises pour l'adoption sont remplies, l'officier de l'état civil dresse l'acte d'adoption à soumettre à la juridiction pour homologation.

Toutefois, la demande d'adoption plénière doit préalablement être examinée par l'autorité compétente.

**Ingingo ya 305: Ibigomba gusuzumwa n'urukiko mbere yo gufata icyemezo**

Ikirego kigamije gusaba guhamya imyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye kiburanishwa n'Urukiko rubifititiye ububasha mu buryo bw'ikirego cyihutirwa rumaze gusuzuma niba bikozwe mu nyungu z'umwana kandi niba ibyangombwa byose bisabwa n'amategeko, cyane cyane birebana n'imyaka n'ukwemera byuzuye.

Iyo usaba kuba umubyeyi w'umwana atabyaye apfuye, nyuma yo kubisaba urukiko ariko mbere y'uko urukiko rufata icyemezo, ikirego kirahagarara.

**Ingingo ya 306: Kwandukura urubanza rwemeza kubera umubyeyi umwana utabyaye**

Urubanza rwemeza kubera umubyeyi umwana utabyaye rwandukurwa mu gitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye bigashyirwa mu mpande y'inyandiko y'ivuka y'uwagizwe umwana.

Umubyeyi umaze kubyemererwa n'urukiko agomba kwandukuza icyo cyemezo mu bwanditsi bw'irangamimerere mu gihe cy'amezi abiri (2) urubanza rubaye ndakuka.

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bigira agaciro uhereye igihe urubanza rwemeza icyo cyemezo rwabaye ndakuka.

**Article 305: Prerequisites requested by the court before taking a decision**

The application for approval of the adoption record is settled by the relevant court by summary proceedings, after examining whether it was done in the child's interest and if other prerequisites regarding age and consent were fulfilled.

The death of an intended adoptive parent after filing the application but before the ruling of the court halts the proceedings.

**Article 306: Registration of an adoption order**

The adoption judgment is registered in the register of adoption records and mentioned in margins of the birth record of the adopted child.

The adoptive parent having been granted the adoption by the court must register that order in the civil register within two (2) months from the date on which the judgment became final.

Adoption takes effect from the date on which the judgment on adoption became final.

**Article 305: Eléments à vérifier par la juridiction avant de prendre sa décision**

La juridiction compétente statue sur la demande d'homologation de l'acte d' adoption par voie de référé, après avoir vérifié que l'adoption est faite dans l'intérêt de l'enfant, et si les conditions, notamment d'âge et de consentement, sont remplies.

Si l'adoptant meurt après avoir introduit sa demande mais avant le jugement d'adoption, la demande est interrompue.

**Article 306 : Enregistrement du jugement prononçant l'adoption**

Le jugement prononçant l'adoption est enregistré sur le registre des actes d'adoption et mentionné en marge de l'acte de naissance de l'adopté.

La personne à laquelle l'adoption d'un enfant a été confiée par la juridiction doit faire inscrire ce jugement sur le registre de l'état civil dans un délai de deux (2) mois à compter de la date où le jugement est devenu définitif.

L'adoption devient effective à compter de la date où le jugement qui la prononce est devenu définitif.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rwemera kuba umubyeyi w'uwo utabyaye amenyesha umwanditsi w'irangamimerere amakuru yerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye.

**<u>Akiciro ka 3</u>: Inkurikizi rusange zo kubera umubyeyi umwana utabyaye**

**<u>Ingingo ya 307</u>: Uburenganzira n'inshingano by'uwagizwe umwana n'utamubyaye**

Iyo kugirwa umwana n'abatarakubyaye bikozwe n'abashyingiranywe bombi, ugizwe umwana agira uburenganzira n'inshingano bingana n'iby'abana bakomoka ku bashyingiranywe.

Iyo ukubera umubyeyi umwana utabyaye bikozwe n'umwe mu bashyingiranywe, uburenganzira n'inshingano by'uwo mwana bireba gusa uwamubereye umubyeyi.

**<u>Akiciro ka 4</u>: Uko kubera umubyeyi umwana utabyaye bivanwaho**

**<u>Ingingo ya 308</u>: Uko kubera umubyeyi umwana utabyaye bivanwaho**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bivanwaho kubera impamvu zikurikira**:**

1° iyo hari ibimenyetso bikomeye bigaragaza ko uko kwemera kumubera umubyeyi kwabayeho habaye cyangwa hagamijwe kumutwara ku gahato, kumugira umugore

The Chief Registrar of the Court which decided on adoption in the last instance informs the civil registrar on adoption.

**<u>Subsection 3:</u> General effects of adoption**

**<u>Article 307:</u> Rights and duties of the adoptee**

If adoption is granted to both spouses, the adoptee acquires same rights and duties as children born in wedlock.

If adoption is granted to one of the spouses, the rights and duties of the adoptee only have a bearing on his/her adoptive parent.

**<u>Subsection 4:</u> Procedure for revocation of adoption**

**<u>Article 308</u>: Procedure for revocation of adoption**

Adoption is revoked on the following grounds:

1° if cogent evidence exists to the effect that the adoption was granted following or with the aim of kidnap, making her/him a wife or husband, human trafficking or slavery;

Le Greffier en chef de la juridiction qui a prononcé le jugement d'adoption en dernier ressort doit informer l'officier de l'état civil sur l'adoption.

**<u>Sous-section 3:</u> Effets communs à l'adoption**

**<u>Article 307</u>: Droits et devoirs de l'adopté**

L'adoption faite par un consentement conjoint des époux fait naître les mêmes droits et devoirs que ceux des enfants nés dans le mariage.

L'adoption faite par l'un des époux fait naître les droits et devoirs à l'égard de l'époux qui l'a faite.

**<u>Sous-section 4 :</u> Procédure de révocation de l'adoption**

**<u>Article 308</u> : Procédure de révocation de l'adoption**

L'adoption est révoquée pour les raisons suivantes :

1° s'il existe des indices sérieux qui prouvent que l'adoption a été établie à la suite ou dans l'intention d'un enlèvement, de prendre l'enfant pour femme ou mari, d'une

cyangwa umugabo, kumucuruza cyangwa kumugira umucakara;

2° mu gihe bigaragaye ko kumubera umubyeyi byakozwe mu buryo bunyuranyije n'inyungu z'umwana cyangwa uwari warabaye umubyeyi w'umwana atabyaye atacyujuje ibisabwa kugira ngo agire umwana uwo atabyaye;

3° haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 267 y'iri tegeko, iyo isano y'umwana na nyina cyangwa se bamubyaye yagaragaye n'iyo urubanza rwemeza ukubera umubyeyi umwana utabyaye rwabaye ndakuka.

**Ingingo ya 309: Ikirego kigamije gukuraho ukubera umubyeyi umwana utabyaye**

Ikirego gisaba kuvanaho kubera umubyeyi umwana utabyaye gitangwa n'ababyeyi, uhagarariye Inama y'umuryango y'umwana babereye umubyeyi cyangwa undi wese ubifitemo inyungu.

Ikirego gisaba kuvanaho ububasha bwo kubera umubyeyi umwana gitangwa kandi kikaburanishwa hakurikijwe amategeko asanzwe agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano.

**Ingingo ya 310: Uburenganzira bw´abazungura bwo kuregera ko uwagizwe umwana abyamburwa**

Iyo uwabereye umubyeyi umwana atabyaye apfuye yari yaratanze ikirego cyo kuvanaho ukubera

2° if it is evident that it was done in contradiction with the child's interests or when the adoptive parent no longer fulfils the necessary requirements to adopt a child ;

3° subject to Article 267 of this Law, if the relationship between the child and the mother or father is established even when the final judgment granting adoption was rendered.

**Article 309: Petition for revocation of adoption**

A petition for revocation of adoption is filed by parents, the representative of the Family Council of the adoptee or any interested person.

A petition for revocation of adoption is filed and judged in accordance with ordinary rules of civil procedure.

**Article 310: Right of heirs to file a petition for revocation of adoption**

In case of death of the adoptive parent after filing a petition for revocation of adoption, the petition

traite d'enfants ou d'esclavage;

2° lorsqu'il apparaît qu'elle a été accordée étant contraire à l'intérêt de l'enfant ou lorsque l'adoptant ne remplit plus les conditions requises pour l'adoption ;

3° sous réserve de l'article 267 de la présente loi, lorsque le lien entre l'enfant et sa mère ou son père est établi quand bien même le jugement d'adoption serait devenu définitif.

**Article 309: Action en révocation de l'adoption**

L'action en révocation de l'adoption appartient aux parents, au représentant du Conseil de famille de l'adopté ou à toute personne intéressée.

L'action en révocation est introduite et jugée conformément aux règles ordinaires applicables à la procédure civile.

**Article 310: Exercice de l'action en révocation de l'adoption par les héritiers**

En cas de décès de l'adoptant après avoir introduit une action en révocation de l'adoption, l'action peut

umubyeyi umwana atabyaye, ikirego gishobora gukomezwa n'abamuzunguye kandi bakabikora mu gihe kitarengeje umwaka umwe (1) uhereye igihe yapfiriye.

**Ingingo ya 311: Kwandukura urubanza rukuraho ukugirwa umwana n'utaramubyaye**

Urubanza rukuraho ukugirwa umwana n'utamubyaye rwandukurwa mu gitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye, mu mpande y'inyandiko y'ivuka n'iy'inyandiko yo kugirwa umwana n'utaramubyaye bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu.

**Ingingo ya 312: Inkurikizi z'ivanwaho ry'ukubera umubyeyi umwana utabyaye**

Mu gihe habayeho ivanwaho ry'ukubera umubyeyi umwana utabyaye, nyina cyangwa se bari barambuwe ububasha bwa kibyeyi bashobora gusaba urukiko ko yagarurwa bakongera kumugiraho ubwo bubasha bwa kibyeyi.

Mu gihe nta kirego batanze cyangwa se kitakiriwe, ubwishingire bw'uwo mwana bukorwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo z'iri tegeko zerekeranye n'ubwishingire bw'umwana.

**Ingingo ya 313: Gutangira kugira agaciro kw'icyemezo kivanaho kubera umubyeyi umwana utabyaye**

Ukuvanaho kubera umubyeyi umwana utabyaye

may be invoked by heirs who must pursue it in a period not exceeding one (1) year from the date he/she died.

**Article 311: Recording of the judgment deciding revocation of adoption**

Any judgment deciding revocation of adoption is registered in the register of adoption records and mentioned in margins of birth record and that of adoption record upon request by any interested person.

**Article 312: Effects of revocation of adoption**

In case of revocation of adoption, the mother or the father who had been deprived of parental authority may request the court for the return of the child under their parental authority.

Where there was no such a request or when it is dismissed, guardianship is organised according to provisions of this Law relating to guardianship.

**Article 313: The coming into effect of the revocation of adoption**

Revocation of adoption comes into effect from the

passer aux héritiers qui doivent l'exercer dans un délai d'un (1) an à compter du jour du décès.

**Article 311: Enregistrement du jugement portant révocation de l'adoption**

Tout jugement portant révocation de l'adoption est enregistré sur le registre des actes d'adoption et en marge des actes de naissance et d'adoption, à la diligence de toute personne intéressée.

**Article 312: Effets de la révocation de l'adoption**

En cas de révocation de l'adoption, sa mère ou son père qui étaient déchus de l'autorité parentale peuvent demander à la juridiction que l'enfant soit replacé sous leur autorité parentale.

S'ils n'arrivent pas à introduire cette demande ou si la demande est rejetée, la tutelle est organisée conformément aux dispositions de la présente loi régissant la tutelle.

**Article 313 : Effectivité de la révocation de l'adoption**

La révocation de l'adoption devient effective à

bigira agaciro uhereye igihe urubanza rubyemeza rwaciriwe.

Ukuvanaho kubera umubyeyi umwana utabyaye byanditswe mu gitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye bihagarika inkurikizi zo kubera umubyeyi umwana utabyaye kuva bicyandikwa.

Ukuvanaho ukugirwa umubyeyi w'umwana utabyaye bituma uwagizwe umwana akurwa mu muryango w'uwamugize we kandi agatakaza uburenganzira n'inshingano byose yari afite muri uwo muryango.

**<u>Ingingo 314</u>: Kongera kugirwa umwana n'utaramubyaye**

Kongera kugirwa umwana bundi bushya n'utaramubyaye byaba ku buryo bworoheje cyangwa busesuye bishoboka mu gihe cyose ibi bisabwa byujujwe:

1° uwamubereye umubyeyi wa mbere yapfuye cyangwa abamubereye ababyeyi ba mbere bapfuye;

2° ukugirwa umwana mu buryo busesuye cyangwa bworoheje bwahindutse cyangwa bwavanyweho.

**<u>Ingingo ya 315</u>: Kwemererwa kubera umubyeyi umwana utabyaye bundi bushya**

Mu gihe habaye impamvu zituma umwana

day on which the revocation judgment was rendered.

Revocation of adoption recorded in register of adoption records halts effects of adoption from the date of its recording.

Revocation of adoption has effect of removal of the adopted child from the family of adoptive parent and cause him/her to lose all rights and duties that he/she had in that family.

**<u>Article 314</u>: Re-adoption**

Simple or full re-adoption of a child is possible provided that the following conditions are fulfilled:

1° if the previous adoptive parent or parents are dead;

2° if the previous form of simple or full adoption has been changed or revoked

**<u>Article 315:</u> Requirements in case of re-adoption**

For re-adoption of a child formerly under adoption,

compter du jour du prononcé du jugement y relatif.

La révocation de l'adoption enregistrée dans le registre des actes d'adoption fait cesser les effets de l'adoption à partir de cette transcription.

La révocation de l'adoption a pour effet de faire sortir l'adopté de la famille de l'adoptant et de lui faire perdre tous les droits et devoirs qu'il avait dans cette famille.

**<u>Article 314 </u>: Nouvelle adoption**

Une nouvelle adoption de manière simple ou plénière est possible chaque fois que les conditions suivantes sont remplies :

1° l'adoptant ou les adoptants antérieurs sont décédés ;

2° la forme d'adoption plénière ou simple a été révisée ou révoquée.

**<u>Article 315 :</u> Conditions requises en cas de nouvelle adoption**

En cas de nouvelle adoption d'un enfant qui a

ashakirwa abandi babyeyi batamubyaye hasabwa:

1° kwemera kw'abantu bari baremeye mbere ko umwana ashakirwa umubyeyi utaramubyaye;

2° kwemera k'uwari wabereye mbere umwana umubyeyi keretse mu gihe uko kubera umubyeyi kwari kwarasubiweho cyangwa kwarasheshwe kandi yarabimenyeshejwe.

Icyakora, iyo umwe mu bantu bavuzwe haruguru adafite ubushobozi bwo kugaragaza ibitekerezo bye, ukwemera kwe ntikuba kukibaye ngombwa.

**Akiciro ka 5: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga**

**Ingingo ya 316: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga**

Ukubera umubyeyi uwo utabyaye ku rwego mpuzamahanga ni uburyo butuma habaho isano hagati y'umwana n'umubyeyi abereye umwana atabyaye badahuje amaraso ariko bombi bakaba badatuye mu gihugu kimwe.

Ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga bishobora gukorwa mu buryo bworoheje cyangwa busesuye.

the following conditions are fulfilled:

1° consent of persons who previously consented to the previous adoption;

2° consent of previous adoptive parent or parents unless the previous adoption was changed or revoked and they were notified of it;

However, if any of the above-mentioned parties is unable to express his/her consent, such consent is not required.

**Subsection 5: Inter-country adoption**

**Article 316: Inter-country adoption**

Intercountry adoption is a form of adoption that creates relationship between a child and an adoptive parent with whom he/she has no kinship relationship but both are not domiciled in the same country.

Intercountry adoption is in form of simple adoption or full adoption.

bénéficié antérieurement d'une adoption, les conditions suivantes doivent être remplies :

1° le consentement des personnes ayant consenti à l'adoption antérieure ;

2° le consentement de l'adoptant ou des adoptants antérieurs, sauf s'il y a eu révocation ou révision de l'adoption antérieure qui leur a été notifiée.

Toutefois, si l'une des personnes susmentionnées est dans l'impossibilité de manifester sa volonté, son consentement n'est pas requis.

**Sous-section 5: Adoption internationale**

**Article 316: Adoption internationale**

L'adoption internationale est une forme d'adoption qui crée un lien de filiation entre un enfant et un parent avec lequel il n'a aucun lien de parenté mais les deux ne sont pas domiciliés dans un même pays.

L'adoption internationale peut être simple ou plénière.

**Ingingo ya 317: Igihe habaho ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga**

Habaho ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga iyo uwo mwana:

1° ubusanzwe aba mu Rwanda kandi akaba agomba kujyanwa mu gihugu cy'amahanga;

2° agomba kuva mu gihugu akomotsemo akaza mu Rwanda;

3° aba mu Rwanda ariko nta burenganzira afite bwo kuhatura.

**Ingingo ya 318: Iby'ingenzi bigomba kwitabwaho kugira ngo habeho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga**

Kugira ngo habeho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga hagomba kurebwa niba:

1° inyungu z'umwana arizo zigamijwe;

2° nta muntu wundi uri mu gihugu umwana akomokamo wifuza kumubera umubyeyi;

3° abantu bagomba kwemera ko habaho kubera umubyeyi umwana utabyaye babikoze nta gahato, kandi bagiriwe inama

**Article 317: Cases of inter country adoption**

Intercountry adoption occurs when the child to be adopted:

1° usually resides in Rwanda and has to be transferred towards a foreign country;

2° has to be moved from the country of origin towards Rwanda;

3° resides in Rwanda without being authorized to settle there.

**Article 318: Essential requirements for intercountry adoption**

For an intercountry adoption to occur, it must be ensured that:

1° adoption aims at the interests of the child;

2° there is no other person in the country of origin of the child to be adopted who wishes to adopt the child;

3° the consent of those required to consent to the adoption was freely given and that all of them got necessary advice and were

**Article 317 : Cas d'adoptions internationales**

On parle d'adoption internationale lorsque l'enfant à adopter :

1° réside habituellement au Rwanda et doit être déplacé vers un pays étranger ;

2° doit être déplacé du pays d'origine vers le Rwanda ;

3° réside au Rwanda sans être autorisé à s'y établir.

**Article 318 : Conditions essentielles de l'adoption internationale**

Pour qu'il y ait l'adoption internationale, on doit s'assurer que :

1° l'adoption répond à l'intérêt supérieur de l'enfant ;

2° aucune autre personne du pays d'origine de l'enfant ne manifeste la volonté d'adopter cet enfant ;

3° les personnes dont le consentement est requis pour l'adoption ont donné librement leur consentement et ont été entourées des conseils

zihagije ku byerekeranye n'inkurikizi z'uko kwemera;

4° igihugu ugirwa umwana agomba kujyanwamo cyagaragaje ko ushaka kuba umubyeyi w'uwo atabyaye ku rwego mpuzamahanga afite ubushobozi bwo gutunga umwana n'ubunyangamugayo bwo kubera umubyeyi umwana atabyaye;

5° igihugu cy'ushaka kuba umubyeyi w'umwana atabyaye cyemeye ko umwana azemererwa kwinjira no gutura ku buryo buhoraho muri icyo gihugu.

Iteka rya Minisitiri ufite abana mu nshingano ze rigena ibindi bigomba kwitabwaho mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga n'uburyo bikorwa.

**<u>UMUTWE WA V</u>: UBUBASHA BWA KIBYEYI**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingingo rusange**

**<u>Ingingo ya 319</u>: Ububasha bwa kibyeyi ku mwana wavutse ku bashyingiranywe**

Ububasha bwa kibyeyi ku mwana bufitwe na se na nyina b'umwana.

Iyo babuze ubwumvikane ku byerekeye gukoresha ubwo bubasha bwa kibyeyi, umwe mu bashyingiranywe abishyikiriza Inama y'umuryango ikagerageza kubunga. Utishimiye umwanzuro

duly informed on consequences of their consent;

4° the receiving State where the adopted child is to be transferred has proved that the intending intercountry adoptive parent has enough capacity to cater for the child and is of good moral integrity required for adoption;

5° the country of the intending adoptive parent has approved that the child will be allowed to enter and reside in such a country on a permanent basis.

An order of the Minister in charge of children determines other conditions to be considered in intercountry adoption and the procedure thereof.

**<u>CHAPTER V:</u> PARENTAL AUTHORITY**

**<u>Section One:</u> General provisions**

**<u>Article 319</u>: Parental authority on a child born in wedlock**

Parental authority is vested in the father and the mother of the child.

In case of non-consent over the exercise of parental authority, one of the spouses refers the matter to the Family Council which in turn attempts to conciliate them. The unsatisfied party is allowed to

nécessaires et dûment informées sur les conséquences de leur consentement ;

4° l'Etat d'accueil de l'enfant à adopter a déclaré que le futur adoptant dispose suffisamment de ressources pour prendre soin de l'enfant et fait preuve d'intégrité requise pour l'adoption ;

5° le pays d'origine du futur adoptant a déclaré que l'enfant sera admis sur son territoire et autorisé à s'y établir de façon permanente.

Un arrêté du Ministre ayant les enfants dans ses attributions fixe les autres conditions d'adoption internationale et la procédure y relative.

**<u>CHAPITRE V</u>: AUTORITE PARENTALE**

**<u>Section première</u>: Dispositions générales**

**<u>Article 319 :</u> Autorité parentale sur l'enfant né dans le mariage**

L'autorité parentale est exercée par le père et la mère de l'enfant.

En cas de dissentiment sur l'exercice de l'autorité parentale, l'un des époux s'adresse au Conseil de famille qui à son tour tente la conciliation. La partie non satisfaite de sa décision dispose d'un recours

wayo afite uburenganzira bwo kuregera urukiko rubifitiye ububasha narwo rugaca urubanza rushyira imbere inyungu z'umwana.

Iyo umwe mu bashyingiranywe yapfuye, yabuze, yazimiye, yambuwe ubushobozi cyangwa ububasha bwa kibyeyi, ububasha bwa kibyeyi busigarana undi mubyeyi. Icyakora, iyo abo babyeyi bombi batakiriho, babuze, bazimiye, bambuwe ubushobozi cyangwa ububasha bwa kibyeyi, ubwo bubasha busigarana umwishingizi w'umwana cyangwa undi wese umurera mu buryo bwemewe n'amategeko.

**<u>Ingingo ya 320</u>: Ububasha bwa kibyeyi ku mwana wavutse ku batarashyingiranywe**

Ububasha bwa kibyeyi ku mwana wavutse ku batarashyingiranywe bugirwa n'umubyeyi umurera.

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Inshingano zigendanye n'ububasha bwa kibyeyi**

**<u>Ingingo ya 321</u>: Inshingano zikomoka ku bubasha bwa kibyeyi**

Ububasha bwa kibyeyi bugizwe n'inshingano yo kwita ku mwana, kumurera, gucunga umutungo we no kuwukoresha mu buryo bwubahirije amategeko.

refer the matter to the competent court which decides with particular regard to the interest of the child.

If either spouse dies, is missing, is deprived of parental authority, parental authority is exercised by the other parent. However, in case both parents die, disappear, are absent, are legally incapacitated or are deprived of parental authority, parental authority is exercised by the guardian or any other person who has the legal custody in respect of the child.

**<u>Article 320:</u> Parental authority on a child born out of wedlock**

Parental authority over a child born out of wedlock is exercised by that parent in charge of the child's custody.

**<u>Section 2</u>: Duties pertaining to parental authority**

**<u>Article 321</u>: Duties deriving from parental authority**

Parental authority comprises the duties to cater for, educate, manage and use his/her property in accordance with the law.

devant la juridiction compétente qui statue en privilégiant l'intérêt de l'enfant.

Lorsque l'un des époux décède, disparait, est déchu de l'autorité parentale, celle-ci est exercée par l'autre parent. Toutefois, si les deux parents décèdent, disparaissent, sont absents, sont des interdits judiciaires ou sont déchus de l'autorité parentale, l'autorité parentale est exercée par le tuteur de l'enfant ou par toute autre personne qui est légalement investie du droit de garde au regard de l'enfant.

**<u>Article 320</u>: Autorité parentale sur l'enfant né hors mariage**

L'autorité parentale sur l'enfant né hors mariage des parents est exercée par le parent qui en assure la garde.

**<u>Section 2:</u> Devoirs afférents à l'autorité parentale**

**<u>Article 321</u>: Devoirs découlant de l'autorité parentale**

L'autorité parentale comprend les devoirs d'assurer le bien-être, d'éducation, de gestion et d'utilisation de son patrimoine conformément à la loi.

**Akiciro ka mbere: Inshingano yo kwita no kurera umwana**

**Ingingo ya 322: Inshingano y'ababyeyi yo kwita ku mwana wabo no kumurera**

Ababyeyi bafite inshingano yo kwita no kurera umwana wabo utaragera ku myaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko. Abashinzwe kurera umwana bemewe n'amategeko nabo bafite izo nshingano.

**Ingingo ya 323: Aho umwana arererwa**

Umwana wese utaragira imyaka y'ubukure arererwa mu muryango w'ababyeyi be, cyangwa uw'abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi.

Umwana utaragira imyaka y'ubukure ntashobora kuva iwabo ngo ajye kwibana cyangwa ngo ajye gucumbika ahandi ababyeyi be cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi batabimwemereye, keretse mu bihe biteganywa n'amategeko.

**Akiciro ka 2: Inshingano yo gucunga umutungo w'umwana no kuwukoresha**

**Ingingo ya 324: Gucunga umutungo bwite w'umwana**

Mu gihe cyose ubushyingiranwe bukiriho, ababyeyi b'umwana cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi nibo bamucungira umutungo we bwite, kandi bamuhagararira mu

**Subsection One: Duties of custody and education of the child**

**Article 322: Parental duties of custody and education of the child**

The parents have the duties to cater for and educate the child under twenty- one (21) years old. The same duties apply to the custodian.

**Article 323: Place of education of the child**

The place of education for any minor is the family of his/her parents or that of other persons with parental authority over him/her.

No minor may leave family home and settle in his/her own residence or stay in another place without the consent of his/her parents or other persons with parental authority over him/her, unless in cases provided by law.

**Subsection 2: Duty of administration and use of the child's property**

**Article 324: Administration of the child´s own property**

The father and mother, or any other persons exercising parental authority over a child, during the wedlock, ensure the administration of the property of their child and represent him/her in

**Sous-section première: Devoirs de garde et d'éducation de l'enfant**

**Article 322 : Devoirs parentaux de garde et d'éducation de l'enfant**

Les parents ont les devoirs d'assurer le bien-être et l'éducation de leur enfant âgé de moins de vingt et un (21) ans. Les mêmes obligations valent pour ceux qui assurent sa garde.

**Article 323: Lieu d'éducation de l'enfant**

Le lieu d'éducation de tout mineur est la famille de ses parents ou celui d'autres personnes ayant autorité parentale sur lui.

Le mineur ne peut quitter la résidence familiale pour aller vivre seul ou séjourner ailleurs sans le consentement du père ou de la mère ou de toute autre personne qui exerce l'autorité parentale sur lui, sauf dans les cas déterminés par la loi.

**Sous-section 2: Devoir d'administration et d'utilisation du patrimoine de l'enfant**

**Article 324: Administration du patrimoine personnel de l'enfant**

Le père et la mère ou toute autre personne exerçant l'autorité parentale sur l'enfant, sont, durant le mariage, administrateurs du patrimoine personnel de leur enfant et le représentent dans les actes de la vie

bikorwa bimuhuza n'abandi. Iyo ubushyingiranwe butakiriho gucunga umutungo w'umwana bikorwa n'umubyeyi washinzwe kumurera.

Ibyo bikorwa byose babikora mu nyungu z'umwana kandi hashingiwe ku kubyaza umusaruro umutungo we.

Icyakora, iyo bibaye ngombwa gutanga, kugurisha cyangwa kugwatiriza umutungo w'umwana ku nyungu ze, ntibishobora gukorwa hatabayeho ubwumvikane hagati y'ababyeyi bombi cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi.

Iyo batabyumvikanyeho, umwe mu bashyingiranywe ashobora gushyikiriza ikibazo Inama y'umuryango. Utishimiye umwanzuro wafashwe n'Inama y'umuryango yemerewe gutanga ikirego imbere y'urukiko rubifitiye ububasha narwo rugaca urubanza rushyize imbere inyungu z'umwana.

**<u>Ingingo ya 325</u>: Impamvu zituma inshingano zo gucunga umutungo w'umwana zirangira**

Inshingano z'ababyeyi b'umwana cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi zo kumucungira umutungo zirangira iyo:

1° ahawe undi muntu umurera;

2° agejeje ku myaka y'ubukure;

3° yemerewe ubukure;

civil acts. When the marriage is no longer valid, the administration of child's property is provided by the parent in charge of the child's custody.

All these civil acts observe interest and normal economic use of the child's own property.

However, in case of transfer, sale of or mortgage on the child's property in his/her best interests, the consent of both parents or other persons exercising parental authority over the child is required.

In case of disagreement, either spouse may refer the matter to the Family Council. A person who is not satisfied with the decision of the Family Council is allowed to refer the matter to the competent court which decides with particular regard to the interest of the child.

**<u>Article 325</u>: Grounds for termination of duties of the administration of the child´s property**

Duties of parents or persons with parental authority to ensure the administration of the child's property are terminated:

1° when guardianship is vested in another person ;

2° when the child reaches the age of majority;

3° when the child is emancipated;

civile. Lorsque le mariage n'est plus valide, l'administration du patrimoine de l'enfant est assurée par le parent à qui la garde de l'enfant a été confiée.

Ces actes doivent être conformes aux intérêts et à l'utilisation économique normale du patrimoine personnel de l'enfant.

Toutefois, les actes de cession, vente ou hypothèque du patrimoine de l'enfant dans son intérêt, ne peuvent être accomplis que moyennant le consentement des deux parents ou d'autres personnes exerçant l'autorité parentale sur lui.

En cas de dissentiment, l'un des époux dispose d'un recours devant le Conseil de famille. La partie non satisfaite de la décision du Conseil de famille dispose d'un recours devant la juridiction compétente qui statue en privilégiant l'intérêt de l'enfant.

**<u>Article 325</u> : Causes mettant fin aux devoirs d'administration du patrimoine de l'enfant**

Les devoirs des parents ou des personnes ayant autorité parentale d'assurer l'administration du patrimoine de l'enfant prennent fin :

1° lors du changement de tuteur de l'enfant ;

2° à la majorité civile de l'enfant ;

3° à l'émancipation de l'enfant ;

4° babyeyi cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi bambuwe n'urukiko ububasha bwa kibyeyi cyangwa bapfuye;

5° umwana apfuye.

**Ingingo ya 326: Kwemererwa gukoresha umutungo w'umwana**

Ababyeyi b'umwana cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi bemerewe n'amategeko gukoresha mu nyungu z'umwana ibikomoka ku mutungo bwite we.

Icyakora, gukoresha umutungo ntibigera ku mutungo uturuka ku mwuga w'umwana utandukanye n'uw'ababyeyi be cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyeyi n'ibindi byose uwo mwana yishakiye akoresheje uwo mutungo.

**Ingingo ya 327: Gukoresha umutungo w'umwana iyo habayeho ubutane**

Iyo habayeho ubutane, inshingano zo gukoresha ibikomoka ku mutungo w'umwana zemererwa umubyeyi washinzwe kurera umwana.

**Ingingo ya 328: Igihe gukoresha umutungo w'umwana birangirira**

Gukoresha umutungo w'umwana birangira igihe ububasha bwo kuwucunga butakiriho.

4° when parents or other persons vested with parental authority are deprived of parental authority by the court or die;

5° when the child dies.

**Article 326: Legal enjoyment of the child's property**

Parents of the child or other persons vested with parental authority have the right to the legal enjoyment of revenues accrued from their child's personal property in the interest of the child.

However, the legal enjoyment is neither extended to professional revenues that a child got from a particular activity different from that of his/her parents or other persons vested with parental authority nor to the property the child generates from these revenues.

**Article 327: Legal enjoyment of the child's property in case of divorce**

In case of divorce, legal enjoyment of the revenues accrued from the child's property is conveyed to the parent in charge of the child's custody.

**Article 328: Termination of legal enjoyment of the child property**

Legal enjoyment of the child's property terminates at the same time as its administration.

4° lorsque les parents ou les autres personnes exerçant l'autorité parentale sur l'enfant sont déchus de l'autorité parentale par la juridiction ou décèdent ;

5° en cas de décès de l'enfant.

**Article 326: Jouissance légale sur le patrimoine de l'enfant**

Les parents de l'enfant ou les autres personnes exerçant l'autorité parentale sur lui ont un droit de jouissance légale sur les revenus du patrimoine personnel de leur enfant dans l'intérêt de l'enfant.

Toutefois, la jouissance légale ne s'étend pas aux revenus professionnels que l'enfant tire d'une activité distincte de celle de ses parents ou des autres personnes exerçant l'autorité parentale sur lui ni au patrimoine acquis par l'enfant grâce à ces revenus.

**Article 327: Jouissance légale sur le patrimoine de l'enfant en cas de divorce**

En cas de divorce, la jouissance légale sur les revenus du patrimoine de l'enfant revient au parent auquel la garde de l'enfant a été confiée.

**Article 328: Fin de jouissance légale sur le patrimoine de l'enfant**

La jouissance légale sur le patrimoine de l'enfant prend fin en même temps que son administration.

**Icyiciro cya 3: Kwamburwa ububasha bwa kibyeyi**

**Ingingo ya 329: Impamvu zihagarika ububasha bwa kibyeyi**

Bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, urukiko rushobora kwambura by'agateganyo cyangwa burundu ufite ububasha bwa kibyeyi ubwo bubasha kubera impamvu zikurikira:

1° iyo ufite ububasha bwa kibyeyi yakoresheje nabi ububasha bwe bwa kibyeyi cyangwa ahoza umwana ku nkeke;

2° igihe ufite ububasha bwa kibyeyi yitwaye nabi ku buryo bugaragarira buri wese bigatuma atagikwiriye ububasha bwa kibyeyi.

**IGICE CYA IV: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 330: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu nkiko**

Imanza zose zari mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa ziburanishwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ariko nta gihinduwe ku mihango y'iburanisha yakozwe.

**Section 3: Deprivation of parental authority**

**Article 329: Grounds for deprivation of parental authority**

Upon the request by any interested person, the court may temporarily or permanently deprive a person with parental authority of that authority in the following cases:

1° where the person with parental authority abuses his/her parental authority or ill-treats the child ;

2° where the person with parental authority is no longer worthy of exercising parental authority due to his/her notorious misconduct.

**PART IV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 330: Cases pending before courts**

All cases pending before courts at the time of commencement of this Law are tried in accordance with this Law, but with no retrospective effect over acts thereto related already accomplished.

**Section 3: Déchéance de l'autorité parentale**

**Article 329 : Causes de la déchéance de l'autorité parentale**

A la demande de toute personne intéressée, la juridiction peut priver temporairement ou définitivement de l'autorité parentale la personne ayant autorité parentale, notamment dans les cas suivants :

1° lorsque la personne ayant autorité parentale abuse de son autorité parentale ou se livre à des sévices sur la personne de son enfant ;

2° lorsque, par son inconduite notoire, la personne ayant autorité parentale n'est plus digne d'exercer l'autorité parentale.

**PARTIE IV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 330: Affaires pendantes devant les juridictions**

Toutes les affaires pendantes devant les juridictions lors de l'entrée en vigueur de la présente loi sont jugées conformément à la présente loi mais sans effet rétroactif sur les actes de procédure déjà accomplis.

Icyakora, imanza zose ziri mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa, hakurikizwa ibiteganywa n'itegeko nº 42/88 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988:

1° iyo ibiteganywa n'iri tegeko bibangamiye uburenganzira umuburanyi yahabwaga n'ibiteganywa n'itegeko nº 42/88 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988;

2° iyo iri tegeko rihindura ibyangombwa by'ishingiro cyangwa imihango ikirego kiri mu rukiko cyashingiyeho.

Imanza zisimbura inyandiko z'irangamimerere ku byerekeye inyandiko z'amavuko zari mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa ntiziburanishwa ahubwo ibibazo bikemurwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 331</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 332</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 330 y'iri tegeko, Itegeko nº 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano n'izindi ngingo zose z'amategeko

However, for all cases pending before courts prior to the commencement of this Law, Law nº 42/88 of 27 October 1988 applies where:

1° the provisions of this Law infringe the rights previously entitled to either party by Law nº 42/88 of 27 October 1988;

2° this Law modifies substantive requirements or the procedure of the case pending before the court.

Judgments that replace civil records with regard to birth records pending before courts prior to the commencement of this Law are not tried but are decided in accordance with the provisions of this Law.

**<u>Article 331</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 332</u>: Repealing provision**

Subject to provisions of Article 330 Paragraph 2 of this Law, Law nº 42/1988 of 27 October 1988 instituting the Preliminary Title and Book One of the Civil Code and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Toutefois, les affaires pendantes devant les juridictions avant l'entrée en vigueur de la présente loi sont jugées conformément à la Loi nº 42/88 du 27 octobre 1988 lorsque :

1° les dispositions de la présente loi lèsent les droits accordés aux parties par la Loi nº 42/88 du 27 octobre 1988 ;

2° la présente loi modifie les conditions de fond et la procédure sur laquelle est basée une affaire pendante devant la juridiction.

Les affaires relatives aux jugements supplétifs d'actes de naissance pendantes devant les juridictions avant l'entrée en vigueur de la présente loi ne sont pas jugées mais sont tranchées conformément à la présente loi.

**<u>Article 331</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en français, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**<u>Article 332</u>: Disposition abrogatoire**

Sous réserve des dispositions de l'article 330, alinéa 2 de la présente loi, la Loi nº 42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le Titre Préliminaire et Livre Premier du Code Civil ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la

abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo bivanyweho.

**Ingingo 333: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **28/08/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 333: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **28/08/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

présente loi sont abrogées.

**Article 333 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **28/08/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/ Garde des sceaux